Amavuta y'Urugendo
Amasomo ya buri munsi ya Bibiliya 121

PREVIEW COPY

Amasomo ya Bibiliya ya buri munsi

Amavuta y'Umwuka Wera ni " Amavuta " y'urugendo rw'ubuzima. Ni "amavuta" agaburira umunyantege nkeya, agashyirwa mu itara kugira ngo ribashe kwaka neza. Imiraba yo mu buzima ni nk'umuyaga uhuha. Ibibazo by'isi bya buri munsi n'ibindi bihe tubamo muri uru rugendo rw'ubuzima bishobora kutubuza kwaka, ariko kubona amavuta bituma itara ryawe riguma kwaka ndetse kurushaho. N'igishirira gitoya cy'umuriro gishobora gutanga umuriro w'ikibatsi iyo gisutsweho amavuta ahagije.

Uburyo bakoresha " Amavuta y'Urugendo".

Muri kino gitabo harimo amasomo ya buri munsi 121. Buri munsi uhabwa umugisha mu cyanditswe kugira ngo abantu bagire imbaraga zo gusoma buri munsi. Mu gitondo kare ni umwanya mwiza. Abizera aho bari hose ku isi bashimishwa n'uyu mwanya wabo wihariye wo gusenga gitondo. Kimwe n'uko hari ababona umwanya mwiza ku manywa cyangwa se nimugoroba nk'igihe cyihariye cyo gusenga. Kwiga Bibilira ni umwanya mwiza ku miryango cyangwa inshuti iyo babikoreye hamwe. Amatorero nayo ashobora gukoresha n'ubu buryo bw'amasomo ya buri munsi, mu nyigisho cyangwa amasomo yo mu matsinda, mu nama z'amasengesho cyangwa zitangizwa n'amasengesho.

GIHON PUBLISHING

IGICE CYA MBERE
Amavuta y'urugendo- Amasomo 121 ya buri munsi

Gihon Publishing Hertfordshire, UK
© Ruth Dickson UK 2017

ISBN 978-0–9932071–0-5

Uburenganzira bwose bwihariye. Nta gice cy'iyi nyandiko cyemerewe kuvugururwa cyangwa kongera gukorwaho no gushyirwa hanze mu buryo ubwo aribwo bwose bwaba ubw'inyandiko, amashusho cyangwa amajwi hatagendewe k'uruhushya rwanditswe rwatanzwe na Gihon Publishing LTD:
info@gihonpublishing.com

FREE COPY

IRIBURIRO
"AMAVUTA Y'URUGENDO"

FREE COPY

Nshuti Musomyi, nshimishijwe cyane bitavugwa no kuba ufite iki gitabo mu biganza byawe, cyaba kiri mu nyandiko ifatika cyangwa se mu bundi buryo ugifitemo ugisoma, isengesho ryange ni uko Umwuka Wera azakora umurimo ukomeye muri wowe.

Nta tandukaniro riri hagati y'abagabo n'abagore bose muri iyi si ya none. Hariho ishyanga ry'ubwoko bwatoranijwe, bwamenyekanye ndetse buhamagarwa n'Imana guhera mu bihe n'ibihe. Ubwo bwoko bwahawe Kristo. Bambistwe ikanzu yo gukiranuka, bahamagawe kubw'ubuntu, batoranijwe n'urukundo rw'Imana,… ntakindi mfite narenzaho ku byo Kristo yamaze gukora, urupfu rwa Kristo ruruzuye kandi rurakwiye. Intego y"AMAVUTA Y'URUGENDO", irororshye, ni ugutanga umucyo urabagirana mu isi yuzuye umwijima, kugutera imbaraga no kukugeza kuri Yesu Kristo.

Umurimo w'umwuka wera.

Bibiliya ikoresha ibimenyetso bitandukanye mu gusobanura cyangwa gutandukanya umuntu n'umurimo w'umwuka wera. Kimwe muri ibyo bimenyetso ni AMAVUTA. Ni Umwuka w'Imana uyobora umuntu ku kwizera Kristo. Umwuka Wera akorera muri twe, mu buzima bwacu bwa buri munsi. Aradukunda, aradukomeza, aratuyobora, atubatura ku cyaha, atuyobora ku kwihana ibyaha. Isengesho ryange ni uko umwuka Wera ubafasha mu kuri kose abayobora buri ntambwe yose mu nzira, binyuze mu "Amavuta y'urugendo". Ndasega kugira ngo muzabone umucyo wa Kristo kandi muyoborwe kuri we.

Niwirebaho incuro imwe, ukwiye kureba kuri Yesu Kristo incuro icumi! Ibi ni ukuberako iyo wirebyeho, icyo wibonaho ni ugukiranirwa gusa cyangwa ibyaha. Ukuri ni uko tubaho mu isi ikiranirwa, n'abantu bakiranirwa. Dukwiye rero kureba k'ukiranuka, utunganye kandi wera kugira ngo tugire icyerecyezo cy'ukuri.

Nureba ugatumbera Ijambo ry'Imana, uzibona gacyeya ubwawe ubone cyane ubwiza n'icyubahiro cy'urenze gukiranuka.

Nureba kuri Kristo, uzakura amaso yawe ku kureba imibereho yawe hano ku isi, maze urebe k'uwakweretse impuhwe n'urukundo rutangaje mu mugambi we wo kugucungura.

Hari ibyiringiro bihoraho, ubwishingizi burimo umugisha n'amahoro mu kumenya ko Kristo ari mu ruhande rwawe.

Ndifuzaho iki gitabo kikubera "amavuta" afite imbaraga zirenze ku rugendo rwawe. Imana ibahe umugisha.

Ruth Dickson

FREE COPY

Nta na kimwe gikwiye guha umuntu
ubwishigizi kuruta ijambo ry'Imana.
Ni urufunguzo ku
buzima kandi Imana ishaka ko tubaho
ubuzima bwuzuye.

Nubona ibirimi by'umuriro
ugurumana,
Ibuka
-
kugurumana kwawo
guturuka ku Mana.

FREE COPY

Umunsi wa 1:
Uburyohe bw'Imana
Zaburi 104:34

FREE COPY

Ese ntabwo wumva umutima wawe ushyuhagujwe cg unyotewe no gusoma amagambo y 'Imana akomeza yo mu byanditswe, mu bintu bikakaye uba uri gucamo cyangwa wumva buri munsi? Ijambo ry'Imana niryo ryonyine rishobora guhindura isiganwa ry'umunsi wawe. Amaso ni amadirishya y'ubugingo n'utuyunguruzo ushobora kuboneramo umucyo cyangwa umwijima.

Ubwenge bufite ubushobozi bwo kubika ibyo bwabonye, bwasomye, ibyo bwakiriye bishobora kubugaragarira nk'ibishimishije cyangwa ibibabaje. Ibi bishobora kugukomeza cyangwa kuguca intege. Watekereza uko ubuzima bwagenda haramutse hatariho umucyo w'ijambo ry'Imana? Byaba ari umwijima w'icuraburindi. Imana ishimwe cyane kubw'ababafata umwanya wo kwiyumvisha ibi.

Ijambo ry'Imana rizana umucyo ahari umwijima. Rikatugezaho amakuru ashimishije. Niryo muyobozi w'ibyishimo. Abantu benshi muri iyi minsi bafite amatelephone agezweho (smartphones).Gukozaho agatoki gusa, biguha kumenya ibintu bitandukanye biri kubera ku isi. Igiye cyose ubonye hakwirakwijwe icyanditswe cyera ku mbuga nkoranyambaga, fata umwanya ubitekerezeho neza. Ni urubuto ruryohereye mu bintu byinshi byangiza ubona iyo uri ku muronko. Zaburi 104:34 hatubwira ko gutekereza ku ijambo ry'Imana ari ukunezeza Imana. Nimwishime, kandi munezewe, mukure amaso yanyu ku mwijima. Fungura Bibiliya yawe usome kandi utekereze ku ijambo ry'Imana. Riratoshye kandi ni isoko y'ubugingo. Soma Bibiliya yawe buri munsi, ni ubukungu buhambaye bw'ibyishimo. Dutekereze ku bintu biha ubuzima ubugingo bwacu.

Ibibazo cg ingorane zo kwizera Imigani 3:5-6

FREE COPY

Umuntu wigeze anyura mu bigeragezo bikomeye cyane, ahantu cyangwa mu buryo bwe byihariye, ashobora kubona ko bigoye kwizera Imana. Ikibazo cy'ihungabana gishobora guturuka ku mitekerereze cyangwa kubyabaye ku muntu. Guhungabana bishobora gusobanurwa nko kugira igikomere gihambaye cyangwa guca mu bihe bigoye bikaba byagusigira ingaruka zikomeye mu gihe kirekire. Iyo umubiri uhuye n'ibiwuhungabanya bigaragarira amaso, urugero nk'igihe umuntu akomerekejwe inyuma cyangwa agahohoterwa ku mubiri, bishobora kumuremaho ubumuga runaka bugaragarira inyuma. Ibintu bishobora kuba ku muntu, bikamutera kutazongera kwizera ukundi.

Ushbora kwizera Imana n'umutima wawe wose.

Imyizerere yawe ku buzima iragutsinda. Birashoboka cyane kugira umutima wiremyemo ibice: nta kwigirira icyizere ufite. Imigani 3:5 hadutegeka kwizerera mu Mwami n'umutima wacu wose. Ese wizera Imana mubo mukudana, mu butunzi, mu kazi kawe no mu kwifuza k'ubuzima? Wizera ko Imana yazana imigambi yayo no gushaka kwayo bigasohora? Yifuza ubutsinzi mu mpande zose. Izi ibyakubera byiza muri ubu buzima, ndetse n'aho waba waragambaniwe, warakomerekejwe, warahawe akato cyangwa waraciwe intege.

Inzira zose ntabwo ariko ari inzira ziboneye. Inzira zose ntabwo ziyobora kuri Yesu. Shaka Imana mu cyerecyezo cy'ubumana kandi uyishakishe umutima wawe wose. Mu byemezo byose ufata, wibuke Imana. Imana ni urutare rukomeye rutanyeganyezwa kandi ni iyo kwiringirwa mu nzira zayo zose. Ntabwo izigera igutererana. Umwuka Wera ni umufasha kandi akaba n'umurinzi. Avugisha buri munsi binyuze mu ijambo rye. Yesaya 30:21 haratubwira ngo "amatwi yawe azumva ijambo inyuma yawe rikubwira riti ' Iyi niyo nzira, yigenderemo'" Zaburi 119:105 hagira hati " Ijambo rye ni itabaza ritanga umucyo ku ntambwe z'ugendera mu mwijima, kugirango rimurikire ibirenge bye. Wizere Imana uyu munsi, ntiwishingikirize ku bwenge bwawe bwite. Uzirikane Imana mu nzira zawe nayo izayobora intambwe zawe. Imigani 3:5-6

FREE COPY

Umuns wa 3:
Abizera bababazwa
&
Abanyabyaha bahiriwe
Zaburi 49:20

Birashoboka cyane kubaho muri ubu buzima bwo ku isi, ukaba wanayivaho nta kintu ka kimwe ugezeho. Umuntu ashobora kugira ubutunzi bwose bwa hano ku isi, akabaho abona icyo ashaka cyose, ari umuntu wubashywe, ariko mu bifatika ari nk'inyamaswa ibora. Yaba amaze gupfa, ibye bikibagirana. Umwuka w'umuntu uko yaba ameze kose, ntabwo upfa cg ngo ujye ahacecekerwa, umwuka urakomeza ukabaho, kugeza umunsi wa nyuma w'urubanza.

Umugore cyangwa umugabo mu cyubahiro, ni umenya imigambi ye akayigenzura. Ubuzima bwose abayeho, bukaba ari ubumwerekeza kuri Kristo. Abo rero nibo nibo bafite ibyiringiro kandi bategereje icyubahiro gikomeye kizaboneka.

Uwizera Kristo ntakwiye narimwe kwifuza kubaho nk'umunyabya ubaho ashimisha umubiri we no gushayisha kwiyi si. Uwizera kristo abaho kubw'icyubahiro n'ikuzo by'Imana. Aba azi neza ko afite ububasha bwose ku biri mu isi. Abo babarizwa mu muryango w'abizera, ni abaraganwa na Kristo bakaba abahungu n'abakobwa b'Umwami usumba abami.

Umunsi wa 4: Ukomeye kandi w' Umunyembaraga

FREE COPY

Ninde wabaza ubushobozi bw'Ihoraho? Ese ikiremwa cyatwaza igitugu uwakiremye? Hazabona ishyano utonganya iyamuremye. Ese ibumba ryatonya uribumba? Yesaya 45:9.

Nta muntu n'umwe wagereranywa n'Imana isumba byose. Yabayeho mbere y'uko ibihe bibaho. Yaremye ijuru n'isi. Umuntu wese washaka kwigereranya n'Imana, yaba atakaza umwanya we. Imana ntigereranywa n'ikindi kiremwa icyo aricyo cyose. Ni Imana ifite ubushobozi bwose.

Ibigirwamana, ibyakozwe n'intoki z'umwana w'umuntu, ntibishobora guhangana n'Imana ishobora byose, umuremyi w'isanzure. Imirimo y'umuntu, ntishobora kugereranywa n'imirimo y'Ukomeye kandi w'Umunyembaraga, Imana isumba byose.

Abarwanya Imana, uko byagenda kose bazageraho babone ko Imana itarwanywa. Uko byagenda kose ifite uburyo bwayo izabikora. Umuntu wese unangira umutima we gusuzugura Imana, akwiriye kugirirwa impuhwe. Ni byiza gucira Imana bugufi, aho kugerageza guhangana nayo. Hagowe umuntu wese urwanya iyamuremye.

Nta kiremwa muntu cyagombye kwigira umuyabwenge gusumba usumba abanyabwenge. Nta kiremwa muntu gikwiye kwigira ukomeye kurenza Imana, Imana nyembaraga zose kandi ikomeye. Ikora ibyo ishaka kandi ibona ko biboneye mu maso hayo. Nta n'umwe ushobora kuringaniza ububasha bwayo, cyangwa kuyibwira icyo igomba gukora.

Nimwubahe Imana uyu munsi, mucire bugufi umwana wayo, nimutabikora bizayirakaza, maze ibarimburane n'ibyo mukora byose, kuko uburakari bwayo bushwanyaguza. Ariko hari umunezero ku bantu bose bahungira ku Mana. (Zaburi 2:12) NLT

Umunsi wa 5:
Ni ayahe Mafunguro urimo ufata?
I Petero 2:2

FREE COPY

Niba ushaka gutwara ubuzima bwawe neza, ucyeneye amafunguro meza. Niba ukunze kurya amafunguro atari mazima vuba cyangwa cyera, bizakugiraho ingaruka mbi. Birashoboka k'ubwenge, umubiri ndetse n'umwuka kugaburirwa indyo icyennye cg ituzuye. Ubutumwa bwanduye nta kintu na kimwe bushobora kukumarira mu buryo bw'mwuka.

Imitekerereze mizima.

Ibyo kurya bimwe, ntabwo tubirya kubw'umubiri gusa, ahubwo binadufasha gukuza cyangwa kwagura imitekerereze yacu. Intumwa Pawulo, akoresha urugero rw'umwana unywa amata kugira ngo atange ubusobanuro bwumvikana bw'ibyo avuga. Amata mazima ajyanye n'imyaka umwana anywa, agira uruhare runini mu mikurire ye. Aya mata agomba kuba atanduye. Ibi rero ni kimwe n'umuntu " wavutse ubwa kabiri" (Yohana 3:7), aba acyeneye " amata mazima yo mu buryo bw'umwuka" kugira ngo abashe gukura. Uko ibihe bigenda bisimburana, ni nako hagenda babaho kuvuka gushyashya mu buryo bw'umwuka ku bizera. Uku kuvuka kwa kabiri kuzana ubuzima bushya bwo mu mwuka.

Ibyo ufungura umuntu yabyibazaho?

Intambwe ya mbere kugira ngo umuntu agire imirire myiza ni ukureba ngo ni ibiki bigiye kwinjira mu mubiri wange nk'ibiryo. Wowe urimo urarya iki? Ubutumwa urimo wumva mu ijambo ry'Imana aho si bwa bundi bupfuye hahandi wumva wanaruka, cyangwa ukumva adashaka kuzongera no kubutegera amatwi? Ibyo turya nibyo bitugira abo turi bo.

Imirimo y'Imana igaragarire muri mwe. Igenzure neza nk'umwizera wa Kristo, ko urimo uragabura indyo yuzuye kandi ifatika mu buryo bw'umwuka.

Umunsi wa 6:
Uwizera Kristo agomba guhora anezerewe.
Abafiripi 4:4

FREE COPY

Yesu Kristo yahaye abamwizera buri mpamvu iyo ariyo yose yo kunezerwa no kwishima. Ibyishimo by'umukirsto ntabwo biterwa n'impamvu zigaragara inyuma. Ibyishimo by'abizera ntabwo ari nka buji yaka kubera ko hari umuyaga uyihuha. Ibirimi by'umurimo wa buji bikomeza kwaka iyo iteretse ahantu hayemerera kwaka gusa. Buri munsi kuri ino si, uzana ibyawo bigeragezo n'ibibazo. Umunsi umwe izuba rirarasa undi munsi hakagwa imvura. Ntabwo ibyishimo by'abizera bigomba guhindagurika nk'iteganyagihe niba ryo rihindagurika buri uko umuntu arebye hanze.

Umunezero w'imbere mu mutima w'uwizera, ugomba kutajegajega igihe uturuka ku isoko ihamye. Iyi ni isoko itajya ikama. Uyu niwo mucyo utajya uzima. Kuko urahura kwaka kwawo muri Kristo. Uyu mucyo urasa cyane kuko urahura ku isoko idashira y'ibyishimo. Aya mavuta y'ibyishimo ntabwo arangirana n'umunsi. Ahoraho agatanga umucyo buri uko umunsi ucyeye.

Abafiripi 4:4 ni integuza ya buri munsi kuri buri wese wizera Yasu Kristo. Imana iri iri kumwe nawe iminsi yose. Ni Imana y'abantu iri kumwe nawe. Ntabwo Imana icogora ntinanarambirwa. Ntabwo ari ya nshuti iboneka mu gihe cy'izuba mugihe cy'itumba ntiboneke. Ibihe byiza bizana inshuti zigenzwa n'ibihe byiza umuntu aba arimo (Imigani 19:4). Uhoraho Emanweri araboneye mu nzira ze zose. Azabana nawe mu bihe byiza ndetse no mu bihe bibi. Azabana nawe mu birori by'ubukwe cyangwa wita umwana izina, anabane nawe mu biriyo igihe wabuze abawe. Igihe cyose azaba ahari.

Buri wese akwiye kwemera ibi: Emanweri ari kumwe nawe ibihe byose (Matayo 1:23). Nezerwa kuko uri mubari kumwe nawe kandi imbuto y'umwuka we ni ibyishimo(Abagaratiya 5:33). Ahahise hawe haribagiranye, ufite ejo hazaza heza muri Yesu. N ibihe bitari byiza, bikuzanira ibyiza iyo uri muri Kristo (Abaroma 8:28). Ushobora kugenda ndetse ukavamo umuntu Imana yaguhamagariye kuba we. Ugakora ibyo yaguhamagariye gukora. Yamaze kukubanziriza kugira ngo agorore inzira zawe. Byiyumvemo. Ishime ndongeye mbisubiyemo, ishime. Igihe cyose ugifite uburenganzira ku ntebe y'ibyishimo. Ari kumwe nawe iminsi yose kugeza ku mpera z'ibihe. Haleruya!! Haleruya!!! Emanweri ari kumwe na twe. Agakiza kacu karasohoye!! Hoziana ari hejuru ya byose.

FREE COPY

Umunsi wa 7
Guma ube uwo ugomba kuba we n'ubwo turi mu isi.
Abefeso 6:10

Buri muntu wese wizera Yesu Kristo, yabisabwe n'Imana. Bigusaba rero ubutwari buhambaye kuzibukira cg ugatera iby'isi umugongo maze ugakurikira Kristo n'umutima wawe wose. Uwizera agomba kuba yiteguye kuzambara umwenda w'ubusazi mu gihe abandi bose bamukikije bambaye nk'abantu bazima. Mu yandi magambo, agomba kuba yiteguye kutazagenda nk'uko ab'isi bifuza kugenda. Uwizera agomba guhagarara akomeye mu mwambaro w'ukuri. Kubaho ubuzima butangaje butandukanye n'ubw 'abandi kubera ko udashaka kwisanisha n'abandi, niho hantu hagukwiriye kuba: Ugendeye kubyo Kristo ashaka (Mayato 5:11).

Komera mu Mwami

Shadaraki Meshake na Bedenego banze kubyinira no kuramya igishushanyo cya Nebukadinezari (Danyeri 3:15). Uramutse ubisobanuye neza, banze kuramya no gusenga "Igishushanyo" cy'umwana w'umuntu. Bari baramaramaje mu kwizera kwabo banga gusenga ikigirwamana icyo aricyo cyose, uretse Imana Yehova. Barahagaraye baguma kuba abo bari bo n'imbere y'itanura ry'umuriro. Ibyo baregwaga ni nk'ibyo Daniel yigeze kuregwa, ko yanze gupfukamira igishushanyo cy'umwana w'umuntu. Danyeri yagumanye kwizera kwe n'imbere y'amenyo y'intare.

Ni iby'icyubahiro gikomeye k'uwizera, iyo raporo za hano ku isi, zigutanze zivuga ko wanze kugendera no gukurikiza imigenzo n'imigirire by'abantu. Kuko gusenga ibigirwamana wari umuhango n'imigirire by'abakurambere nk'uko byagiye bihererekanywa mu binyejana byinshi byagiye bikurikirana. Yewe hari n'aho mu nsengero bigikorwa.

Komerera mu mbaraga ze zihambaye.

Bene data muri Kristo. Iyi ni iminsi ya nyuma. Mukwiye guhagarara mu mbaraga zihambaye z'Imana mu kurwanya imbaraga z'umwijima. Kugeza Kristo agarutse hazaba hakiriho intambara zo kurwana. Nk'umusirikare wa Kristo ugomba guhora uri indwanyi kandi witeguye. Wibuke ko uru rugamba atari urugamba rw'umubiri ni urugamba rw'imbaraga turwana n'imyuka mibi yo mu kirere.Ucyeneye rero imbara z'umwuka no kuba uhagaze neza mu buryo bw'umwuka. Izi mbaraga ntahandi wazikura uretse ku Mana. Mu gihe umuyobozi w'ingabo hano ku isi akomezwa gusa no kuba akikijwe n'ingabo zimurinda, abizera bo bakomezwa n'imbaraga zituruka ku Mana. Uwizera anesha umwanzi akoresheje imbaraga n'ububasha bw'Imana. Ukuboko kw'iburyo kw'Imana gushyizwe hejuru, ukuboko kw'iburyo kw'Imana kurahambaye (Zaburi 118:16). Ukuboko kw'iburyo kw'Imana ni ikimenyetso cy'imbaraga zikomeye z'Imana. Izi mbaraga nizo ikoresha mu gusenyagura imbaraga z' umwanzi.

Yesu Kristo yaje muri ino si yoroheje kandi yicishije bugufi. Yarababajwe, arasuzugurwa ndetse yangwa n'abantu, ariko ntibyamubujije kwerekana uwo yari we ndetse no kunesha. Yahagaze mu mwanya we. Mu mbaraga z'amaraso ye uwizera yaranesheje.

Reka umunyembaraga avuge ko akomeye, yesu yariyerekanye. Nimwishime ndongeye ndabivuze, nimwishime! Satan yaratsinzwe.

FREE COPY

FREE COPY

Umunsi wa 8:
Ambara umwambaro wawe w'urugamba
Abefeso 6:11

Paul hano yavugaga nk'ubwira ingabo azitegurira urugamba mu Abefeso 6:11. Imbaraga z'Imana zikomeza abakiranutsi kuba mu mwambaro wabo w'urugamba wuzuye kandi uboneye. Izi mbaraga zitwuzuza kwizera kandi zikadutegura neza mbere yo kujya ku rugamba. Iyi ntabwo ari intambara ya hano ku isi.
Kuki tugomba kwambara uyu mwambaro w'urugamba?
Umwambaro w'urugamba duhabwa n'Imana, udufasha kurwana n'icyaha. Umwambaro w'urugamba wuzuye, wakuwe kuri Adamu na Eva umunsi bacumura, maze bisanga bambaye ubusa.
"Maze amaso yabo bombi arahumuka, maze bamenya ko bambaye ubusa. Niko kuremekeranya ibibabi by'ibiti ngo babone icyo bambara" -Itangiriro 3:7

Iyo Satani abonye umwenge muto ku mwambaro wawe w'urugamba, acengezamo imyuka mibi. Ya myuka mibi ikabana nawe kugira ngo ijye iguca intege mu gihe ugeze aho unanirwa. Niyo mpamvu umwambaro wacu w'urugamba ugomba kurindwa neza kugira ngo hatagira igice na kimwe cy'umubiri cyambara ubusa bigaha Satani urwaho. Uwizera agomba kuba yambaye rero kandi yikwije (mu bitekerezo, umubiri ndetse no mu mwuka) ibihe byose. Nkuko Satani yashutse Eva niko acyeneye gushuka abantu benshi bashoboka maze akabagira imbata. Adamu na Eva babaye imbata z'icyaha aho kugira ngo bihane icyaha cyabo. Uku niko bigendekera buri muntu wese kugeza abonye Yesu.
Hagarara wemye imbere y'imitego n'ibishuko bya Satani.
Intwaro zo kwirinda ntabwo ari intwaro nk'izo dusanzwe tuzi hano ku isi. (2 Abakorinto 10:4). Hari ubuntu budasanzwe bubasha kurinda buri gice cyose cy'umwenda wacu w'urugamba kugira ngo utangirika. Umwenda wacu ugahora uboneye imbere y'igikomangoma cy'umwijima.

FREE COPY

Witwa Umwambaro w'urugamba w'Imana kuko ari uw'Imana.

Ubwacu nta mwambaro w'urugamba tugira. Tugomba kwambara umwambaro w'urugamba duhabwa n'Imana kugirango tubashe guhangana n'imigozi y'umwanzi igihe cyose. Umwanzi we ari mu kazi, afite imbaraga zose n'uburyo bwose agomba gukoresha ngo ature uwizera hasi. Umwuka mubi, ni uburyo bw'umwuka buganza babandi bemerera gukoreshwa n'uwo mwuka.

Umwenda w'urugamba kumu kristo uba wuzuye iyo nyirawo awambaye.
"Mwambare umwenda w'urugamba w'Imana". Buri gice cyose kiba gifite umurimo wacyo kdi kigakoreshwa n'ubuntu bw'Imana. Ni Ubuntu mu mikorere. Iyo uwo mwenda wambawe, bigomba gukoreshwa nk'uko byateganijwe "guhagarara ushikamye imbere y'imitego ya Satani". Uyu mwenda ugomba kuba wambawe kugeza Kristo agarutse.
Murwane intamabara nziza yo kwizera. (1 Timoteyo 6:12).

FREE COPY

Umunsi wa 9:
Kuko tutarwana n'abafite inyama n'amaraso.
Abefeso 6:12

Iyo umwana w'umuntu arwanya uwizera Kristo, aba ayoborwa n'imyuka mibi. Abasabini boherejwe na Satani kwangiza no kurimbura ubuzima bwa Yobu. Imbaraga zikomeye nizo zikoresha imitekerere y'abarwanya n'ababangamira ivugabutumwa ry'ijambo ry'Imana. Izo mbaraga zikora nk'abakozi ba Satani kugira ngo bakore ibishoboka byose mu kurwanya abizera. Ijambo ry'Imana risobanura aba bambari ba Satani nk'abantu ba za "maraya z'imirimo y'imyuka mibi"- Byavuzwe na Yusitini umufirosofe w'umukristo.

Ntushobora kujya ku rugamba wenyine.

Imana mugenga, niyo irwana urugamba. Uwizera ntabwo ubwe yakishoboza kurwana urugamba. Umwuka w'Imana yagiye ku Mose (Kuva 33), ntabwo yiyemeye ngo agende wenyine. Mbere y'uko Yakobo ahura na Esawu, yarabanje asenga Imana. (Itangiriro 32). Dawidi yarasenze umwami wa Antitiferi afatwa n'ibisazi 2Samweri 15:3. Imana yaramwumvise kuko abanzi ba Dawidi bashakaga kugenza ubugingo bwe.

Mu bihe bya cyera indwanyi zisigaga amavuta azifasha kugira ngo umwanzi atabasha kugira igice na kimwe cy'umubiri wabo asigarana. Ni nako abizera uyu munsi bakwiye kwambara bikwije ijambo ry'Imana. Icyaha giha umwanzi wawe urwaho. Icyaha hano nakigereranya na moteri yatswa gusa na Satani. Uwizera akwiye gukoresha ijamabo ry'Imana mu kurwana na Satani. Iyo hagize ushinja umukiranutsi ibyaha, nta na kimwe abona nk'ikimenyetso cyo kumuhamya ibyaha, uretse umwuka wo gukiranuka uza akamurenganura, bya birego bye ukabitwika ukabigira umuyonga.

Bene data muri Kristo Yesu, nimugire imbaraga mu minsi ya none. Urugamba ni urw'Imana. Uwiteka nyiri ngabo azakugenda imbere akurwanire intambara. Intambara y'imbere y'icyaha ntabwo izabona aho ikumenera, habe n'intambara z'inyuma ku bigaragara ntizizaguhagurukira mu izina rya Yesu, Amen.

Kwihagararaho imbere y'umwanzi.

Umwanzi aba ashaka kugukuramo kwizera kwawe. Ikifuzo cye ni ikuguhatira kuva mu birindiro byawe: Mu mwanya wawe wo gusenga, umwanya w'ubugingo n'imbaraga byose ukabitakaza. Umugambi we w'ingenzi ni uguhagarika ubumwe bwawe n'Imana, ariko uwizera Yesu Kristo agomba gihagarara ashikamye.

FREE COPY

FREE COPY

Umunsi wa 10:
Kuba umugeni wa Kristo
Matayo 25: 1-13.

Mu gicuku cy'ijoro, humvikanye ijwi, umwari w'ubwenge arasohoka ajya gusanganira umukwe.
Nk'uko impeta y'isezerano ubwayo idahagijwe, ariko ikaba ari ikimenyetso cy'isezerano rizaza (ibirori by'ubukwe nyirizina), ni nako umukristo afitanye isezerano na Krito, n'ubwo ari kuri ino si by'igihe gito ariko azi neza ko nta kizahindura iryo sezerano. Umukristo aba hano ku isi azi neza ko Kristo ari bugufi kugaruka, kandi azaza aje gutwara umugeni we.

Nta n'umwe uzi umunsi cyangwa isaha Kristo azagarukira.
Kristo nagaruka, azatandukanya urukungu n'ingano. Urugendo rw'umukrito rugereranywa n'inyubako ifite igisenge gifashwe n'inkuta n'ibikwa bihamye. Iyo inyubako yuzuye imeze neza, ibikwa bikurwaho, hakagaragazwa ubwiza bw'inyubako.
Dusabwa guhora turi maso, kugira ngo tudatwarwa iyo tutazi.
"Mube maso, kuko mutazi igihe umukiza azazira ...."(Matayo 24:42-44).
Umwami yasize adusezeranije ko azagaruka adutunguye. Yegereranije kuza kwe, nko kuza k'umujura utera mu ijoro. Iyo isi ivuze amahoro, iba ishaka kumvikanisha umutekano n'uburumbuke mu by'ubukungu. Gusa uko byagenda kose Yesu azagaruka. Kristo yadusezeranije ko azagaruka mu gihe nta n'umwe uzaba atekereza ko yagaruka, mbega azaza nk'umujura.

Umujura nta na rimwe atangaza igihe azira, ahubwo yinjira mu nzu muri cya gihe abantu basinziriye. Twese tuzi neza ko abajura batiba ikintu cyose babonye. Ahubwo bareba bya bindi bifite agaciro kanini nka: Diyama, zahabu, ubutare, amafaranga n'ibindi bikoresho bihenze. Bagasiga bya bindi bigaragara nk'ibidafite umumaro. Muby'ukuri basiga byinshi ugereranije n'ibyo batwara, uramutse ubibaze mu bunini. Iyi ni ishusho itugaragariza uko bizagenda Kristo nagaruka. Azatwara abe, asige ba bandi batasabye imbabazi z'ibyaha byabo. Abo ni bamwe batatwikiriwe n'amaraso.
Fata kugaruka kwa Kristo nk'ikintu cyihuse kdi gikomeye.
Nk'abizera ducyeneye kuba maso kandi twiguye kuza k'Umwami igihe icyo aricyo cyose. Ntabwo ari igihe kizatandukanya abizera n'abatizera gusa, ahubwo abagabo bazatandukana n'abagore babo, abavandimwe bazasiga abo bavuka nabo, ndetse n'isnhuti zizasiga inshuti zazo magara.
"Iryo joro, abantu babiri bazaba basinziriye ku buriri bumwe, umwe azazamurwa

undi asigare. Abagore babiri bazaba basya ku rusyo rumwe, umwe azazamurwa undi asigare" (Luka 17:34-36).
Ibi bintu dukwiye kubifatana imbaraga kuko hazahabo dutungurana kudasanzwe kuri uwo munsi. Krsito agororera abamukoreye batitangiriye itama. Uyu mukobwa w'umunyabwenge witeguye kandi ategereje kuza k'Umwami. Binjiranye nawe mu birori bamaze kwinjira urugi rurafungwa. Abakobwa b'abapfu, bo bakangutse ku ruhande rwabo bacyererewe. N'ubwo basakuje bahamagara bakomanga ku rugi, ntawabashije kubumva kuko igihe cyari cyarenze.
Kwifuza kwacu gusohozwa mu byishimo.
"Kuko umwana w'umuntu aza mu bwiza bwa se, n'abamarayika, hanyuma agororere buri muntu wese ibikwiranye n'imirimo yakoze" Matayo 16:27 unasome Ibyahishuwe 22:12-20.
Turi abasakazabutumwa bwiza bwa Yesu muri uru rugendo. Hano mu isi ntabwo ari iwacu, turasiganirwa dusingira ibihoraho. Uru rugendo rw'igihe gito gito, rwuzuyemo amabuye, ibikuku ibishyanga n'ibibaya binaniza umugenzi. N'ubwo duhura n'ibigeragezo n'ingorane ariko harimo n'ibyishimo by'ukuri.
Ni Yesu wenyine ushobora gutanga umunezero n'ibyishimo ku magufa yakomeretse. (Zaburi 51:8).

Ni Yesu wenyine ushobora gutanga ibishimo ahari umuborogo. Ndetse n'ahari urupfu ni Yesu wenyine utanga intsinzi ya nyuma, kuko ubugingo bubaho iteka mu bihe bidashira.
Ntabwo turasoza isiganwa ryacu, haracyari igihe cyo kurirangiza. Akenshi usanga tudashaka kugeza isiganwa ku musozo, ahubwo tugacyenera kwishima tudasoje ibyo dusabwa.
Yesu yamennye amaraso ye kugirango ahabwe umugeni. Uzihana ibyaha bye wese, azabihanagurwaho kandi ubabarira nawe azababarirwa. Umwami azi abe kdi arabarengera ibihe byose.

FREE COPY

Umunsi wa 11:
Mugire urukundo kugeza ku iherezo.
Yohana 13:1

FREE COPY

"Yakunze abe bari mu isi, abakunda kugeza ku iherezo. Yuda Esikariyoti, yabaye umugambanyi wa Yesu Kristo, kandi yari inshutu ya Yesu Kristo bigaragarira buri wese. Mbere y'uko Yuda atoranywa, Yesu yarabizi neza ko azamugambanira, ariko nta ngaruka byagize ku mubano wabo wa mbere y'uko amugambanira. Yesu yakundaga Yuda Isikariyoti kugeza ku mwisho. Yohani 13:1. Kugeza no ku munota wa nyuma amusoma by'akagambane, Yesu yarakita Yuda, inshuti ye. Matayo 26:3. Mu masaha asatira urupfu rwe, abigishwa ba Yesu bamubwiraga ko bamukunda. Imbaraga zabo nkeya, imitekerereze yabo n'ubugwari bwa bamwe ntabwo byaciye Yesu intege zo kubakunda

Abantu b'inshuti zacu za bugufi nibo bishobokera kudukomeretsa. Umukoresha wawe, umwana wawe, inshuti yawe magara, umugabo wawe, umugore wawe, umuvandimwe, mushiki wawe, umubyeyi wawe, … ….., uwo ariwe wese niwe ushobora kugukomeretsa. Ku kigero cyose waba waragambaniweho, warakomerekejwe, warakoreshejwe cyangwa warahohotewe, Imana igusaba "Gukunda kugeza ku iherezo". Ushobora gukumira kuba utagira inshuti nshyashya, kubera ko utifuza kongera gukomereka ukundi. Kugendana n'uburinzi butagaragara ni bibi, kuko bikugabanyiriza ubusabane bwawe n'Imana. Ushobora kuvugako byorosye kubivuga kurenza kubikora, ariko basi tekereza ku kwitanga kubwawe, kugeza naho abambwe no ku musaraba. Yesu yarabyoroheje ku bwawe, binyuze mu mbabazi ze nyinshi. Akubabarira ibyaha byawe buri munsi, areba intege nkeya zawe n'ububi bwawe, ibuka buri munsi kwitanga gukomeye yagiriye kumusaraba.
Urwego rwose waba warageragejweho cg warababajwe, ariko byibuze fatira ku ngero za Yesu zo kubabarira no kwibagirwa. Ushobora gukunda no gutera bagenzi bawe imbaraga mu by'ubu buzima, ugendeye k'urugero rw'uko Yesu yagukunze.

Umunsi wa 12:
Urukundo nya rukundo rutangaje nka Zahabu na Diyama.
Luka 10:29-37.

FREE COPY

Ndibuka mu myaka yashize, nagize ikibazo cy'imodoka yange ku kazi. Bisa n'ibitunguranye hari umusiramukazi, wanyerekaga ko ankunze kandi anyitayeho ndetse ubona ko ababajwe n'ikibazo cyange. Yarashyashyanye kuri uwo mugoroba, kugira ngo arebe uko yambonera rifuti ingeza mu rugo, kuko aho twakoreraga kubona imodoka rusange ingeza aho ntaha byari bigoye cyane. Ibyo yarimo akora byamfunguye amaso kuko yakoraga iby'ubugwaneza k'uburyo ntari niteze.

Inkuru y'umugenzi waguye mu gico cy'abajura (Luka 10:29-37 Ihangane uhasome) bwari uburyo bwa Yesu bwo kutwereka uburyo umutima wa kimuntu utsindwamo. Uyu mugenzi izina rye ritamenyekanye waguye mu gico cy'abajura, yarakubiswe bamwambura ibyo yarafite byose kugeza no kumyamabaro ye, maze bamusiga ku nzira baziko yashizemo umwuka. Umwe ku wundi, ababwiriza butumwa ndetse n'abalewi, bamunyuragaho bakigendera. Bose bamureberaga ku ntugu bakihitira, bagakomeza ibyo bari barimo. Bamuciragaho iteka nk'uwagize uruhare mu kugwa mugico cy'abambuzi.

Iyi nkuru, ni ubuzima bubaho busanzwe duhura nabwo muri iyi si ya none, na Yesu ayivuga yarazi neza ko izahurirana n'ubuzima bwa none abantu bazaba bahura nabwo bya buri munsi nk'uko n'icyo gihe byari biri.

"Birababaza cyane iyo abantu tuzi neza ko bakabaye urugero rw'imirimo myiza ya kimuntu, usanga aribo barangwa n'ubugome ndetse n'imyitwarire bya kinyamaswa". Ibi byavuzwe n'umufirosofe Matayo Henuri.

Ndahuze cyane "nkorera Imana" k'uburyo ibi ntabyitaho? Dushobora kubona mwene data mu byago dushobora kubona umuntu ufite ibikomere udashobora kugera no kurusengero aho dusengera? Ese twashobora kugera kuri ba bandi baguye, tubona ahantu hatandukanye tuduye? Ese dushobora kugera kuri babandi bafite imyizerere itandukanye y'iyacu? Ese twakoza ibiganza byacu kuri babandi badasa natwe cyangwa badahumura nka twe? Ese turi abarinzi b'abaturanyi bacu? Ese byibuze turabavugisha? Utekereza ko Yesu yari kubyitwaramo gute? Kurundi ruhande, ese wakemera ubufasha buturutse ku muntu utari umu kristo? Ese Imana yohereje umusiramu cyangwa undi muntu watakaye mu bya Kristo ngo abe ariwe ugufasha mu gihe ucyeneye ubufasha, wakemera ubufasha bwabo cyangwa wabirukanira kure?

Umuntu wese Imana iduhaye amahirwe yo gufasha n'umuturanyi wawe, utitaye ku

gitsina, ibara ry'uruhu, yarashatse cyangwa akiri ingaragu, imyemere mpuzabitsina, imyemereye y'iyobokamana, ubwoko, ubumuga runaka. Ibi byose bishobora guterwa cyangwa kugenwa n'imiyoborere ya Politike, ariko buri muntu wese aremye mu ishuhso y'Imana kubw'iyo mpamvu rero buri wese akwiye kubahwa. Ibi biduha umukoro wo kongera gutekereza. Siko bimeze? Dutambuka ku mahirwe yo gufasha abantu kuko kenshi tutabarizwa mu gihugu kimwe? Gukunda umuturanyi wawe nk'uko wikunda (Mariko 12:31) ni rimwe mu mategeko akomeye twahawe n'Imana.

Yesu ni wamusamariyakazi kuri twese. Satan yadusize twakubiswe twambuwe ibyacu. Yadusiganye ibikomere adusiga ku nzira. Twasizwe twapfuye mu byaha, ariko Yesu yatugiriye impuhwe n'ibambe. Yasize icyubahiro cye, yicisha bugufi kugira ngo aducungure adukuraho kurimbuka kw'iteka. Nta na kimwe twatanga nk'inyishyu y'ibyo Imana yadukoreye. Basi mu bushobozi bwacu, reka dushishikarire gukora nk'ibyo umusamariyakazi yakoze.

FREE COPY

Umunsi wa 13:
Ukuri no gukiranuka
Abefeso 6:14

FREE COPY

Pawulo yamaze igihe kinini muri gereza. Ari muri gereza, niho yatakerereje ubu buryo bw'umusirikare wa Krsito ugomba kwambara umwambaro w'urugamba. Abefeso 6:13-17, tubona ubusobanuro burambuye bw'uko uwizera agomba kwambara umwambaro w'urugamba. Pawulo yifuzako buri uwizera Kristo wese agomba kwambara yikwije, nk'uko umusirikare yambara agiye ku rugamba. "Guhagarara"bigaragaza gushira amaga nokuba witeguye. Umusirikare agomba kuba ashize amanga kandi yiteguye neza. Umusirikare aramutse yambaye akibagirwa amapete ye, aba yishyize imbere y'umwanzi.

Umukandara w'ukuri.

Pawulo akoresha iki kimenyetso, agaragaza ko umukandara ari imwe mu ntwaro umukristo acyeneye kurwanisha. Umukandara uhuza ibintu byose neza. Ni umusingi nk'uko ibintu byose bigomba gushingira ku kuri kugaragazwa n'ijambo ry'Imana. Ukuri gukoreshwa mu kwambura imbaraga ibinyoma n'ibitutsi by'umwanzi. Nk'uko umusirikare ashingira ku myambaro y'urugamba, uwizera Yesu Kristo ashingira k'umwambaro w'urugamba mu buryo bw'umwuka.

"Ariko twebweho ubwo turi ab'amanywa, twirinde ibisindisha twambaye kwizera n'urukundo nk'icyuma gikingira igituza, kandi twambaye ibyiringiro byo kuzabona agakiza nk'ingofero. 1 Abatesaroniki 5:8.

Icyuma gikingira igituza, cyo gukiranuka.

Igihe umuntu yizeye Yesu Kristo arengerwa n'ubutabera no gukiranuka kw'Imana. Ntibafite gukiranuka kwabo bwite, babeshejweho no gukiranuka kw'Imana. Gukiranuka kw'Imana niko kubohora abizera ku birego, ku bubata no ku mbaraga zo kugeragezwa.

"Icyo twirata ni iki, ni ubuhamya bw'umutimanama wacu twagize mu isi twicisha bugufi mu cyubahiro cy'Imana, Atari ukubera ubwenge bw'iyi si, ahubwo kubera impuhwe z'Imana kuri twe." 2 Abakorinto 1:12

"Ariko kuri ngewe, ni ikintu gito cyane nakabaye ncirwa urubanza nawe cyangwa n'undi muntu uwo ariwe wese cyangwa urukiko rw'abana b'abantu. Nyamara sinicira urubanza ubwange. Kuko nta nakimwe nzi kubindwanya, ariko nta mutima uncira urubanza mfite. Imana niyo incira urubanza" 1 Abakorinto 4:3-4.

"Bana bato, ntihakagire ubabeshya. Ukora ibyo gukiranuka, ni umukiranutsi, nk'uko Yesu ari we gukiranuka. 1 Yohana 3:7.

Urugendo rw'umukristo rugomba kumugaragaza nk'umukristo, ari naho kwezwa no gukiranuka bigomba kugaragara aho aherereye hose. Gukiranuka kubohora uwizera ku mbaraga no k'ubuyobozi bw'icyaha. Umwanzi ahora acyenera kurega

abizera. Guhora twezwa nibyo bituma uwizera ahora asatira kumera nka Yesu. Guhora twezwa bitera uwizera kwanga ibyo Satani akunda, ni urugendo. Gukiranuka mu yandi magambo, bisobanuye guhagarara ku kuri wemera, no kubaho ubuzima bw'ukuri n'ubwo turi mu isi yuzuye umwijima.

FREE COPY

Umunsi wa 14: Ibirenge bihamye nk'imparakazi Zaburi 18:33, Abefeso 6:15

Uwizera Kristo agomba guhagarara ashikamye igihe cyose. Nyuma yo kwambara umukandara w'ukuri n'ibyuma bikingira igituza nko gukiranuka, uwizera agomba kwambara ibikingira ibirenge ariyo mahoro. Ntabwo umusirikare yajya ku rugamba yambaye inkweto zinyerera kuko ahantu hose zamuteza ikibazo. Ibirenge by'umusirikare ntibigomba kunyerera, ahubwo bigomba guhagarara bishikamye kugirango ahanganye n'umwanzi. Zaburi 18:33 haravuga ngo" Niyo ihindura ibirenge byange nk'ibyimparakazi, ikampagarika kumpinga z'imisozi miremire"

Uwizera ntabwo agomba gushidikanya ku mbaraga n'ubushoobozi bya Kristo. Ashoboza umuntu guhagarara kumpinga z'umusozi nk'uko imparakazi ibigenza. N'ubwo ku musozi hari imanga nini n'amabuye, imparakazi irakomeza ikurira, ikagenda ntinyerere, ntigwe ndetse habe no kunyeganyega.

Amahoro y'Imana aduha kutanyeganyega no kumva dushikamye ku rugamba. Ikibazo cyagwa ibyo waba uri gucamo byose, umuntu agomba guhagara ashikamye mu mahoro, atangwa n'ijambo ry'Imana, amwe adakurwaho n'icyo aricyo cyose. Umuntu uri mu mahoro y'Imana, yegera Imara ashize amanga. Uwo nta muntu n'umwe uzamukumira. Amahoro azana ubwisanzure n'umudendezo. Ese ni iki cyadutandukanya n'urukundo rw'Imana twaboneye muri Kristo Yesu Umwami wacu? (Abaroma 8:39). Dusabwa kuza dukomeye imbere y'intebe y'imbabazi, aho tubonera impuhwe n'urukundo bidufasha mu gihe kiri ngombwa. (Abaheburayo4:16). Kristo ni amahoro yacu (1 Tomoteyo 1:2). Yakuyeho urukuta rwadutandukanyaga n'Imana (Abefeso 2:14).

Umwanzi aza ahiga ubugingo bwacu. Iyo umuntu azi neza ko yiyunze n'Imana, bimuha amahoro yuzuye. Amahoro y'Imana azamukomeza mu bihe by'ibigeragezo. Uwizera ashobora kuvuga ashize amanga ati "Nzamuye Ebenezeri" azi neza ko Imana yabakuye kure, izakomeza ikabana nabo, kugeza ku iherezo.

Imana itanga ibyiringiro no kwizera binesha iyi si, Amen.

Umunsi wa 15:
Kwizera ni nk'ingabo
Igice cya I
Abefeso 6:16

FREE COPY

Kwizera ni nk'ingabo.

Kwizera kugereranywa n'ingabo kuko ikingira umubiri wose mu gihe cy'imirwano. Ingofero ikingira umutwe, ibyuma bikingira igituza nabyo byakorewe kurinda igituza, ariko ingabo yo ni nini bihagije ku kuba yarinda umubiri wose. Dawidi yashimangiye imikoresherezwe y'ingabo maze agira ati "Umwiteka, uha umugisha abakiranutsi, ubazengurutsa ibambe nk'ubarindishije ingabo" Zaburi 5:12, ingabo ishobora gukoreshwa mu buryo butandukanye. Abapolisi bakoresha ingabo icyarimwe bashaka nko gukora urukuta rubakingira nk'iyo bahanganye n'igikundi cy'abagizi ba nabi. Ingabo zabo aba ari nini cyane kandi zagutse kuko zibakingiriza guturuka ku mutwe kugeza ku birenge, zikabakingira rero uko bagenda begera imbere bahanganye n'icyo gikundi. Ki kimwe rero no k'umuntu wizera Kristo, ako agenda agana imbere, afite ingabo yo kwizera. Icyo umwanzi yaba akoresha cyose arwanya uwizera, aba arinzwe kandi atekanye mu ngabo yo kwizera.

Kwizera hari byinshi kwima amatwi

Iyo umwanzi azabye ibiganiro mpaka n'urujijo kubijyanye n'amategeko agenga ijambo ry'Imana, intambwe zo kwizera agashaka no kuyobora izi mpaka. Ijambo ry'Imana kuryakira bisaba Kwizera, kandi ingabo yo kwizera ikoreshwa mu guhagarika no gukinga imyambi y'umwanzi iba ije igamije guca intege uwizera.

Kwizera kwazanye Aburahamu ku munyuza mu bikomeye, aho ubwenge bwe butashoboraga kwiyumvisha ibyo Imana yamubwiraga. Kwizera niko kwamunyujije mu kizamini kandi agitambukamo yemye.

Ingabo yo kwizera izakingira abizera imiyaga ikomeye. Kwizera kubana nawe mu gihe cy'urujijo. Kwizera kuzakurinda mu kato. Kwizera kurakomeza ntikugira gitangira.

Ndasenga kugira ngo uyu mwaka ukomeze utere imbere. Izere Imana yawe n'umutima wawe wose kandi ntiwishingikirize ku bwenge bwawe. Dawidi yarabivuze "Nakabaye naraguye, ariko narizeye". Zaburi 27:13. Iringire Imana. Izere ijambo ryayo.

FREE COPY

Umunsi wa 16: Kwizera nk'ingabo Igice cya 2

Kwizera ni ubutsinzi bunesha isi. (1 Yohani 5:4). Kwizera ni ingabo ikingira uwizera kandi ntacyo umwanzi cyangwa imyuka mibi yabikoraho. Kwizera ni umwambaro w'ingabo nku ngabo, umwenda ukingira uwambaye. Ingabo ni nini bihagije kuko ikingira n'ingofero, ibyuma birinda igituza, umukandara ndetse n'inkweto. Kwizera niko kubumbiye hamwe uko kwirinda kose. Kwizera kunesha ubwoba. Ubwoba bw'ejo hazaza buneshwa gusa no kwizera. Kwizera ni ukwiringira ibyo Imana yavuze, nta yindi mpamvu n'imwe yindi uretse gusa ko Imana yabivuze. Kwizera gutuma Imana irinda ijambo ryayo. Kwizera kwakira ukuri kw'ijambo ry'Imana, kukaryizera kukanaryubaha. Kwizera gufata amasezerano y'Imana nk'agomba gusohora. Kwizera guha uwizera gukomera n'umwuka w'ubutsinzi.

Hagarika iyo myambi yaka umuriro

Pawulo akoresha ishusho "Kuzamura ingabo" mu Abefeso 6:16. Uwizera wese agomba gukoresha ingabo mu kwirinda imyambi yaka umuriro iraswa na Satani. Iyi myambi ni mibi cyane kuko ifite ubushobozi bwo guhinguranya buri kimwe cyose ihuye nacyo igasiga inagitwitse. N'ubwo iyi myambi iba ije irashwe uwizera, ntacyo izageraho. Uwizera acyeneye ingabo kugirango yirinde "ahagarike" imyambi y'umwanzi. Ijambo "hagarika"rikoreshwa mu Abefeso 6:17 kandi rikwiye gufatwa nk'irifite agaciro kanini. Ubwibone, iruba ry'ubusambanyi n'ibitekerezo byose bihakana Imana ni imwe mu myambi ikomeye iraswa mu kurwanya umukristo. Iyi nta kindi cyayitangira uretse kwizera. Umwuka wera ni umufasha kandi buri uwizera wese akwiye kureba kuri Yesu kugira ngo abashe guhangana n'umwanzi cyangwa imyuka mibi. Umutima wateraganywe wiringira imbabazi n'impuhwe by'Imana. Kwizera ni umufasha uhorana nawe wakugoboka mu bihe by'amakuba. Kristo ni ubutunzi bwakirwa n'ufite ibiganza byo kwizera. Kwizera ni Ubuntu Yesu ashaka kuzasangana abizera ubwo azaba agarutse. Yesu nagaruka, azasanga ugifite kwizera? Ukuri ni ubukungu mu mpuhwe z'Imana kandi niko gukangurira umunyabyaha ngo arebe kuri Yesu ibihe byose.

Umunsi wa 17:
Icyumba cy'imashini y'ubuzima bw'umukristo
Abefeso 6:18

FREE COPY

Ntamasengesho, nta mbaraga. Iyo umaze kwambara umwenda w'urugamba duhabwa n'Imana wikwije neza, ugomba gusenga. Umwenda w'urugamba ntacyo umaze uwambaye abaye adasenga. Ni nkuko wasunika ubwato ngo bujye imuhengeri munyanja ariko ntibuve aho buri kuko ntawuri kugashya. Aberekeza nibo bagashya bagaha ubwato imbaraga zo kugenda umuhengeri. Tugomba gukomera mu Mwami, mu mbaraga z'isumba byose (Abefeso 6:10).

Umwenda w'urugamba ugomba guhuzwa no gusenga, mu gihe uriya mwenda w'uruganda bawambara, ibyanditswe bigomba gushyirwa mu bikorwa nkuko bisabwa kandi mu bihe byo gusenga Imana. Tugomba "gusengera mu mwuka mu bihe byose." Ni umwuka w'Imana uzana kubaho kw'ijambo ryavuzwe.

Gusenga no kwinginga

Tugomba kwinginga kandi tugatitiriza mu gihe dusenga. Nk'uko Yesu yavuze ati " bagabo ntimugacogorere gusenga, kugira ngo mutagwa,"... (Luka 18:1), Pawulo nawe adushishikariza gusenga. Ashaka ko tuba intabaza, kandi tugasenga ubudasiba twisengera ubwacu, imiryango yacu ndetse n'igihugu cyacu. Benshi muri twe, dusenga nk'abasengera abantu b'Imana ahariho hose. Turi mu gihe abizera benshi bababarizwa cyane mu biganza by'umwanzi. Nta mbaraga z'umubiri bafite zo kubafasha kwirwanaho, ariko bafite Imbaraga z'Imana. Reka dusenge kugirango ukuboko gukomeye kw'Imana ishobora byose kugere ku bana bayo aho bahereye ku isi yose, kugira ngo babe abatsinzi kandi bishimire muri wa wundi ufite imbaraga ku byaremwe byose, ufite ubutwari k'urupfu n'ikuzimu.

Gutitiriza bisobanuye, guca bugufi mu isengesho umenya neza ko urimo usaba utakamba winginga wawundi umwe ufite ubutware, imbaraga n'ubushobozi ku kintu cyose cyaremwe. Reka umwuka wera atuyobore mu bihe byo gusenga. Sengera imbaraga z'umwuka wera, kugira ngo utazigera ucika integer cyangwa ngo utentebukirwe. Amen

Umunsi wa 18:
Kwizera nk'ingabo
Igice cya 3
Abefeso 6:16

FREE COPY

Ni ihame ndakuka: Ingabo yo kwizera izashwanyaguza imyambi yaka umuriro.
Imyambi yaka umuriro nicyo gikoresho gikomeye umwanzi akoresha arwanya uwizera. Abefeso 6:12 hasobanura Satani nk'umunyembara nkeya mu buryo bw'umwuka. Ijambo umunyantege nkeye, rikoreshwa kubera impamvu ebyiri.
Ubwambere, ijambo umuyantege nkeya, ritwibutsa ko Satani nta mbaraga afite ko buri muntu wese wizera yagombye guhangana nawe kandi akamutsinda maze akanga icyaha. Imana irakiranuka kdi ikinyuranyo cyo gukiranuka ni ugukiranirwa cyangwa se ikitari umwuka wera ni umwuka w'umwijima. Kayini asobanurwa nk'uw'umwuka w 'umwijima (1 Yohani 3:12). Kwifuza kwa Satan ni uguhatira abantu kumera nkawe kandi agashaka kubatwaza igitugu. Uwizera agomba kwirebera muri Kristo umunsi ku wundi.
Ubwa kabiri, Satani yitwa umunyantege nkeya n'Imana kugira ngo uwizera wese ku rugamba asubizwemo imabaraga ku rugamba zo kumurwanya yivuye inyuma. Imyuka mibi y'iminyantege nkeya ya Satan, yanga Imana kurusha uko yanga abantu. Buri mwana w'Imana wese ni umuraganywa na Kristo Yesu.

Bibiliya iragira iti "Ntihakagire ucokoza uwo nimikishije amavuta."(Zaburi 105:15). Niba yarihanangirije abami ngo ntihazagire ucokoza uwo yimikishije amavuta, ese yakihanganira gute imyuka mibi y'intege nkeya. Iyo Imana yigaragaje, abanzi bayo bakwirwa imishwaro (Zaburi 68:1).
Yesu Kristo afite ubushobozi bwo kuzimya imyambi yaka umuriro y'umwanzi. Zamura ingabo yawe yo kwizera!
Imyambi yihuta, imyambi irashwe mu ibanga, imyambi irashwe hagambiriwe kwica, uwaba ayohereje wese cyangwa aho yaba iturutse hose, ntabwo izigera inesha cyangwa ngo igere kuntego zayo. Ahatari inkwi, umuriro urazima (Imigani 26:20). Imana izakuraho inkwi zirimo zikoresha imyambi yaka umuriro kuri wowe. Amen!
Genda widegembya mu murage wahawe wo kwizera. Mugire umunsi w'umugisha!

Umunsi wa 19: Ubuntu n'amahoro Ibyahishuwe 1:4

FREE COPY

Ubuntu ni ibyiza duhabwa kubw'impuhwe z'Imana. Ni Imana iduha ibyo tudakwiriye, ni ibyo duhabwa k'ubw'urukundo cyangwa impuhwe. Ni umurimo umwe w'Imana mu kubabarira abanyabyaha byahamye. Si ikintu umuntu yabona uko yishakiye. Ni icyo Imana itanga ku buntu kandi ari yo ubwayo ibishatse, gusa ntabwo tuba tubikwiriye niyo mpamvu byitwa Ubuntu. Ni Imana ibwayo iduha imigisha, kubera ko ariko ishaaka kutugenzereza. Niba Imana yaduhaga ibyo dukwiriye, byakabaye ari umujinya n'uburakari bwayo. Niyo mpamvu tuvuga ko umunyabyaha yacunguwe kubw'ubuntu, ntabwo twegera Imana twitwaje gukiranuka kwacu. Tuza twicishije bugufi imbere y'Imana mu gukiranuka kwa Kristo.

Amahoro ni igihe nta makimbirane ahari. Turamutse turebye kugisobanuro cy'iri jambo mu byanditswe, bifite aho bihurire n'imibereho myiza y'umuntu mu buryo bw'umwuka. Ni uburyo bwo kumva ko umuntu cyangwa abantu bari mu mahoro hamwe n'Imana. Amahoro arumvikanisha neza, kandi arinda umutima. Uko byaba bimeze kose, ibyo waba uri gucamo byose muri ubu buzima, umuntu mu mahoro hamwe n'Imana aba afite imibanire myiza hamwe nayo, bishingiye k'urupfu rw'umukiza. Aya mahoro atanga kumva ukikijwe kandi uriho neza. Zaburi 65:2 icaho umuronko aho igira iti "Umwuka wange ubonera uburuhukiro mu Mana.

Imana itugirira Ubuntu buhoraho, kandi turabucyeneye. Iki nicyo Yohani asengera agira ati "Ubuntu n'amahoro bibe kuri mwe…"(Ibyahishuwe 1:4). Buri mwanya wose iyo tubyutse, tugomba kuzirikana ubushake bw'impuhwe z'Imana. Nta mwanya n'umwe twabaho Atari kubw'ubuntu bw'Imana. Mu mvune n'imihati bya buri munsi, ibigeragezo n'ingorane, tugomba kumenya amahoro y'Imana. Ni bwo buzima bwiza bwo mu buryo bw'umwuka twubakwaho urufatiro rukomeye. Buri munsi buri joro, tuba ducyeneye Ubuntu n'urukundo. Itorero ricyeneye igitereko cy'umucyo w'Imana kuri ryo.

Umunsi wa 20: Abami n'abatambyi Ibyahishuwe 1:6

FREE COPY

Israel yakuwe mu bubata mu Kuva maze Imana ibwira Mose iti "Uzambera ubwami bw'abatambyi n'ishyanga ryera." (Kuva 19:6).
Ibyahishuwe 5:9 hagira hati" watugize abami n'abatambyi ku Mana yacu, kandi tuzayobora isi." Nk'uko Israel yakuwe mu bubata n'ubucakara mu gihugu cya Misiri akaba ubwami bw'abatambyi n'ishyanga ryera, Yesu yadukuyeho urubanza rw'umwijima atuzana mu bwami bw'umucyo. Umwana w'Imana wese yakuwe mu bwami bw'umwijima, yinjizwa mu bwami bw'umucunguzi Yesu Kristo. Muri abana b'ibwami: bene data mu Mana ihoraho (Abakorosayi 1:13, 1 Petero 2:9)

Ibiranga umwana w'ibwami.
Niba uri umwana w'Imana, wacunguwe mu bwami bw'umwijima, uhabwa ibyangombwa mu bwami bw'Imana. Ni Ubwami buyobowe na Yesu Kristo (abakorosayi 1:13). Ubu bwenegihugu buzana n'uburenganzira bw'ikirenga. Muri Kristo turi abaragwa, abatambyi b'ibwami, ubwoko bwahawe umugisha. Yesu niwe uyoboye kandi niwe mugenga wacu uyoboye ubu bwami kugeza ibihe bidashira.
Ubufasha bw'ibwami ku bwami bw'Imana.
Uwizera afite ubufasha bw'ibwami kuri ubu bwami. Ubwenegihugu bwiza, buguha agaciro ariko bukaguha n'inshingano. Gutegeka kwa Kristo mu buzima bw'uwizera buzana icyubahiro kandi icyubahiro ni kimwe mubiranga ubuzima bw'ibwami. Dushima cyane umurimo ukomeye Kristo yakoze kubw'icyubahiro dufite.
Azahora kungoma iteka ryose, icyuhabiro kibe icye, abe ariwe uganza kuva ubu n'iteka ryose. Amen. Reka twese tumusingize tumuhe icyubahiro, kubahwa no gusingizwa n'imbaraga zose bibe ibye iteka n'iteka ryose.

Umunsi wa 21:
Amaso yose azamubona.
Ibyahishuwe 1:17

FREE COPY

Kugaruka kwa Yesu azaba ari ubutsinzi. Amaso yose azamubona. Kugaruka kwe gusobanuka neza mu Ibyahishuwe 1:7. Bizaba ari ibicika, ikiriri cy'abantu giherekejwe n'icyubahiro n'imbaraga. Matayo 24:30 abisobanura nk'umunsi aho amoko yose n'imiryango yose yo ku isi, izunama.

Igice kimwe mu bice by'ingezi by'igitabo cy'Ibyahishuwe ni uburyo bushushanya amagambo aturuka mu gihe cy'isezerano rya cyera. Ijambo "n'abatanyaguye umubiri we" ubundi rifite imizi mu buhanuzi bwa Zekariya (Zekariya 12:10). Abamuteye icumu mu rubavu ndetse na bamwe bamuvuze nabi agacumitirwa ibicumuro byabo ntibanabyihane. Barya barenganije itorero azaba ari umunsi w'ikimwaro kuri bo n'umunsi uteye ubwoba. Umunsi wo guhora kuri bamwe bavuga ngo "Guhora ni ibyange" (Gutegeka kwa Kabiri 32:35, Abaroma 12:19).

Imiryango n'amoko yose yo mu isi izamubona, iboroge, batabikoreshejwe no kwihana, kuko icyo gihe bizaba bitagishobotse kwihana, ahubwo bazaborogeshwa no kwicuza.

Mu maso yo kwizera dushobora kubona ibintu uko bizaba bimeze icyo gihe. N'ubwo kuza kwe twumva ari cyera cyane, reka tugume ku masezerano ye kandi duhore twiteguye kugaruka kwe mu cyubahiro.

Mu kwizera dushobora kubona ibihe bidashira bizaza. Bya bindi bigaragara nk'ibirikure cyaneeeee, ….

FREE COPY

Umusi wa 22: Itorero rya Efeso Ibyahishuwe 2

Efeso wari umujyi wari uherereye mu burengerazuba bwa Azia. Mu bihe bya cyera wari umujyi wari rurangiranwa. Ubucuruzi bw'amatungo yambukiranyaga inyanja nibwo bwatumag uyu mujyi urushaho gutera imbere mu by'ubukungu. Wari umujyi muto ariko w'ubucuruzi muri Aziya y'icyo gihe. Uyu mujyi kandi wari uzwi cyane kubera ko niho hari hari urusengero rw'ikigirwamana cyari kizwi cyane ku izina rya Diyana. Uyu mujyi wahishiriye inkozi z'ibibi ndetse n'abacuruza ibyuma by'ifesa bakanakora ibigirwamana bitoya byari bigenewe gushyirwa ku ruhimbi rwa Diyana.

Pawulo yashatse kuhatangiza uyu murimo kugira ngo ahangane n'ibi bibazo maze atangiza itorero muri Efeso (soma ibyakozwe n'intumwa 18:19-21). Purisira na Akira bakoze umurimo w'Imana muri uru rusengero. Aporo nawe yari umugabo ujijutse, watojwe kandi wari usobanukiwe neza ibyanditswe byera, yahagaze ashize amanga akora umurimo w'Imana muri Efeso. (Ibyakozwe n'intumwa 18:24-25). Timoteyo nawe yari afite umurimo utoroshye muri iri torero. Niwe wasigaye akurikirana iby'itorero (1 Timoteyo 1:3).

Mu buryo bumwe ariko Yohani nawe yakoze umurimo wo kuyobora iri torero rya Efeso. Hari hashize imyaka 40 itorero ritangijwe, ubwo Yohani yakiraga ibaruwa igomba kohererezwa itorero, mu iyerekwa. Amabwiriza Yohani yari yakiriye, ntabwo yaragoranye. Ntabwo ubutumwa bwari bukubiye muri iyi baruwa bwari amagambo akomeye cyangwa agoranye ku cyo basabwaga gukora. Ubutumwa ku itorero rya Efeso bwazanye amabwiriza n'inkomezi ariko harimo n'amagambo yo kubacyaha ndetseno kubacyebura.

Amabaruwa arindwi yandikiwe amatorero yanditswe mu buryo bujya gusa: habaga hakubiyemo amabwiriza, ibihamya, ibinengwa, amategeko n'inkomezi. Ni Kristo wandikiraga itorero (umugeni we). N'ubwo yihanangiriza umugeni we muri aya mabaruwa, ariko umuntu yazigereranya n'ibaruwa z'urukundo. Abaheburayo 12:6 hatubwira ko "Umwami atuma k'uwo akunda." Buri baruwa yose itangirana n'ifoto ya Kristo kandi ikaba igomba kuba ifite ubutumwa budasanzwe kuri buri wese. Aya mabaruwa yandikiwe marayika w'itorero. Aba bamarayika ni abakozi batwara ubutumwa bw'Imana ku matorero.

Umunsi wa 23: Ibihamya Ibyahishuwe 2:2

FREE COPY

"Nzi imirimo ye"... ..., itorero rya Efeso rifite ibihamya bifatika kuko ryagize umuhati munini mu gukwirakwiza ijambo ry'Imana. Ni ingezi kuzirikana ko Imana iha agaciro umurimo wose wakozwe mu izina ryayo. Imirimo ikomeye mu gutuma itorero rikomeza kubaho, ntabwo ari umwanya uba utakaye, byose Imana yarabizirikanye. Barihanganye kandi barahababariye. Ni itorero ryari ryubatse ku bushake n'umuhati wa Kristo. Ryarakoze, ririhangana rirwana n'ibitero bitandukanye mu izina rya Kristo.

Hamwe n'umwuka wo guca imanza zitabera, itorero rya Efeso ryagiye rihangana n'abigisha b'ibinyoma. Abo bigisha b'ibinyoma wasangaga ari nka Ebiyoni na Karintusi. Ni abagabo bari barahagurukijwe no kwigisha inyigisho z'ibinyoma muri Aziya muri kiriya gihe cyose. Itorero ntabwo ryabashimishije ngo ribabembereze, kuko "bari bamaze kubonako ari abanyabinyoma"(Ibyahishuwe 2:2).

Hari ubucuruzi bw'ivugabutumwa uyu munsi rikorwa n'abagore n'abagabo, bameze nka Ebiyoni na Karintusi, bacuruza ibikoresho bitandukanye bavuga ubutumwa butandukanya kandi buvuguruza ijambo ry'Imana. Neza neza nk'uko byagendekeye itorero rya Efeso, hari amatorero aho abiyita abavugabutumwa nka kuriya, batazareberwa cyangwa ngo bihanganirwe. Ntabwo bazahabwa umwanya wo kubwiriza ibinyoma no kubiba amacakubiri mu bera b'Imana. Hari amatorero menshi yubatse ku kuri, bagumanye ijambo ry'Imana banga ikibi. Ibaruwa ya Yohani yazanye ibihamya ndetse n'amagambo yo gutera imbaraga ku matorero agihagaze neza kandi ashaka gukomera kubyo yemera aribyo byongerera agaciro ku ijambo ry'Imana.

Umunsi wa 24:
Ese ubarizwa mu itorero rya Efeso?
Ibyahishuwe 2:2

FREE COPY

Itorero rya Efeso ryamenyekanye cyane mu ivugabutumwa ritabashije kwemerera abigisha binyoma kuryinjirira. Ryaranzwe n'ishyaka, no kwifuza gutanga inyigisho z'ukuri, kwihangana, n'umubabaro w'igihe kinini. Byatwaye igihe kinini kugira ngo hubakwe iri torero ryubakiye ku kuri.

Guterwa imbaraga n'Imana mu cyubahiro cyose ni ikintu cy'umunezero. Gushimwa no gutangwaho urugero ni ikintu iri torero rikikibukirwaho. Kuba abizerwa nicyo iri torero ryibukirwaho. Itorero rikomezwa n'abayoboke baryo b'abizerwa. Itorero ryakabaye riyoborwa nk'uko imashini irimo amavuta meza ayifasha gukora aho abarigize bose bagira uruhare mu buzima bwiza bw'itorero. Aho igice kimwe iyo kidakora neza, bigira ingaruka ku mashini yose.

Umunsi wa 25:
Ikimenyetso: Garuka ku rukundo rwawe rwa mbere
Ibyahishuwe 2:4

FREE COPY

Ese itorero ryawe rizaba rikiriho mu myaka 30 cyangwa 50 iri mbere niba Kristo atinze kugaruka? Byaba bibabaje umuntu atekereje ko torero ry'umwimerere rya efeso ryaba ritakiriho. Byagenze gute ku gitereko cy'itabaza ryaryo?
Ibaruwa ku itorero rya Efeso:
Nk'itorero rya Efeso ryari rifite ishyaka, ntabwo kari akazi koroshye, kwihangana, kunamba no guhangana n'abo batavugaga rumwe b'abigisha binyoma, bagombaga kubiryozwa niba uretse urukundo rwawe rwa mbere (Abaroma 2:4). Ibaruwa yari yandikiwe itorero rya Efeso, yari yandikiwe Marayika w'itorero, kandi turabizi mu ibyahishuwe 1:20 ko inyenyeri zirindwi zasushanyaga abamarayika barindwi ari bo (abayobozi b'amatorero, ba pasiteri b'amatorero) bamarayika bari barahawe inshingano zo gutwara ubutumwa bwari mu mabaruwa ku matorero. Mu bundi buryo Itorero rya Efeso ryari ryaratakaje kuba intoramutima n'Imana. Urukundo bari bafitiye Kristo rwarimo rugenda rugabanuka. Ubumwe bwabo hamwe n'Imana bwarimo bugenda bucika intege. Ikibazo cyari kimaze kugera ahakomeye mu maso y'Imana kuba itorero rya Efeso ryari risigaye riterwa ubwoba kubera ko igitereko cy'itabaza cyari kimaze gukurwaho.
Ibaruwa ku iteroro rya Efeso ivuga iki uyu munsi:
Itorerorya Efeso uyu munsi ryagereranywa n'umugore mwiza ushimwa kuba yita kurugo rwe, amasuku n'ibindi byose bisabwa mu nzu, ariko ntiyite ku mugabo we. Bwa busabane no kuba bari kumwe kenshi batakibikozwa. Ibi byanagereranywa n'umuntu wize Bibiriya akazenguruka isi akora ubushakashatsi ku byanditswe, ariko adafitanye ubumwe n'Imana. Kugira urukundo rw'umurimo w'Imana kurusha urukundo ufitiye Imana ni ikibazo gikomeye cyane. "Marayika" w'itorero ashobora gutwarwa no gutegura ibyigisho, kwitabira inama n'amahugurwa bitandukanye n'indi mirimo ituma yumva akunze usenga, ndetse n'inyigisho za bibiliya, ariko ibyo gusa ntagaciro byagira. Ni ikintu kimwe kwigisha abantu umuronko wo mu byanditswe, ariko ni ikindi kwakira ijambo ryawe bwite riturutse ku Mana. Ariko birashoboka kugirira kristo urukundo. Nyamara kwiyerekana no gukora cyane bishobora gusimbura ya mibanire tuba dukwiye kugirana n'Imana.

Iyo uri inkoramutima y'umuntu, musangira ibihe byanyu by'umunezero. Uwo ushobora no kumubwira amabanga y'ibyakubabaje cyangwa ibihe bikomeye wanyuzemo by'umwijima. Imibanire ya Adamu na Eva, isa n'iyagize ingaruka k'urukundo bakundaga Imana. Umuryango, itorero, akazi cyangwa se urundi ru-

hurirane rw'ibintu bishobora gufata umwanya wahaga agaciro wo kubana n'Imana. Urwego rw'ubucuti bwawe n'Imana rushobora kugabanuka, iyo wa mwanya mwamaranaga mwembi utakiri nyambere nk'uko byahoze.
Itorero rishobora kuba rimeze neza, ryubakitse ariko nta mwanya wa Kristo ukirangwamo. Ibigaragaza urukundo n'imibanire myiza n'uko itorero ribayeho, bishobora kuba ari ibigaraga inyuma gusa, ariko rwa rukundo rwimbitse rwo gukunda Krito na ya masengesho aguhuza nawe by'umwihariko bikagabanuka, bikagenda bicyendera. Yohani 3:30 hagira hati, Kristo agaragare twe kuba aritwe tugaragara. Yewe n'ubwo abantu babona mu rusengero uri umuntu woroheje, udafite byinshi usobanuye ariko imibanire yawe na Kristo ize ku mwanya wambere. Nta kintu na kimwe, nta muntu n'umwe ukwiye gufata umwanya wa mbere mu buzima bwawe cyangwa mu buzima bw'itorero.
Ni iki gikingirije iyerekwa ryawe kuri Kristo uyu munsi? Ni iki gihagaze mu nzira yawe kikubuza kugira inyota yo kwifuza Kristo? Yewe no kwitabira amateraniro, ntabwo byaba impamvu, nta na rimwe bikwiye gusimbura ubusabane bwawe n'Imana. Uyu munsi ukuboko k'ubuntu kuracyarambuye ku matorero yamaze kwibagirwa akava ku rukundo rwayo rwa mbere.

Imikorere ya Kristo
Mu buryo bw'imyumvire y'umwuka, Itorero rihagaze ari rimwe. Kristo niwe mutwe waryo kandi ntabwo rishobora kwigabanyamo ibice. Mu buryo busanzwe bwa kimintu, rishobora kugaragara nk'irifite intege nkeya cyangwa ryigabuyemo ibice, ariko muburyo bw'umwuka rihagaze rikomeye kandi mu bumwe. Ntirishobora kunyeganyezwa kuko ryubatse ku rutare rukomeye. Inzu yubatse ku rutare izaguma ihagaze haba mumuyaga cyangwa igihe cy'imvura nyinshi (Matayo 7:24). Kristo yagize ati "kuri uru rutare niho nzubaka itorero ryange, kandi imbaraga zose z'ikuzimu ntizizigera ziritsinda" (Matayo 16: 18)
Yesu Kristo, niwe mutwe n'intego y'ibyahishuwe kandi akanaba umutwe w'itorero rye

FREE COPY

Umunsi wa 26: Indirimbo y'urukundo 1 Abakorinto 3:1

FREE COPY

Urukundo nya rukundo ku Mana no kubantu, impuhwe n'ubugwaneza ku bizera bagenzi bacu bishobora guturuka gusa k'umutima wamaze kwiha Imana.
Impano z'umwuka zitarimo urukundo ziba ntacyo zimaze
Uwizera ashobora kugira impano yo kuvuga indimi, n'imbaraga zo gusenga umunsi wose, ariko nta rukundo ayo masengesho nta gaciro aba agifite. Kubwiriza abantu ubutuma bwiza ariko nta rukundo ubafitiye, nta cyerecyezo biba bifite. Gusenga no kubwiriza udafite umutima, ni nko kubwiriza ariko ufite umutima wa gasegereti. Ni nko gukubita ingoma mu rusaku, cyangwa kuyikubita n'ubundi irimo iravuga. Nta kindi bimara uretse kongera urusaku murundi, ikindi kandi nta mumaro wabyo uretse kuryana mu matwi.

Ubwibone no kwikunda biremamo abantu ibice, kandi kwirema ibice nicyo kinyuranyo cy'urukundo. Urukundo ruhuriza abantu hamwe. Kuko ibyuzuye umutima aribyo bisesekara ku munwa.
"Urukundo ni umwamikazi w 'ubuntu" nk'uko byavuzwe na Tomasi Watsoni " Udakunda ntabwo aba ari muzima" ibi byo byavuzwe na Yerimondi Lulu.
Imana yaduhumekeyemo urukundo rwayo, urukundo rutararikira ikibi nirwo rufite isoko imwe: ariyo mana ishobora byose. Si ukwikunda, ntirushaka icyo rushobora kubona, ahubwo rushaka icyo rugomba guha abandi. Urukundo mu mibare y'Imana rwandikwa gutya:
K-W-I-T-A-N-G-A.
Ibi ntabwo birwambura agaciro. Urukundo no kwitanga ni ibindi bisa n'aho bihambiranye kimwe ku kindi.

FREE COPY

Umunsi wa 27:
Ivugabutumwa ryinshi ririmo imvugo iryohereye, riba ririmo ubusa, iyo nta rukundo.
1 Abakorinto 13:1.

Ubuhanuzi, ubwenge no gusobanukirwa byinshi ku byanditswe byera, ukwizera gushobora kuba kwa kuraho imisozi, ibyo byose ta na kimwe bimaze iyo nta rukundo.

Iyo ntarukundo, impano y'ubuhanuzi ntacyo iba imaze.

Iyo nta rukundo imirimo y'ibyanditswe byera iba nya cyerecyezo.

Iyo nta rukundo, ubwenge kubintu bihambaye no gusobanukirwa ibyahishwe, nabyo nta mumaro.

Iyo nta rukundo, kwizera kw'ibitangaza bikuraho imisozi (Matayo 17:20) kuba kubaye nk'idebe ririmo ubusa.

Nta rukundo rwa kivandimwe, ntacyo naba ndi cyo! Ibyiza mu maso y'abantu ntabwo ari byo byiza mu maso h'Imana.

Kubaho ariko udashobora gukunda, ni ukubaho ubuzima butagize icyo bufite. Yesu yakoresheje urugero rwo kwizera gushobora gukuraho imisozi muri Matayo 17:20. Ububasha bwo gukuraho imisozi, uko kwizera ariko kuri mu mutima urimo ubusa, ntacyo kwakuraho mwanya w'umusozi. Iyo nta rukundo, burya umuntu ntacyo aba afite. Umukozi ukomeye w'Imana n'umunyempano ukomeye w'umuhanuzi ntacyo baba ari cyo mugihe badafite urukundo.

Umuhanuzi Baramu, yari umuhanuzi utagira urukundo (Kubara 23:24). Kayifa (Yohani 11:50), umukozi w'Imana ukomeye yavuze amagambo akomeye ariko atagira urukundo rwa Yesu. Yuda Esikariyoti yakundaga amafaranga, ariko ntiyigeze akunda Yesu. Yesu yarabyemeje ku munsi we wa nyuma mbere y'uko abambwa, ati bamwe bazabihakanisha kuvuga ko bakoze imirimo ikomeye ku isi, mu gihe bazaba babona ko nta mwanya bafite mu ijuru. Imirimo yabo izaba ibaye imfabusa imbere y'Imana.

Urukundo ruruta cyane ubushobozi buhambaye mu by'umwuka. Ndasengera buri uwizera wese kugira ngo agire uru rukundo rutagambirira ikibi ku bantu. Uru rukundo ruba rufite isoko imwe gusa ariyo Yesu Kristo. Ukwiye kuba utwaye uru rukundo kandi ari rwo utanga. Ndasenga kandi kugira ngo abagukikije bose bagire bene uru rukudo. Uru rukundo rwake kandi rugurumane ruhereye imbere mu mitima. Uru rukundo nirwake rusesekaze ibishashi byarwo k'umwijima, n'isi yamunzwe na Ruswa. Amen

Twese tuzi umuntu waba acyeneye inkomezi mu mubiri wa Kristo

Umunsi wa 28:
Imana ikomeza abagwa
Zaburi 145:14

FREE COPY

Umwami agumana na bamwe bahora bamuhanze amaso. Abantu bose bahora bamuhanze amaso, muriwe barafashijwe, bamwe batumva ko imbaraga zabo ziri mu biganza byabo, ahubwo ziri mu mbaraga no mubu shobozi bw'ikiganza cy'isumba byose, abo kandi bakomejwe nawe. Imana ni umufasha kandi ubufasha bwayo burahagije. Ni ubufasha burenze kuba buhagije.

Umwanditsi wa Zaburi yagize ati" Nzahanga amaso yange ku misozi, aho gutabarwa kwange guturuka" Zaburi 121). Aho ubufasha bw'Imana buturuka. Buturuka ku Mana. Uwizera agomba kureba ku Mana igihe cyose kuko niho haturuka ubufasha.

Abantu bamwe biringira amagare, abandi bakiringira amafarasi, ariko hari n'abandi, bo bashyize ibyiringiro byabo mu izina ry'Imana ihoraho (Zaburi 20:7). Amagare n'amafarasi ni ibigaragaza imbaraga. Bigaragaza ingufu za kimuntu n'umuhati we. Imana ntabwo icyeneye imbaraga zacu kugira ngo igire icyo ikora. Ifite byose ku kiganza cyayo, ibikora uko ibishatse. Zaburi 147:10-11 niho hagira hati "Ntabwo ibonera ibintu mu mbaraga z'amafarashi, ntabwo inezezwa n'amaguru y'umuntu"

Imana yaremye ibintu byose, amafarashi akomeye ashobora kwiruka nk'ayiruka inyuma y'umwana w'intama wacitse intege uri iruhande rwa nyina. Yaremye intare, umwami w'ishyamba, ikagira umutontomo kurusha izindi kwisi, irema n'inyamaswa nto zifite amajwi aryogora. Biterwa na gahunda y'Imana ya buri munsi. Imana yaremye ibintu byose, nticyeneye ko imbaraga zacu nyinshi kugira ngo igire icyo ikora. Ishimishwa na barya bayiyegamijeho muri byose.

Mugihe imbaraga zacu zidashobora kugira icyo zikorera Imana, ubwoba bwacu ku Mana bwayishimisha. Akarango keza ko mu buryo bw'umwuka ni agashimisha Imana. Ibi nibyo bintu Imana yishimira, bikayitera kunezerwa. Aha Ubuntu kubaciye bugufi, ariko ntacyo yakorera umwibone (Imigani 3:34), Yakobo 4:6). Isi ntabwo itinya Imana kandi isi nta n'ubwo inezezwa n'ibintu byo mu buryo bw'umwuka. Iyi si isa n'iyamaze kwigomeka ku Mana mu buryo bwuzuye. Imbaraga z'ibigaragarira inyuma ntacyo zisobanuye imbere ya ELOHIMU (Umuremyi, uhambaye kandi w'umunyembaraga). Abera hose icyarimwe. UMWE NYIRI MBARAGA ZOSE.

"Imana inezezwa na barya bayitinya, ikanananezezwa n'abiringira imbabazi zayo" (Zaburi 147:11).

Ishimishwa na babandi bayitinya, ndetse na bamwe bumva ko babeshejweho n'impuhwe zayo. Gutinya Imana niryo tangiriro ry'ubwenge kandi ibyo bishimisha Imana. Ese hari icyo bitwaye kuba Imana ikomeye y'igitangaza yashimishwa n'uko tuyicira bugufi? Abatinya Imana bagendera mu bwenge buhambaye, ibyo byeme-

jwe n'Imana ubwayo. Ibyiringiro Imana ishaka ko tugira ni ibyiringiro bishingiye kuri yo, kuri bamwe agirira impuhwe we ubwo iyo abishatse. Umwizere n'umutima wawe uyu munsi, kandi wishingikirize ku mpuhwe ze.

Urukundo rw'Imana ntirugira umupaka. Ese turi iki cyangwa turi bande kugira ngo itwiteho?(Zaburi 8:4). Ese ni nde muntu wakita ku muntu ugwa? Afata ibiganza by'abadashobora guhagarara, afasha abafite intege nkeya, akabitaho. Ushobora kuba "washyizwe hasi n'ibibazo" uyu musi hamwe n'ingorane z'ubu buzima: Abaguhemukiye, rwaserera, ibyorezo, kumva udafitanye ubusabane 'Imana, imitwaro, kunanizwa no kutitabwaho. Izo ngorane zose uko zaba zimeze kose, hariho ubufasha. Hariho uwakuzamura akagufata akaboko. Ntabwo azigera atererana umukiranutsi mu gihe cy'ibibazo. Yiyerekana nk'umunyembaraga imbere y'utentebukiwe, ni udashobora gutererana abana be cyangwa ngo abate (Zaburi 37:25). Ntabwo azacecekesha ijwi ry'umunyantege nkeya cyangwa ngo azimye urumuri ruhumbaguza. Ahubwo azetera gutsinda abatsinzi. (Matayo 12:20). Nta n'umwe uri kure aho ukuboko kw'Imana kutagera. Imana yereka impuhwe zayo abanyabyaha bayihungiyeho.

Nimwishime, ndongeye ngize nti nimwishime! Mugire impera z'icyumweru nziza. Nimwishimire kugira neza kw'Imana no gukomera kwayo.

FREE COPY

Umunsi wa 29: Gutandukanywa n'isi 2 Abakorinto 6:18

FREE COPY

Guhuza amaboko, kuba inshuti n'iyi si, ni ukuba umwanzi w'Imana. Pawulo arimo akubwira ngo ntugafate isi ngo ibe inshuti yawe magara. Ibi tubisanga mu isezerano rya cyera 2 Abakorinto 6:18.

"Numugende, nimugende Nimuve hano ntimugire ikintu kitejejwe mukoraho, minugende muve aha hantu. Mwitunganye, mwebwe mutwaye ubwato bw'Umwami." Yesaya 52:11. Kugirana ubushuti n'isi ni nko kunywa uruvangitirane rw'amoko y'inzoga akarishye. Kuko muri urwo ruvange rw'inzoga, harimo ibyatera ibyago bikomeye imitekerereze yawe. Umuntu bamaze gukuramo uburozi, abaho ubuzima nk'ubwumuntu nyine wakuwemo uburozi. Ni Kimwe n'umuntu wamaze kunga ubumwe n'isi. Uhamagarirwa kwitandukanya n'isi, niba uri umwana w'Imana. Uri umucyo w'isi, niba uri uwa Yesu. Umucyo n'umwijima ntabwo bishobora kuba hamwe.

Hari inyungu nyinshi mukuba umwana w'Imana ishobora byose. Uba uhamagariwe kubaho ubuzima bw'abakiranutsi. Umwana w'umwami ntabwo yifatanya n'ababonetse bose. Nk'umwana w'Imana, wamaze gutoranywa atari ukuberako utandukanye n'ab'iyi si, ahubwo watoranijwe kubw'ubuntu bw'Imana n'ubushake bwayo. Imana ni papa wawe, kuko yakugize umwana wayo yita ku byifuzo byawe byose. Agukorera ibirenze ibyo umubyeyi usanzwe yagukorera. Urukundo rw'Imana ruhoraho ibihe byose.

FREE COPY

Umunsi wa 30:
Abahungu n'abakobwa b'umwami
2 Abakorinto 6:18

Nk'umwana w'umwami, hari ibintu bimwe na bimwe udashobora gukora ndetse hari n'ahantu utagomba kujya. Nko Gusenga ibigirwamana, kwivanga n'abafite imyemerere ya gipagani, imigenzereze ya gipagani, imigenzo ihuza abazima n'ibisekuruza byabo byapfuye cyera ibyo byose n'ibindi bisa nabyo ntibigomba kuranga umwa w'Umwami. Uri icyaremwe gishya, n'izina rishya ndetse n'umuryango mushya.

Abahamagawe n'Imana, bashyizwe ukwabo aho babarizwa mu gisekuruza gishya. Baracunguwe bahamagarirwa kubaho ubuzima bw'abakiranutsi. Umwana w'umwami ahamagarwa kubw'icyubahiro, kubw'ubuntu no kubwo kwemerwa. Kubarizwa mu muryango w'ibwami, urabivukana cyangwa ukabihabwa n'umwami. Ibyo rero twebwe twabihawe no gukiranuka kwazanywe na Yesu Kristo.

Imana ikomeye ni data wita ku bantu bose babarizwa mu bwami bwe. Icyo yifuza kurusha ibindi n'uko" mwashakisha ubwami bwe no gukiranuka kwe" Matayo6:31-33). Azabaha ibindi byose mucyeneye.

"Ntimukiganyire ngo muvuge muti 'Tuzarya iki? Tuzanywa iki cyangwa tuzambara iki? Kuko n'abapagani nabo ibi babyiruka inyuma, kandi mwese so wo mu ijuru arabizi ko byose mubicyeneye. Ahubwo, mushake ubwami bwe no gukiranuka kwe, maze ibindi byose muzabihabwa" (Matayo 6:31-33)

Umunsi wa 31: Kwigomeka ku ijambo ry'Imana: Umwana wo kurimbuka 2 Abatesaroniki 2:3

FREE COPY

Hari umwuka utandukanya ijambo ry'Imana n'abarikwirakwiza. Biwusaba kugora abakwirakwiza ijambo ry'Imana no kwanga abakozi bayo bakora uwo murimo neza, abo Imana yahamagariye kuwukora.

Inshingano ikomeye

Abera aho bari hose baba abari hafi cyangwa se abari kure, mu mahanga yose "Nimusenge ubudacogora "(1 Abatesarinike 5:17). Nimusengere abakora umurimo wo gukwirakwiza ubutumwabwiza. Nimusenge kugira ngo abigomekeye kurwanya ijambo ry'Imana bakurweho bashire. Minusenge kugira ngo imitima n'ubwengwe byifuza ijambo ry'Imana bifungukire kuryakira.

Ariko Imana ni iyo kwizerwa. Imana ni nziza kandi ntizigera ireka gusohoza amasezerano yayo. No kuri babandi badafite kwizera, ababera umwizerwa (2 Timoteyo 2:13). Arinda ijambo rye kandi akagenzura imigambi ye (Yeremiya 1:12). Yesu yagize ati" nzabana namwe ibihe byose, kugeza kumperuka." (Matayo 2:20) kandi iryo ni isezerano ngiranye na mwe.

Gukomera n'uburinzi bibarinda umwanzi: Uwizera uzatumbira Kristo, azahagarara ashikamye mu birindiro bye, imbere y'amaso y'abanyantege nkeya. Ni kubw'ubuntu umwana w'Imana adapfa kunyeganyezwa. Imana ibashyira ku munara urinzwe kandi ukomeye, aho umwanzi atabasha kubegera. Kandi akabaha ububasha bwo gukomeza inzira.

Iyi saha sengera itorero, kuko ricyeneye inkomezi n'imbaraga. Ricyeneye uriha ibyiringoro, impuhwe n'urukundo kugira ngo rikorere neza muri buri jambo na buri murimo. (2 Abatesaronike 2:13).

Nange unsengere nk'umwanditsi w'iki gitabo, kugira ngo umurimo wo gukwirakwiza ubutumwa bwiza ukomeze.

Imana twese iturinde umwanzi.

Umunsi wa 32:
Ijwi riguhamagarira kwihana
Luka 5:31

FREE COPY

Uwibashisha gukiranuka ntabwo acyeneye Imana. Umuntu wiyumva nk'udashoboye, udakwiriye uwo acyeneye umukiza. Bene uwo acyeneye umwuzuza.

Umuntu wigeze abona imbaraga za Yesu zimukiza, uwo yifuza ko n'abandi bagirirwa ubwo buntu. Nk'uko dukunze gusangira ubuhamya bwacu n'ubunararibonye mu buzima, ni nako twifuzako inshuti zacu cyangwa abavandimwe nabo bagera ahantu ho kwihana no kwicuza ibyaha ndetse no kubabarirwa. Ese tubigisha Kristo? Ese twifuza ko nabo bakizwa? Nk'uko Mose yabwiye Hoba ati "Ngwino ujyane natwe tuzakugirira neza", Ndereya yeretse umuvandimwe we Simoni ko yabonye Kristo. Umusamariyakazi mwiza yahamagariye abagabo bose kureba Kristo bitari ukumureba we nk'umusamariyakazi, ahubwo barebe Kristo. Yagize ati "Nimuze murebe umugabo wambwiye ibyo nakoze byose mu buzima". Agakiza ntabwo tugahabwa n'ubunararibonye bwacu. Yesu yaje aje gukiza ubugingo.

Twese biratureba kumenya iby'ubugingo, agakiza k'inshuti zacu cyangwa abavandimwe. Buri uwizera wese akwiye gusuzuma umutima we. Ese wumva ufite umwuka wo gukwirakwiza ivugabumwa ku isi? Urumva wabigira ibyawe gufasha abantu kugera aho bagomba gukirira ibyaha byabo? Agakiza k'ubugingo, ni intego y'umutware Kristo yo kuza hano kuri iyi si,n'ubwo yanyujijemo agakora n'ibitangaza n'ibindi bikorwa by'ibitangaza bitandukanye. Biroroshye cyane k'uwizera gutakaza ubushobozi bwe bwo kureba ngo amenye intego nyamukuru y'iri hame ryo kuza kwa Kristo ku isi. Reka twese tubishyire mu ntekerezo zacu ko ubunararibonye bwacu n'uburyo twanyuzemo ngo tubugereho bidashobora gukiza ubugingo bwacu. Gukiranuka kwacu ubwacu ntabwo gushobora kudukiza, Yesu wenyine niwe ukiza. Reka tuyobore abantu kuri Kristo nta kindi.

"Yesu yumva ibi, yarababwiye ati ' abantu bazima ntabwo bacyeneye muganga, ariko abarwaye, bo baramucyeneye. Naje guhamagara. Atari babandi bumva ko ari abakiranutsi, ahubwo babandi bazi neza ko ari abanyabyaha. (Mariko 2:17).

Umunsi wa 33
Kwatazwe kubw'umudendezo
Yakobo 1:5

FREE COPY

Musabe muzahabwa

Isengesho rigira umumaro, kuko Imana isubiza ibyo twasengeye. Iyo usenze Imana uyibubutsa icyo yagusezeranije, iba itegetswe kugusubiza. Isengesho rigomba gusengwa mu kwizera, ntibibe harimo gushidikanya. Gusaba kwacu, ntabwo ari ukuvuga gusa ibintu runaka mu masengesho. Ni ugusaba ariko unizeye icyo usaba, mu kwizera Imana igasubiza ibyo twasabye. Dufite gushira amanga kugira ngo tugere ku mana maze tuyisabe dushize amanga binyuze mu kwizerera muri Kristo (Abefeso 3:12). Abantu batazi niba barimo bakora ibintu bikwiriye, ntabwo bashobora kuza imbere y'Imana baciye bugufi. Iyo urimo usengera ikintu, kandi nawe ukaba ubizi eza ko kitaboneye, ugenda nawe wikandagira. Bituruka ku mutima wihannye. Iyo dukomeje gushaka kw'Imana, tuzana ibitekerezo byacu ku muronko umwe n'uw'ibitekerezo by'Imana.

Musengere mu kwizera

Kwizera ni ubwami bwo kwiringirwa. Amasezerano y'Imana yose agomba gusanga ijambo " YEGO" mu mitima y'aba nyirimasezerano. Ntacyo bitwaye umubare w'amasezerano Imana yaba yaratanze, Imana yamaze kubikora ko hari "YESGO" muri Kristo (2 Abakorinto 1:20). Ni kubw'icyubahiro cy'Imana. Amasezerano y'Imana yasohojwe cyera mbere y'uko isi iremwa kandi Kristo yariho ubwo amasezerano yaremwaga. Buri bwirizwa ryose ryashyizweho n'icyubahiro no kwizera. Rero duhagarara dushize amanga mubyo Imana yasezeranije, kandi nta kabuza bigomba gusohora.

Ntugashidikanye

Gushidikanya ni iki? Bisobanuye kugira impaka cyangwa kuba uri gusiragizwa hagati y'ibintu bibiri. Ijambo "Wishidikanya" rikoreshwa mu Ibyakozwenintumwa 10:20. Hano Marayika yasabye Petero kudashidikanya umunsi yajyaga guhura n'abantu bari bamutwumweho. Birashoboka cyane guhagarara ukajya impaka kumasezerano y'Imana. Biranashoboka nabwo gukora ikinyuranyo cy'ibyo: Ntucike intege, ahubwo ukizera amasezerano y'Imana nko mu Abaroma 4:20, "Ntabwo yacitse ntege mubatizera" Umwimerere w'ikigereki havuga ngo, ntabwo yateye impaka, ntiyagiye impaka n'ikibazo, ahubwo yasobanuriye umutima we kubw'imabaraga z'Imana n'amasezerano yayo. Muri Matayo 2:21, Yesu yagize ati "Dukwiye kugira kwizera, ntidushidikanye"

Iyo ushidikanije, uba ubaye nk'umuraba mu Nyanja. Imiraba mu nyanja ntabwo iguma hamwe. Haba hari mbaraga zikomeza zinyeganyeza amazi kugirango ata-

guma hamwe. Umuntu ushidikanya, aba ameze nk'iyi nyanja idashobora gutuza, nawe ntashobora guturiza ku kintu kimwe, hasi hejuru, imbere inyuma, akaguma hagati y'ibyiyumviro birenze kimwe. Bene nkaba bantu, ntibashobora guturisha ibitekerezo byabo ngo bizere cyangwa bareke kwizera. Amazi arimo ateraganwa n'umuyaga ntashobora kuguma hamwe.

Reka duturishe ibitekerezo byacu hamwe uyu munsi tugire kwizera no kwiringira amasezerano y'Imana. Ibyo Imana yagusezeranije ni "YEGO AMENA". Isengesho ryose rigomba gusengwa mu kwizera, wiringiye ko Imana isubiza amasengesho. Iratwumva iyo tuyihamagaye. Ifite amatwi yo kumva, n'amaso yo kureba. Reka igihe cyose tujye twibuka Yesu. Kubera we, dufite uburenganzira bwo kugera kuri Data. Ibi ni icyizere kiduhesha gushira amanga no kumva dushinganye.

FREE COPY

Umunsi wa 34
Isegesho ryawe: "Ubuntu & Amahoro"
Amabaruwa Pawulo yandikiye intumwa.

FREE COPY

Wakabaye usengera ibintu byinshi mu buzima, imodoka, ibyo ugomba kugeraho mu by'ubutunzi ndetse n'ibindi isi igusaba kugirango ubuzima bukomeze, ariko ibyo byose byaba ari ubusa ubaye udafite Ubuntu ngo ubashe kumenya uburyo ibyo byose ubicunga, Ubuntu bwo gutsinda izindi ngaruka ziza zishamikiye kuri bya bintu byose; n'amahoro y'Imana atangwa n'umwuka wera.

Ubuzima bwuzuye ibyishimo, impaka n'urujijo ntabwo bwagereranywa n'ubuzima bwujuye "Ubuntu n'amahoro".

Intumwa Pawulo buri baruwa yose yanditse, yagiye ayitangiza umugisha n'isengesho rya "Ubuntu n'amahoro"bibe ku itorero. Aya masengesho m'uburyo bw'ibaruwa yoherejwe kumubiri wa Kristo aturutse ku ntumwa. Uyu mugisha n'uyu munsi uracyafite agaciro kandi turawucyeneye bidasubirwaho. Ni hehe umubiri wa Kristo waba uri nta "buntu n'amahoro"? Ibi ntabwo isi yabitanga, gusa nta n'ubwo yabikuraho igihe bihari. Kuko bituruka ku Mana ikomeye.

Nk'uko umunsi w'urubanza wegereje, nibwo tugiye gucyenera kurushaho "Ubuntu n'amahoro" bituruka ku Mana Data, Umukiza Yesu Kristo (1 Abakorinto 1"3). Hari ibintu bimwe na bimwe tudashobora kugeraho tubiheshejwe n'ibiganza by'umwana w'umuntu. Bisaba gusa Ubuntu tutakagombye guhabwa bw'Imana kugirango twakire ibyo Bizana n'amahoro y'Imana.

Imana ikomeze ibahe kandi ibongere "Ubuntu n'amahoro" uko mukura muby'ubwenge bw'Imana na Yesu Umwami wacu.

Ntushidikanye, izere gusa.

Inyanja irimo umuraba n'ubwenge bwacu ntibuzamere nk'inyanja idatuje. Ubwenge bwacu buzaba mu mahoro, bwubakiye ku masezerao y'Imana.

Umunsi wa 35:
Guhabwa umugisha mu bwoba bwo gutinya Imana
Zaburi 128:1

FREE COPY

Gushyira ahagaragara, kwishima, kugirirwa ibambe gucungurwa ni ibiranga umuntu utinya Imana. Bene ubu bwoba bufitanye isano n'ibikorwa by'ubugome cyangwa ubwiyahuzi, ntabwo aribwo bwoba turimo tuvuga hano. Ubwiyahuzi buhata umugizi wa nabi imbere y'ubutabera bw'ukuri ntabwo aribwo bwoba buvugwa muri Zaburi 128:1

Ubwiyahuzi no kwibabaza cyane ntabwo ari ubwoba bwo gutinya Imana. Ibi ntabwo ari uguhabwa umugisha. Guhabwa umugisha bifite aho bihuriye n'ubwo buvuga hano, ni bwa bwoba buba hagati y'umwana n'umubyeyi we w'umunyamahoro. Ni Ubwoba bw'Imana burimo guca bugufi n'icyubahiro uhereza umuntu wubaha. Bukuremamo kumva wifuje kuba utahemuka. Ubwoba bw'Imana ni ukwibuka ibyo Kristo yagukoreye. Ubwoba bw'Imana ni ukwibuka uburyo Kristo yicishije bugufi, mu kwicisha bugufi yasize icyubahiro cye n'intebe ye y'ubwami maze aza muri iyi si mbi yuzuyemo abanyabyaha. Ibyaha byawe bimushyira ku musaraba. Aragupfira, yishyura ikiguzi kinini utamenya utanabasha kwishyura. Ni ukumuha icyubahiro ku bwo kwitanga kwe, ni ukuba abanyembaraga kubw'imbabazi ze, tuza imbere ye dufite ubwo bwoba.

Ubwoba bwo gutinya Imana ni ikintu cyiza ni n'umugisha ku bantu bose bayitinya. Ni Itangiriro ry'ubwenge. Iyo uwiteka azamuye ukuboko kwe kw'ibambe, kiba ari ikintu giteye ubwoba. Nk'uko atanga impuhwe, ashobora no kuzikuraho. Ubwoba bwo gutinya Imana buhera mu mutima. Ibibera mu mutima w'umuntu uko byasa kose bizagaragara n'inyuma.

Imana ni umurinzi mwiza kubayitinya. Abifuza Imana basengere kugendera munzira zayo. Azabayobora mu nzira nziza, kubwo gushaka kw'izina ryayo kandi izabigisha icyo bakwiriye gukora (Zaburi 23:3).

Mwishimire ubugwaneza no gukomera kw'Imana uyu munsi. Nimwishime, nongeye ngize nti nimwishime.

Umunsi wa 36: Gukurikira igicucu... Abaroma 8:38-39

FREE COPY

Abantu baca hasi no hejuru bashakisha kugira ngo banezeze imitima yabo. Bashakira umwuzuro w'umunezero w'imitima yabo ahantu hatari ho. Ibihugu byubakira igitinyiro cyabyo kuri sisiteme z'isi. Noneho iyo Imana inyeganyeje za sisiteme zabo ahantu bari barazishyize, nibwo batangira kubona ko imbaraga zose zidashingira ku muntu ahubwo zishingira ku riwe nzira yonyine iganisha kwa Data. Hari ukwifuza kuba muri kamere y'umuntu agaragaza ko acyeneye Imana n'ubwo atabishyiramo imbaraga, nyamara akabaho nta mibanire ye n'Imana n'ubwo azi ko abicyeye.

Isi itandukanye no kwifuza kw'Imana. Mu bugingo bwa mwene muntu harimo gucyenera kugira ubusabane n'Imana, ariko bagahitamo kubaho ubuzima butandukanye n'ubwo ubugingo bwabo bucyeneye.

Pawulo umugabo uhamanya n'umutimanama we ko acyeneye Imana. Yarazi ko nta kintu na kimwe cyamutandukanya n'urukundo rw'Imana muri Kristo. Abaroma 8:38-39, Pawulo atanga urutonde rw'ibintu bitagombye kumutandukanya n'Imana cyangwa kwangiza ubusabane bwe n'Imana: Urupfu, umuzima, abamarayika, imyuka mibi, uyu munsi, ejo hazaza, imbaraga, uburemere, urupfu n'ikindi kintu cyose cya hano ku isi. Nta na kimwe muri ibyo byose cyakuraho uwatoranijwe. Buri uwizera wese yagombye kwemeranwa n'umutima we ko aba arinzwe kandi afite umutekano, iyo ari gusa mu maboko ya Yesu." Naho imisozi yakurwa ahayo, udusozi tukanyeganyezwa, ariko urukundo rwange n'ubugwaneza ntibizava kuri wowe, kandi isezerano ryange ry'urukundo ntabwo rizanyeganyezwa "Niko uwiteka ugufitiye impuhwe avuga. Yesaya 54:10

Umunsi wa 37:
"Ngwino wumve"
Zaburi 66:16

FREE COPY

Ntabwo cyaba ari ikintu kidasanzwe ko abantu bishimira kumva inkuru nziza kubintu bisanzwe. Ariko se ni gute twishimira ibyo Imana yakoze ku bugingo bwacu. Ese tujya twishimira kumva ko inshuti, umuturanyi cyangwa umuntu wo mu muryango ibya Yesu byamushizemo.

Ugutwi ni irembo ridufasha kumva neza imbabazi z'Imana. Abamenye Ubuntu n'imbabazi nibabyumva bazagira ibyishimo bitarondoreka. Ntabwo ari buri wese wasobanukirwa iby'umunezero udasanzwe ubonerwa mu Mwuka, cyane cyane iyo ari ntaho yigeze ahurira nawo Ukutaryimishira kwaryo kwagereranywa no kujugunya imaragarita imbere y'ingurube kuko ziba ziri buzikangagire zikaziribata.

Ubuzima budafite Kristo ni ubuzima bupfuye. Umuntu wasaniwe ubuzima binyuze muri Yesu Kristo aba afite ubuhamya bukomeye cyane.

Uwizera wese yakabaye ashyiramo imbaraga zidasanzwe mu kubwira abandi ibyo Imana yakoreye ubugingo bwe. Ni inkuru abantu baba bagomba kuvuga bakongera bakayivuga. Ni Isoko y'imbaraga n'inkomezi kubafite imbaraga nkeya mu kwizera. Hamagarira abandi uyu munsi "bumve "uburyo Imana yasannye ubuzima bwawe bwari bwarapfuye. Babwire uko Yesu yagukuye ku kwangirika kuzuye, umukiza w'ubugingo bwawe

Umunsi wa 38: Abaragwa b'ubukire muri Kristo Abakoroseya 1:27

FREE COPY

Yigishijemu kubw'ubutware bw'Imana.

Pawulo yatumwe n'Imana, ntabwo ari umuntu wamutumye, maze ajya gukwirakwiza imirimo ikomeye y'Imana yari yarahishwe. Bwari ubutumwa yafashe bwose n'umutima we wose, yabaye umukozi w'umwizerwa. Imana yamukoresheje mu gusobanura ijambo ryayo ku bantu bari barabaswe n'imigenzo y'amadini gusa. Aba ni abantu bari kure yo gucyenera kumva ukuri kw'Ijambo ry'Imana.

Ijambo ry'Imana, n'ubwo rihambaye ariko ntabwo ari iryo guhishwa, ahubwo rikwiye guhishurwa. Mu magambo ya Pawulo mu Abakorosayi 2:18, dusangamo ko harimo ahantu hihishe haberaga ibirori n'indi migenzo ya gipagani ariko mu buryo bw'ibanga. Ibi byari nk'isoko y'amarorerwa ku itorero.

Ibihambaye bihishwe, byahishuye

Ubutumwa bwa Yesu Kristo ntabwo ari ibyo kugirwa ibanga. Ni ibyo gushyirwa hanze bikava hejuru ku rusenge (Matayo 10:27). Buri muntu wese ashobora kubona ndetse akumva umuntu usakurije ahantu hirengeye. Ubutumwa bwiza ntabwo ari amateraniro y'ibanga, ni ikintu gifunguye kuri buri wese kugira ngo abantu babone ubutunzi bw'ikirenga buri muri Kristo. Abefeso igice cya mbere gisobanura ibi mvuze neza cyane.

Ko Imana yariguhitamo abantu basanzwe ngo abe aribo bafata uwo murage w'icyubahiro, ngirango ubu siko bigaragara nk'uko abantu bari bubitekereze. Byabaye ikinyuranyo aho buri wese yari butange igitekerezo cy'uko abayahudi aribo barebwaga n'ubu butumwa. Ariko gushaka ubwenge bukiza bwa Yesu Kristo. Abatari baratoranijwe kwitwa abana b'Imana, nkuko bivugwa muri Hoseya bigasubirwamo na Pawulo mu Abaroma 9:26, bakitwa "abana b'Imana ihoraho." Ibi bizabaho bitunguye benshi. Yesu ni ikizere cy'ubwiza ku bayahudi no kubisonga. Ibihambaye byahishwe ibisekuruza, bihishuriwe wowe, mwana w'Imana. Kristo mu bukungu bwe bukomeye, ari mu mitima y'abana be ahantu hose ku isi.

Ubukire bwo muri Kristo ntabwo bujya bushiraho.

FREE COPY

Umunsi wa 39:
Kuyoborwa mu isengesho
Guhora turo maso
Hamwe no gutanga amaturo

Yesu ni itangiriro n'iherezo. Niwe soko y'ubugingo, akaba n'ibuye rikomeza imfuruka ku nyubako, (Umubiri wa Kristo). Pawulo yavuze umumaro w'ijambo mu Abakorosayi 3:16. Arangije avuga n'umumaro w'isengesho mu Abakorosayo 4:2. Ijambo ry'Imana n'isengesho n'ibintu bitagomba gutandukanywa.

Ibihe byo gusenga bigomba kubaho kandi bigahoraho kuberako muri kamere harimo umwuka urwanya gusenga. Umubiri ushobora gucika intege cyangwa ukananirwa, ariko ibyo tugomba guhora tubyiteguye tukabirwanya. Mu nyandiko huzuyemo kumvwa kw'amasengesho. Luka yatanze urugero rw'umupfakazi washoboye gutitiriza. Tugomba kugira kwizera kuko Imana yumva amasengesho.

Ubwenge bwa kimuntu nta kamero ko gusenga kabamo. Niyo mpamvu kimwe mu biranga uwabyawe ubwa kabiri ni ubuzima bwe bwo gusenga. Tugomba gusaba umwuka wera ngo adufashe gusenga, (Abefeso 6:8), ibihe byose, kandi mu masengesho y'ubwoko bwose n'ibyifuzo. Kugira ngo ubwenge bwacu buge buhora bukangutse, tugomba gusengera ubudasiba abantu b'Imana, igihugu turimo ndetse n'isi yose muri rusange.

Itorero risenga ni itorero riri maso.

Itorero rigomba kuba riri maso kandi rikarangurura nk'inzogera kugira ngo rikangure isi isinziriye. Umunsi w'Ihoraho uzaza nk'umujura mu ijoro (1Abatesarniki 5:2). Abajura baza mu gihe kititezwe. Itorero ritegereje kugaruka k'umukiza rigomba guhora riri maso. Rigomba kubyuka kandi rigatera umubiri wose wa kristo kubyuka ukaba maso. Nta kwigengesera, itorero ryasinzira. Umunaniro ntabwo wubaha umuntu. Yesu asanze abigishwa be bamaze gusinzira mu gashyamba ka Getsemani. Iri ni ryo jambo yababwiye:

"Ibi ni ibiki? Ntimubashije no kubana nange byibuze isaha imwe?" (Matayo 26:40)

Uko bimeze kose tugomba "Gusenga no kuba maso, kuko duhora twinjira mu bitugerageza. Umwuka urakunze, ariko umubiri wo urananiwe." (Matayo 26:41)

Guhora dushima ku masengesho yasubijwe n'atarasubizwa.

Ntabwo tugomba kwibagirwa gushimira Imana igihe cyose turimo dusenga. Gutanga amaturo kubyo twakiriye nibyo dukwiriye kugira umuco bikaba ubuzima bwacu bwa buri munsi. Ese tujya twibuka gushimira Imana kubyo iba yaduhaye? Ni Umukiza, ni umunyampuhwe, kandi agira ibambe. Yuzuye ubutabera kandi ni umwizerwa ibihe bidashira. Kuba abantu dushima kandi tuzirikana ineza ye, ni uguha agaciro uwo ariwe n'ibyo adukorera.

Kandi ntidukwiye kwibagirwa kumushima, mu kwizera kubyo tutaranahabwa. Gushima Imana ku masengesho yamaze gusubizwa ndetse n'atarasubizwa, nibyo Pawulo adukangurira gukora ibihe byose. Abatesaroniki 5:18 haravuga ngo dukwiye gushima Imana mu bihe byose cg mubyo tunyuramo byose.

FREE COPY

Umunsi wa 40:
Nta muntu n'umwe ukwiye urukundo rw'Imana
Ariko irutangira Ubuntu
Abefeso 2:4-10

Nusobanukirwa neza n'urukundo rw'Imana, uzaruhabwa ku buntu. Ntabwo ucyeneye kurukorera. Imana irihagije mu rukundo no kugira neza. Iradukunda. Uru rukundo rukwiriye kandi rw'indengakamere rwahawe ku buntu abanyabyaha ndenakamere. Imbabazi n'ubugwaneza bigirirwa umunyabya, ni ikintu utapfa kwiha. Nta muntu n'umwe ubikwiriye kubwe. Imana ni inyampuhwe muri byo. Ntabwo mu byukuri iduhana ibihano bidukwiriye nk'abanyabyaha. Ubuntu bw'Imana buduhesha n'ibyo tudakwiriye, ibyo tutabsaha kwiha ubwacu. Imana itanga impuhwe n'ubuntu ku buntu.

Niwizera Yesu Kristo uyu munsi, ntabwo ari ikintu wabona ku bwawe. Mu gihe wari warapfiriye mu byaha, Ubuntu bwe bwaragusanze bugutera kwizera no kwiringira. Ibi rero iyo bikura umwuka wo kwikakaza no kwirata mu kanwa k'uwizera. Niba uri muri Kristo uyu munsi, wahisanze kubw'urukundo rw'Imana. Ihame kuri buri muntu wese imbere ya Kristo ryari: "ugupfa tugapfira mubyaha." (Abefeso 2:1). Agakiza ni ukumenya ngo Imana ninde, ntaho bihuriye n'uwo cyangwa icyo wowe uri cyo.

Abefeso 2:4-10

Ariko Imana ifite impuhwe nyinshi, kubera urukundo rwayo ntagereranywa, urwo yadukunze mu gihe twari twarishwe n'amateka y'ibyaha, yaratuzuye kuba bazima hamwe na Kristo (Kubw'ubuntu mwaracunguwe), arangije atuzurira hamwe, atuma twicarana na Yesu Kristo mu bihe bizaza. Yerekana ubutagereranywa bwe mu kugira urukundo n'impuhwe akabitwerekera muri Kristo Yesu. Kubw'ubuntu, mwaracunguwe binyuze mu kwizera, kandi ntabwo ari ku bwanyu, ni impano y'Imana, ntabwo ari kubw'imirimo ngo tubyirate. Kuko turi imirimo y'intoki ze, yiremeye muri Kkristo Yesu kubw'imirimo myiza, iyo Imana yateguye cyera cyane ngo tuzayigenderemo.

Akira ku buntu ibiturutse mu kiganza cy'Imana uyu munsi. Arihagije mu mpuhwe, urukundo n'ubugwaneza. Ntihakagire utesha agaciro icyo Imana yaguhereye Ubuntu. Yesu Kristo yabiguhereye ku musaraba I karuvari. Aragukunda yarangupfiriye. Arashaka ko ubaho ubuzima bwuzuye nk'ubwo yakugeneye.

FREE COPY

Umnsi wa 41:
Kwigirira icyizere mu gihe wegera Imana
I Yohani 5:14

Yesu ni inshuti nziza. Binyuze muri we, dufite uburenganzira bwo kugera kuri Data. Ni Ubuntu butangaje n'icyubahiro kubasha kugera kuntebe y'ubuntu. Mbega ubwishingizi, icyo twasaba cyose kubera ubushake bwe aracyumva. Dufite ubudahangarwa muri Kristo bwo kwegera Data, mu masengesho yacu no kwegera Imana, uko byaba bimeze kose n'ibyo twaba ducamo byose. Bitera imbaraga kumenya ko kwinginga Imana kwacu kumvishwe, kwakiriwe kandi kwasubijwe iyo dusenga "Ukurikije gushaka kwe".

Imana izi ibidukwiriye, igena intambwe zacu. Iyo dusenze dusaba ibintu bishobora kutubabaza, ntabwo Imana ishobora kubyumva. Ni Imana imenya ibintu byose na mbere y'uko biba, amasengesho nkayo asaba ibitadukwiriye, ntabwo ijya iyumva. Ubucamanza bw'Imana iteka ryose bugendera ku kuri. 1 Yohani 3: 22 havuga ngo icyo dusaba cyose, turagihabwa kubera ko turinda cyangwa tuzirikana amategeko ye n'amabwiriza kandi tugakora ibishimishije mu maso ye.

Azasanga isengesho ryawe usaba ibishimishiije cyangwa ni ibisharirriye, bivuguruza gushaka kwayo?

Reka dusenge Imana kugira ngo amasengesho yacu abe aryoheye ugutwi kw'Imana. Ibyo dusaba bibe biri mu muronko na gahunda Imana ifitiye ubuzima bwacu ndetse n'ubw'abandi. Reka dusengere Ubuntu kugirango dusabe ibiri mu bushake bwe tunakora ibyo adusaba gukora. Ibi ni isezerano , ukurikije ibyanditswe muri 1 Yohana 5:14, ko nidusaba icyo aricyo cyose " dukurikije gusahka kwe" azatwumva.

Umunsi wa 42:
Kwigirira icyizere mu Mana ihoraho.
Zaburi 20:7

FREE COPY

Ni ikintu cyiza, n'ibyishimo byuzuye ku muntu mu gushyira ibyiringiro bye mu Mana ihoraho. Ni Imana yo kwizerwa, urutare rukomeye ushobora guhagararaho iminsi yose y'ubuzima bwawe bwose. Atanga ingabo idukingira no guturiza muri iyi si y'ibyago.

Isi ntabwo itwigisha kwigirira icyizere mu muremyi wacu, ahubwo idusaba kwiringira ibindi bintu bitanga imbaraga (amagare n'amafarashi). Mugihe cy'urugamba, umubare munini w'amagare n'amafarashi byari buhe kwiyizera ingabo za Siriya. Uko umubare w'amagare n'amafarashi byiyongeraga niko n'icyizere cyo gutsinda urugamba cyiyongeraga. N'amahanga yose ahindira umushyitsi imbere y'Imana (Zaburi 99:1).

Imbaraga zicungura z'ukuboko kw'Imana ziri kubuzima bw'abifitiye icyizere muri we. Imbaraga ze zihambaye n'uko buri uwizera wese abyirata. Ntabwo twabona imbaraga mu biganza by'umwana w'umuntu. Abizera birata mu mbaraga zabo nkeya kuko bazi neza ko babeshejweho n'imabaraga z'Imana. Imbaraga z'Imana zikomerezwa mu mbaraga nkeya zacu (2 abakorinto 12:9).

Mu gihe amagare n'amafarashi biteshejwe agaciro, ariko abahagaze ku rutare rukomeye Yesu Kristo bazaguma bahagarare bemye kandi bakomeye. Izere umwami n'umutima wawe wose.

Umunsi wa 43:
Amacyenga ahoraho n'integuza
I Petero 5:9

FREE COPY

Buri uwizera wese agomba kumenya ibiranga ibitero bya Satani kuri we. Lusofero akoresha abanyantege nkeya kugira ngo yinjire mu buzima bw'abizera. Bibiliya igereranya Lusofero nk'intare itontoma, irimo ishakisha uwo yaconcomera. Ni byiza kuwizera kujya mu mwanya w'integuza buri gihe.

Ni nk'uko inzoka yashutse Eva, Shitani nawe aza nk'inzoka yuzuye ubumara, afite ibyangiza byinshi. Umugambi n'imitego ye ni ukugumana abantu ikabagira imbata ibatwara mu byaha, gucika intege, ibatwara mu ntekerezo zanduye. Intwaro ikomeye ya Satani ni ugucika intege. Umwanzi ariboneza akigira nka marayika w'umucyo, agambiriye guca abantu intege, kandi ntabwo acogorera gutera ubwoba abantu b'Imana. Niyo mpamvu umwana w'Imana nta na rimwe ashobora kurambirwa kugira amacyenga n'ubwenge mu gihe cyose asenga. Uwizera wese agomba guhora umunara we werekeye ku mwuka wera. Umwuka wera azakuburira mu bihe byenda kuba bibi, kugirango ube maso kandi uhore witeguye mu bihe byose.

Guhangana n'umwanzi

Uwizera agomba gukoresha isengesho n'ijambo ry'Imana mu guhangana n'umwanzi (Yakob 4:7). Amaraso y'umwana w'intama w'Imana arahari mu mbaraga zayo (Ibyahishuwe 12:11), Aya maraso ntabwo ajya atsindwa. Abiringiye Uwiteka bose ntibazigera batsindwa kuko imbaraga zabo ziva ku Mana ikomeye. Umugabo w'urugamba, Indwanyi ikomeye ni umunyamacyenga uhora akubereye maso kandi akakurwanira intambara.

Kuba maso buri gihe no kugira imbuzi mu buzima.

Uwizera wese agomba kuba ashobora kumenya imyuka y'ibitero bya Satani. Lusofero akoresha abanyantege nkeya kugirango yinjire mu buzima bw'abizera. Bibiliya imugereranya n'intare itontoma ishaka uwo iconcomera. Ni iby'ingezi ko uwizera agomba kuba mu buzima butuma amenya ibizamubaho ibihe byose.

Abize cyane ibiyanye na Bibiliya, abahanga mu byanditswe byera, abanyabwenge bahambaye, abantu bakunze kureba kure bose bacyeneye na none kwigishwa n'Imana.

Umunsi wa 44:
Ntabwo uri wenyine
Matayo 28:20

FREE COPY

Buri mukristo wese yakabaye akwiye gukomerezwa mu ijambo rya Yesu. Yamaze kubitanga nk'isezerano kandi ntabwo azigera yisubiraho. Yesu "ari kumwe natwe igihe cyose". Ari kumwe natwe aho twajya hose, ibi ni ibyiringiro byacu n'imbaraga zacu. Yesu niwe ncungu yacu ikomeye. Yesu Kristo ni Emanweri, bisobanuye ngo Imana iri kumwe natwe. Ni umunara ukomeye ni umufasha utabura kuboneka mu makuba. Ni umwami wakishingikirizaho, ntabwo azigera agutana. Ari kumwe nawe umunsi k'uwundi. Akubabarira ibyaha byawe. Ababarira buri wese. Hari Ubuntu muri Yesu, kandi hari inyungu nyinshi mu kumumenya. Ni Umurengezi ukomeye (Abaroma8:33-39), umunara ukomeye (Imigani 18:10) uzabana nawe ibihe byose. Ni umurinzi ukomeye (Yohani 17:2), ukurinda imyambi yaka umuriro uraswa n'umunyantege nkeya Satani, akayikurinda iminsi yose (Zaburi91:5). Yesu aratweza akatuboneza, akatwuzuza imbaraga. Ahora ahari ngo aturinde kandi atuyobore. Agumana nawe mu bihe by'umunezero akagukomeza amaboko mu bihe by'uburwayi no mu bihe by'agahinda. Yesu azabana nawe mu bihe bidashira. Wakwishingikiriza kuri we ibihe byose.

Iki gitondo komeza umwizere. Sohoka n'indirimbo z'amashimwe n'umunezero. Ntuzigere ugira ubwoba Yesu Kristo ari mu ruhande rwawe, uzanesha.

Umunsi wa 45:
Agakiza ni umurimo w'Imana Ntabwo ari umurimo wacu.

FREE COPY

Abefeso

Iyaba agakiza kagenderaga ku mbaraga zacu, nta byiringiro byari kubaho na rimwe. Ese ninde warengera cyangwa agacungura umuntu mu mbaraga z'icyaha. "Abakoze ibyaha bose n'abaguye bakava mu bwiza bw'Imana." (Abaroma 3:23).

Imana irera

Ese ninde wahagarara imbere y'Imana. Nta numwe uboneye bihagije ku buryo yahagarara imbere y'Imana. Imana irera.

Gusobanukirwa ibyo kwera kw'Imana byambura agaciro uburyo bwose bwo kumva ko imbaraga za kimuntu zishobora kuba zamucungura. Ubuntu nibwo buhagarara bwemye imbere yo kumva ko imbaraga zacu za kimuntu hari icyo zatumarira. Gusiganwa kw'ikiremwa muntu ntacyo kwamugezaho. Rwose imbaraga za muntu ntacyo zamara, dukwiye guhagarara imbere y'Imana yo ikiranuka kandi yera.

Ububasha ndengakamere by'ubuntu.

Buri wese ufite kwizera Umwami Yesu Kristo uyu munsi, byakozwe kubw'ubuntu. Agakiza ni umurimo w'ubuntu budashobora kubonwa n'undi wese (Abaroma 11:6). Ubuntu ni impuhwe Imana itugirira nta kintu na kimwe igendeyeho kandi ikabidukorera nta kiguzi. Ubuntu bubonwa mu mugisha wo mu mwuka kandi uhoraho Imana igirira abanyabyaha kandi batabikwiriye. Nta gucirirwaho urubanza kubari muri Kristo (Abaroma 8:1). Kristo yakugize utariho urubanza imbere y'Imana. Gendera mu mwidegembyo uyu munsi, Yesu yarakubohoye! (Abaroma 8:1)

Ubukire bwo muri Christ ntibushiraho.

Umunsi wa 46:
Byarategujwe, byaremewe kubaho , byatoranijwe n'Imana
Abefeso 1:5

FREE COPY

Imana yashyize ikimenyetso ku bana bayo. Abahungu n'abakobwa, bahawe kuba abana bayo mu buntu butangaje aho nta mwana w'umuntu abambura ubwo burenganzira. Kuvuka bundi bushya bizana ubushyashya mu buzima budashobora kugereranywa k'akahise. Bikuzanira ubuzima bwo mu cyiciro cyubashywe. Ni Icyiciro dushyirwamo na Kristo umucunguzi wavu binyuze mu kwizera (Abagalatiya 8:26, 4:51).

Umwuka wera ku murimo mu mitima no mu bwenge bw'abana b'Imana azana icyubahiro n'igitinyiro. (Abaroma 8:14, Abagalatiya 4:6). Igitinyiro ni ikimenyetso cy'umwuka wera ku kazi kandi kizabonwa na buri wese ubwo umwana w'Imana azaba yerekanwe. Uzaba ari umunsi w'urubanza "Kwerekanwa kw'abana b'Imana" (Abaroma 8:9). Ibyaremwe byose byifuza kuzabona uwo munsi bikazasangira uwo munezero.

Imana iyo iteganya uko ibintu bizagenda mu rukundo, biba birenze cyane kwinjira mu ijuru cyangwa gukurwa ikuzimu. Ibyaremwe byose bizakurwa mu bubata (Abaroma 8:2). Ntabwo bizaba ari ugucungurwa kw'imibiri yacu n'ubugingo, ahubwo bizaba ari ugucungurwa k'umubumbe wose.

Yaratwiteganyiririje mucyubahiro cye.

Niwibona wamaze kurenga umuronko usoza amasiganywa, kandi ukirimo wiruka usiganywa, uzamenyeko amaso yawe utakiyahaze ku muronko w'aho isiganwa risorezwa.

Umunsi wa 47: Amaso atumbiriye kuri Yesu Igice cya mbere

FREE COPY

Yesu ni ubuhungiro bw'ukuri ku bamwiringiye.. Nta na kimwe kuri ino si gikomeye kurusha umuremyi wayiremye. Imbaraga zose ni ize. Ategeka umunsi wose uko wira, azi uko umunsi uw ariwo wose urangira. Niyo mpamvu dukwiye kumurebaho tumutumbirirye mu kwizera. Uwizera akwiye kurebe kuri Yesu amutumbiriye, kandi nta handi cyangwa undi arebyeho uretse Yesu.

Kwiyegamiza ku mahoro y'ukuri

Umuntu uhanga amaso ye kuri Yesu azabaho mu mahoro y'ukuri. Amahoro ni ibwirizwa ry'umutima. Ushobora kuba cyangwa gukora ahantu huzuye ibigeragezo ariko ukaba ufite amahoro. Aha wabaza uti ese birashoboka? Birashoboka cyane mu gihe amaso yawe uyahanze Yesu. Nta na kimwe gishobora guhungabanya amahoro yawe. Iyo uzi ububasha bwa Yesu Kristo, umenya n'ububasha bwawe bwite. Yesu yagize ati "Nabonye Satani agwa nk'umucyo uva mu ijuru: Luka 10:18.

Yaduhaye ububasha bwo gukandagira inzoka na za sikorupiyo ndetse aduha gutsinda imbaraga zose z'umwanzi; ntana kimwe kizaduhumanya.

No mu kumenya cyangwa gusobanukirwa kw'abizera ububasha buri muri kristo, uwizera gomba kumenya icyo bisaba. Yesu yabwiye abasakazabutumwa ba mbere yari yohereje mu murimo ngo ntibazanezezwe n'uko bafite ubutware ku badayimoni, ahubwo bazanezezwe n'uko amazina yabo yanditswe mu gitabo cy'ubugingo cy'umwana w'intama w'Imana. Ibyo waba uri gucamo byose, zamura amasso yawe urebe kuri Yesu kandi wiyegamize ku mahoro y'ukuri. Abakorera Kristo bose: Baba bakorera mungo, hanze bakwirakwiza ibyanditswe mu mihanda, bagomba kumenya ko bakorera ku butaka bw'umwanzi. Urimo urahindura ubwami bwa Satani unasubiza ubugingo bwa benshi kuri Yesu. Urugamba ntabwo ari urw'umubiri n'amaraso, ahubwo ni urw'imbaraga, imiyaga n'imyuka mibi by'ahantu ho mukirere. Uwizera wese amaso ye ahanzwe Yesu, ibi azabizirikana kandi azabaho iteka ryose ubuzima bwo mu mahoro yuzuye.

Ndasenga uyu munsi kugira ngo amahoro y'Imana yayandi arenze kure ubwenge bw'umwana w'umuntu abane namwe, abarinde mwe n'imitima yanyu, n'ubwenge bwanyu (Abafiripi 4:7). Kurira bishobora kurarira ijoro, ariko mu gitondo hakaza ibyishimo. Munezerwerwe umudendezo Imana ibaha buri munsi.

Nimwishime, ndongeye ngize nti nimwishime!

Umunsi wa 48: Amaso atumbiriye Yesu Igice cya kabiri

FREE COPY

Ibyago biri mu gutumbira umuntu cyangwa ikindi kintu mu gihe uri mu masiganwa (Abakorinto 9:24) ni uko umuvuduko uzagenda uhindagurika ukurikije uko wa muntu yaramutse. Niba ikibazo ari uko ugomba kugira icyo ureba imbere yawe, kuba kidahari bizatuma udakomeza amasiganwa.
Hari inkuru nziza yo kwizera no gushidikanya yatanzwe na Yesu n'abigishwa be muri Matayo 14:22-36, no muri Mariko 6:45-56, cyangwa Yohani 6:16-24). Ububasha bwe buhambaye, ubuhangange n'ubusugire bwa Yesu Kristo hejuru y'ibindi bintu byose ubariyemo n'inyanja, byabonywe umunsi agendera hejuru y'inyanja (Matayo 14:22-36). Iki gikorwa cy'indengakamere cyabayeho, kirandikwa kirabikwa mu mateka abantu benshi barabyirebera abandi barabyumva.
Umuntu wese ureba kuri Yesu agomba kuba ashyizwemo imbaraga kandi asobanukiwe neza ko nta na kimwe kidashoboka ku Mana. Hamwe n'Imana ibintu byose birashoboka (Matayo 19:26). Imana ifite ubuyobozi bw'ikirenga ku isi yaremye. Ibintu byose biri munsi y'ubutware bwe. Ibigeragezo, amakuba n'uruvange rw'ibihe bitandukanye byoherejwe k'uwizera kugira ngo bimurememo gukura amaso ye kubibazo maze ayerekeze kuri Yesu. Isi n'ibiyirimo biri mu butware bw'Imana kugira ngo bidutyaze bidusye biduhindure abo tugomba kuba bo. Ibikuku, imiraba, n' imiyaga byose byabayeho kubw'ubusabe no gushaka kw'Imana (Zaburi 9:4).

Ubwo Petero yarebaga kuri Yesu, yagize imbaraga zo kugendera hejuru y'inyanja. Umwanya yakuye amaso kuri Yesu, yatangiye kumanuka yika agana mu Nyanja…
Hari isomo ririni twakiga hano: GIRA KWIZERA MURI YESU. Reka kwizera kwawe n'ibyiringiro byawe bibe kuri Kristo gusa. Ni imbaraga muri buri ntege nkeya zose, na cya gihe tuba twenda kugwa, abamarayika be "bazadufata, badukomeze kugira ngo tudakoza ikirenge ku ibuye." (Zaburi 91:12, Luka 4:1).
Ntabwoba buhari niba Yesu aguhaye ubushobozi n'ubutware byo gukora ikintu runaka. Nta mpamvu n'imwe yo gutinya niba biri mu itegeko ry'Umwami. Wowe bikore!!! Buri uwizera wese yahawe ububasha bwo gukora n'imirimo mu isi irenze n'iyo Yesu yakoze nk'uko bivugwa muri Yohani 14:12.
Imana ibahe Ubuntu bwo gutumbira Yesu no ku muhanga amaso.

Umunsi wa 49:
Amaso atumbiriye Yesu Igice cya gatatu

FREE COPY

Komeza wizere Imana. Abumva ijwi ry'umuyobozi wabo, baramukurkira. Ikidashobokera umuntu, Imana iragishobora. Itanga imbaraga zo gushobora ibidashoboka. Nimwizere uwavuze ati " Ngwino." Nka Yesu, ushobora kugendera hejuru y'amazi, kandi mu muyaga w'ishuheri. Yesu yaravuze ati," Unyizera wese azakora imirimo ikomeye iruta iyo nakoze" Yohana 14:12).

"Data", yesu ataka cyane "Nkiza". Gushidikanya no kutizera byiba uwizera. Uwizera agomba kwizera ko Yesu azabana nawe kugeza ku mperuka. Niba akubashisha gutera intambwe ya mbere imwe, azanakubashisha gutera n'intambwe ya nyuma isoza urugendo rwawe. Ubuntu bwe burenze kuba buhagije. Ibuka, uwizera wishingikirije ku Mana akomerezwa mu mbaraga nkeya ze.

"Ubuntu bwage burabahagije, nk'uko imbaraga zange zuzurizwa mu ntege nkeya zanyu" Ngewe ho nzirata ibyishimo byange mu mbaraga zange nkeya kugira ngo Imbaraga zikomeye za Kristo zingumeho" (2 Abakorinto 12:9).

Yesu agororera abamukurikira. Nta kintu cyiza na kimwe gikomeye cyangwa kinini kurusha Imana. Guma uhange amaso yawe ku Mana. Izere Imana yonyine. Ni umunyempuhwe kandi ni umunyebambe. Mwishingikirizeho, azagufata n'ujya kugwa. Umwanditsi wa Zaburi yagize ati, 'Subizwamo imbaraga uyu munsi'. Uwiteka azagufata ikiganza mugihe cy'umuraba. Azakubyutsa nuramuka uguye, ntazigera aguta cyangwa ngo agutererane. Amasezerano ye arashinganye. Izere umwe gusa we ufite kongerera kwizera abafite gucyeya. Reba ku bwiza bw'Imana yawe. Mutumbire, izere ko umurimo yatangiranye nawe azawusohoza.

Ahantu ho kuruhukira.

Kubarebera mu ishusho y'ubutayu banyuzemo Abisirayeri, Kanani hari ahantu habo ho kuruhukira. Ndasenga kugira ngo uyu mwaka uzakomeze ugere ahantu hawe ho kuruhukira. Imigambi y'Imana no gushaka kwayo ku buzima bwawe bizagerweho (Matayo 5:17). Reba ku mpinduka n'amaso y'umwuka wera (Abaroma 8:7) uko imana igenda igukura muri Egiputa.

Haleluyaaaaaaaaa!

Umunsi wa 50:
Kuva muri Egiputa ujya Kanani
Yosuwa 1:2,
Kubara 14:7-9, 14:37-38

FREE COPY

N'ubwo karebu n'abatasi batatangaje bashize amanga ko bafite ubushobozi bwo gufata igihugu, bagenzi babo b'abatasi bagenzi babo batsimbaraye kuri raporo z'imyuka mibi. Abatasi 10 bazanye raporo mbi ku gihugu "Yapfuye, yaguye imbere y'Imana, ariko Yosuwa umuhungu wa Noni na Karebu umuhungu wa Jefunehi baracyari bazima, mu bantu bari bagiye gutata igihugu." (Kubara 14:37-38).

Mose ahagurka agenda n'abayisiraheri bose, ntabwo bari babuze ibyiringiro. Uwizera ntabwo agomba guterwa ubwoba n'impinduka zibabaje. Imana niyo igenda imbere y'abakiranutsi kugirango itunganye ahantu hataboneye.(Luka 3:5). Kwizera kwa Yosuwa kwari mu bigeragezo igihe yasabwaga kuzamuka ngo ajye mu gihugu cy'isezerano.

Urugendo rugana mu gihugu cy'isezerano.

Umurimo w'Imana ugomba gukomeza ukagera aho wateganijwe gugera. Hari igihe cyateganijwe ku masezerano y'Imana. Kanani cyari Igihugu kidahangarwa, impano y'ubuntu cyasezeranijwe abana ba Isiraheri. Nta n'umwe mu basekuruza babo wagize icyo akora gihambaye kugira ngo abazabaturukaho bazagororerwe icyo gihugu. Ntabwo bari baravukiye guhabwa icyo gihugu. Bagihawe nk'impano y'ubuntu. Abari muri Kristo ntabwo bavukiye guhabwa agakiza. Ntigashobora kugurwa, ni impano y'ubuntu, yatanzwe k'ubuntu n'Imana. Ni kubw'ubuntu twinjira mu masezerano y'Imana. Kanani bwambere yari yarasezeranijwe Aburahamu.

Byari kubwo kwizera no kuhaba Imana byatumye kanani iba iye. Abisiraheri barayirwaniye, bahangana n'abanyakanani, birangira binjiye mu gihugu cy'isezerano kubw'imbaraga z'Imana. Hari umurage uhoraho kubwa Isiraheri wo mu mwuka ushobora gutangwa gusa na Yesu Kristo. Iyo abana b'Imana bishyize hamwe, baravuga ngo:

Ntabe aritwe Mana, ntabe ari twe,
Ahubwo izina ryawe rihabwe icyubahiro,
Kubera imbabazi zawe,

Kubera ukuri kwawe. Zaburi 115:1

Umurimo w'Imana ntabwo ukorwa n'ibiganza by'umuntu

"Ntabwo ari kubw'imirimo y'abakiranutsi iyo twakoze, ahubwo ni kubw'impuhwe ze, yaraducunguye, atwogesha kongera kuvuka no guhindurwa bashya n'umwuka wera uwo yaducuncumuriyeho muri Kristo Yesu umukiza wacu, ugashimangirwa n'ubuntu bwe maze tukaba abaragwa dukurikije ibyiringiro by'ubuzima bw'iteka" Tito 3:5-7

Umunsi wa 51
Umutima mushya
Ezekiyeri 11:19,20; 36:26

FREE COPY

Ezekiyeri avuga ku bihe by'impinduka, ubwo ibintu byose bizaba bishya. Bazahabwa imitima mishya (bisobanuye umwuka mushya).

Umwuka mushya:

Umwuka mushya ni indashyikirwa, kwiyuburura, wera, w'icyubahiro. Nimushya kandi uhinduwe mu cyerecyezo. Umutima ukomeye nk'ibuye ushobora guhindurwa n'Imana. Uwo mutima w'ibuye (Ukomeye, udahinduka, wifashe, utumvira, utumva, ugagaye, utizera) ushobora guhinduka. Imana ishoboye guhindura umutima umeze nk'ibuye ikawugira umutima w'inyama.

Wihagarika kwiringira ko Imana ishobora kuzana impinduka mu bibazo ibyo aribyo byose. Ishobora guhindura ibyo urimo unyuramo. Wirambirwa, wicika intege. Komeza usengere uwo mu ntu ufite umutima umeze nk'ibuye. Imana ifite ububasha bwo kuwuhindura.

Umutima uganduka kandi uhinduwe mushya ni wa wundi wumvikana kandi ugashyikirana n'Imana. Uyu mutima wumva Imana, uzayitaho wubahe n'amategeko yayo.

Wihangayika nonaha, wirambirwa, komeza usengere uwo muntu, iyo nshuti, umukunzi wawe, abo mubana cyangwa mukorana ndetse n'igihugu. Guma ku masezerano y'Imana.

Impano y'ubuntu

Agakiza ni impano y'ubuntu bw'ubuntu ntavogerwa, kandi ni ikintu umuntu atakwiha. Iyi mpano itangaje y'ubuzima bw'iteka ibonerwa mu kwizera. Kwizera ni cyo gikoresho ukoresha ngo ubone iyi mpano. Ibiganza byo kwizera nibyo biganza byo kwakira. Akira icyo Imana yakuronkeye nta kiguzi utanze binyuze gusa mu kwizera Yesu Kristo.

Umunsi wa 52: Kubwo kwizera winjira mu masezerano y'Imana Abaheburayo 1:8

FREE COPY

Aburahamu yashyizwe mu bihe aho nta kindi yakoze uretse kubaha Imana.
Muri kamere muntu, byagaragaraga nk'igitekerezo cy'ubusazi gusabwa kuzinga ibye akagenda nta n'ubwenge bw'aho yari agiye kwerekeza. Aburahamu yagombaga gusenya byose by'ubuzima bwe bwa mbere, agakomereza mu yindi mibereho mishya.
Itangiriro 2:1 Imana ibwira Aburahamu iti "Siga igihugu cyawe kavukire, inshuti zawe, abavandimwe bawe, n'umuryango wa so, ujye gutura mu gihugu nzakwereka. Muri icyo gihe, ntabwo yarasezeranijwe ko igihugu azajyamo azaba ari igihugu cye bwite. Ni nyuma y'Imyaka myinshi yaje kubwirwa ko igihugu cya Uri w'Ikarudaya, kizaba ari umurage we.
Imana ntabwo izahita iguhishurira byose mu gihe igusaba gukora ikintu runaka. Icyo igushakaho ni ukwizera. Nk'uwizera, ese witeguye kwiha Imana wese, utitaye ku byo ubona n'amaso y'umubiri? Urumva wifuza kubaha Imana mu cyubahiro cyayo utabanje kuyibaza icyo ibikoreye mu gihe igusaba gukora ibyo yagusabye gukora?

Kanani yari ndakorwaho kandi ari impano y'ubuntu yahawe Isiraheri. Buri uwizera wese muri Yesu Kristo yahawe impano y'ubuntu y'agakiza. Yayihawe kubw'ubushake bw'ubuntu bw'Imana Atari ukubera imirimo yo gukiranuka kwacu. Kubwo kwizera, uwizera Yesu Kristo yakira ibyo Imana yamusezeranije. Aburahamu ise w'abizera n'abizera bose (Abaroma 4:11), yizeye Imana atari mu magambo, ahubwo ari mu bikorwa. Yosuwa nawe yasabwe gukora nk'ibyo. Twese duturuka ku bisekuruza bya Aburahamu. Yesu niwe nyiri gakiza ku bantu bose bamwizera (Abaheburayo 5:9)

Kwizera no kubaha ni nk'izuba n'urumuri, umuriro n'iziko: Ntabwo Wabasha kubitandukanya. Kwizera kudusaba kugendera mu kubaha (Abagalatiya 5:6). Ni igikorwa cy'urukundo. Hariho ahantu hitwaga Egiputa, abantu bagombaga kuva ariko bambutse uruzi rwitwaga Yorodani. Hari umujyi ugomba kwigarurirwa, hari urugamba rugomba kurwanywa n'umujyi witwa Kanani ugomba gufatwa cyangwa ugatsindwa burundu. Iteka ryose hazahora hariho intamabara hagati y'umubiri n'umwuka. Kubaha cyangwa kugandukira Imana bizana amahoro: Amahoro yo mu bwenge, umubiri n'ubugingo. Igihe twizeye Imana muri Kristo Yesu, iduha

amahoro n'umutimanama no kuruhuka k'ubugingo.

Tunga ibyawe.
Rekeraaho kurwanya Imana. Injiramumasezerano y'Imana kandi uyanezererwemo kubwo kwizera. Ntabwo ari kubw'Imbaraga zawe, ahubwo ni kubw'imbaraga n'ubushobozi bw'Imana ikomeye. Impano itavogerwa kandi itagurwa y'Imana warayihawe. Fata cyangwa tunga ibyawe (Obadiya 17:1) kandi ubyishimiremo kubwo kwizera kandi ubyiyumvemo ubiheshejwe n'ibyiringiro.

FREE COPY

Umunsi wa 53:
Umwuzuro wa Kristo
Matayo 11:28

FREE COPY

Abanyabwenge mu maso yabo bwite, ntibazigera babona cyangwa bakira ibintu byo mu buryo bw'umwuka. Ubudahangarwa bw'Imana ni ibirenze ubwenge bw'umuntu. Imana yonyine niyo yasobanura impamvu ubupfu bw'ijambo ryayo bwemerwa na bamwe mu gihe hari n'abandi batabwemera.
Ubutumire bwo kuruhukira muri Kristo.
Yesu atumira abumva ko baremerewe mu mitima, ku kibazo cyose cyo kubona uburuhukiro n'amahoro muri we. Tubaho mu buzima aho imirimo y'umubiri ariyo igaragara cyane. Isi ifite uburyo bwayo n'imigenzereze yayo umuntu yakita mu magambo macyeya nk'inkwi ziremereye: umutwaro w'agahinda, kwiheba no gucumura, nibwo buzima isi ishaka ko abantu bagira.
"Nzabaha uburuhukiro".
Yesu niwe wenyine ushobora gutanga uburuhukiro ku bugingo. Ushobora kurekeraho gukorera muri Kristo. Aravuga ati "Nimugume mumenye ko ndi Imana"(Zabuuri 46:10). Abazi Imana yabo "bazagumaho", ariko abakorera isi bazavunagurika. Isi yamaze kwangirika, urucantege kandi nta buruhukiro muri yo. Aho kuruhukira nyakuri ni ku birenge bya Yesu Kristo. Ni inkuge y'ubuhungiro, igendana n'amahoro ku bugingo.

"Isomo ryange"
Abahora bakora kandi kagoka ariko bizeye kristo. Icyo agusaba ni ukuza nk'uko uri. Nk'umwana muto, dukwiye kuza kuri Kristo akatwigisha.
"Uworoheje kandi w'umugwaneza"
Yesu yasobanuraga uwo ari we, uciye bugufi kandi w'umugwaneza. Uza kuri Yesu wese ahura no guca bugufi ndetse n'ubugiraneza. Yuzuye impuhwe, iteka ryose yifuza gukunda, kubabarira no kwakirana.
"Umutaro wange ntabwo uremereye….. umutwaro wange w'urumuri" Nta kubishidikanyaho, hari umusaraba wikorera iyo wiyemeje gukurikira Yesu. Uzangwa n'isi, iby'isi n'imigenzereze y'isi. Hari ibigeragezo uzanyuramo. Uziga kwiruka ushikamye kandi urwanishe buri ntambara kwizera. Ariko umenye neza ko gukomera no gusubizwamo imbaraga byo kumenya Yesu bitarikure y'uburemere bw'umusaraba.

Ugereranije n'umutwaro wange w'ububata n'ibyaha, umutwaro wa Kristo uroroshye. Inzira ze ziroroshye, kandi atwarisha abantu amahoro. (1 Yohana 5:3). Abamwiyegamijeho, bamana nawe mu byishimo n'amahoro.
Kumenya ko Kristo yakubabariye ibicumuro byawe byose, biguha kuruhuka mu

bugingo. Ngwino kuri Kristo mu kwizera uyu munsi. Azaguha uburuhukiro mu bwenge n'umucyo wo mu mutima. Uzaseka isi n'inzira zayo, uzi neza ko ufite ikintu gikomeye. Ngwino kuri kristo kugirango ajye akugezaho ibyiza bya buri munsi. Guma kuri we wenyine, ntuzigere umwemerera ko akuvaho.

Kubona uburuhukiro mu Mana ihoraho.
Ibyo witeze byose, ibyo wiringiye n'ibyo wifuza, bituruke ku Mana uyu munsi. Ntabwo uzigera ucika intege ibyiringiro byawe nubishyira ahantu h'ukuri. Kristo ni urutare rukomeye wahagararaho.
Isi yose igenda ishiraho nk'umusenyi.

FREE COPY

Umunsi wa 54:
Si abagaragu ni abahungu bakuru
Abagalatiya 4:4-5

FREE COPY

Mu buryo bumwe, umwana aba acyeneye gukura akava mu bwana akaba umuntu mukuru. Isezerano rya cyera itorero ryari nk'umwana. Ryagendaga rihabwa amabwiriza yo kugederaho, ariko ntirisobanukirwe kubera iki cyangwa ni izihe mpamvu bahabwaga ayo mabwiriza. Muyandi magambo, nta bumenyi bari bafite cyangwa ubusobanuro bw'ibyo basabwaga gukora cyangwa ngo bamenye impavu bari kubikora. Bo icyo bakoraga ni ugukurikiza amategeko nkuko yatanzwe gusa.
Mu mwuzuro w'ibihe, uko byagenda kose, igihe "Umwuzuro w'ibihe waje", kugihe cyagenywe ibitera ubuhumyi byakuweho. "Imana yohereje umwana wayo" kuruhura itorero ku migenzo n'amategeko, imikorere n'amateraniro. Mose yashimangiye kuri Kristo umwuzuro w'amategeko.
Umwijima n'ibicucu by'ahahise ntabwo byagombaga kugereranywa n'ubuntu, koroherezwa n'inyungu by'ijambo ry'Imana rinyuze muri Krisito.
Umudendezo n'umucyo.
Ijambo ry'Imana rya Yesu Kristo rizana imirasire y'izuba. Ni umucyo urasira mu mwijima, ugakuraho ubujiji, ugaha ubwenge kumenya, ugakuraho umutima ukomeye, ukazana umudendezo. Aho umwuka w'Imana uri, harangwa n'umwidegembyo (2 Abakorinto 3:17). Iyi niyo nyungu y'abari muri Kristo Yesu. Ntibaba bakibaho kubw'amategeko, ahubwo babaho kubw'ubuntu. Barabohowe bakurwa mu bubata bw'iyi si.
K'uwabyawe n'umuore, gucungura babandi batwawe n'amategeko unyuze mu guca bugufi, Kristo yaje mu isi anyuze mu mugore, anyura mu byasabwaga n'amategeko byose. Yesu yaje abishaka, nk'umwana w'Imana kandi wabyawe n'umuntu kubw'umubiri kugira ngo acungure abanyabyaha abakure ku kaga k'amategeko. Byari mu mugambi w'Imana wo gucungura umuntu. Yaje aje kuzuza umugambi w'Imana.

Kwemerwa nk'umwana
Abari muri kristo barakuze. Umwana w'Imana ni umukozi w'Imana, ariko ubusabane bwabo ni ubusabane hagati y'umwana na se. Hari uburenganzira busesuye bwo kugera kuri Data. Nk'umuragwa w'Imana, ibya Kristo ni ibyabo. Bafite umugabane ukomeye wuzuye mu cyubahiro cy'Imana.

Gukomera nk'icyuma.
Gukomera muri Kristo, ugomba kuba ufitanye ubusabane nawe…., Mwizere kandi wiringire Imana ishobora byose uyu munsi. Gira kwizera ko Imana izagusanga igihe cyose uzayiyambaza. Ntabwo uzakorwa n'isoni, ibyiringiro byawe bizanyurwa,

kubera ko ibyo ucyeneye byose biri muri Kristo.

FREE COPY

Umunsi wa 55: "Buhoro buhoro" Kuva 23:30

FREE COPY

"Buhoro buhoro, nzabakura imbere ye, kugeza mwiyongereye, mukazunguraa icyo gihugu" (Kuva 23:30).
Hari intambara nini mu buzima bw'umuntu wizera kristo. Ni intambara hagati y'imirimo y'umubiri n'umurimo w'umwuka. Satani we ari mu mibare ye akora iyo bwabaga ngo abeshye, anyage, asiragize abana b'Imana abanyage ibyo bahawe byose kubw'ubuntu.
Gucungurwa gushinganye, urebye mu Kuva kw'abana ba Israel bava muri Egiputa, urusaku rw'ibyishimo byo kurekurwa no kubona umudendezo byarumvikanye. Bari mu buretwa barafashwe bucakara na Egiputa. Gucungurwa bakajyanywa mu gihugu cy'isezerano, Kanani byari bishinganye ariko atari iby'ako kanya. Buri uwizera wese akwiye kumenya iby'iyi nkuru kandi akumva aya magambo:
"Buhoro buhoro." (Kuva23:30).
N'ubwo Imana yari yarabasezeranije kuzabatwara aho yabateguriye, (v.20), yagombaga kubikora nta ntambwe n'imwe isimbutswe.

"Ntabwo nzabirukana mu mwaka umwe, kugirango igihugu kidahinduka umwirare, inyamaswa zo mu ishyamba zikagwira zikagutera" (v29), ahubwo nzabirukana buhoro buhoro kugeza aho muzagwirira mukazungura igihugu (30).
Uwizera wese agomba kumenya ko Imana itasezeranije Isiraheri ubutsinzi no gucungurwa mu munsi umwe. Ugomba kwihangana kugira ngo ugere ku masezerano y'Imana. Isiraheri yagombaga gutegereza. Hariho ingorane (Inyamaswa z'ishyamba) no gusenga ibigirwamana byari byogeye muri icyo gihugu. Ntabwo rero hagombaga kubaho kwihuta ngo bagende bivange n'ibyo byaha, ikindi bagombaga kurindira bakabanza kororoka, bakagwira mu mubare.

Iyo instinzi itari iy'ako kanya, ugomba gukomeza ukihangana. Icyo gihe ugomba kwinjira mu mwanya wo gusenga, umwanya uhoraho wo kubana n'Imana. Ugomba kubaha ibyo Imana yagusabye gukora muri cya gihe utegereje. Kwishingikiriza no koma ku Mana, nicyo Ishaka.
Kwizera no kubaha nk'umwana w'Imana, ducyeneye gukorana n'umwuka w'Imana. Abisiraheri bagombaga kubaha amabwiriza Imana yari yarabahaye kandi bakayagenderaho. (v20-25). Abantu bose bamwubaha, niwe mugenga w'agakiza k'iteka (Abaheburayo 5:9). Kubaha ijambo ry'Imana, ni ingenzi ku gakiza. Hariho ingaruka nyinshi zituruka ku kutubaha (1 Patero 4:17). Kwizera no kubaha biragendana agatoki mu kandi. Ni kubwo kwizera, dutsinda isi, umubiri n'umubi.

Hari ahantu hateguriwe abakurikira Yesu Kristo. Uwizera wese afite umurage ukomeye n'umunani we. Birashinganye nk'urugendo rw'umubwiriza butumwa iyo agana kubutaka bw'isezerano.

Umwana w'Imana, hari ibigeragezo n'ingorane ahurira nabyo mu rugendo, ariko ndagukomeza ngo ugumane kwizera kwawe. Guma mu guhangana n'umwanzi ugendere mu kubaha Imana. Ubuntu bwe burenze kuba buhagije. Amen

FREE COPY

Umunsi wa 56
Icyiciro cy'ubuzima cyahindutse: ubuzima bushya
Igangiriro 39:4, Abaheburayo 4:14-16

FREE COPY

Yosefu yakunzwe cyane na se w'umubiri, kugeza urwego abavandimwe be bamugirirye ishyari n'urwango. Mu ruhande rumwe, aya ni amakosa ya Yakobo kuko wabonaga yita kuri Yosefu ku buryo bw'umwihariko.

Yosefu yambaraga ikote cy'amabara menshi risa neza, mu gihe abavandimwe be bambaraga imyenda isanzwe. Kandi Yosefu yarafite impano nyinshi zitandukanye, kuko yarazi no gusobanura inzozi. Ibi byose byakoze inyanja y'ibibazo kuri Yosefu biza kurangira bimugejeje no mu rwobo. ((Itangiriro 37).

Yagurishijwe nk'umucakara birangira yisanze muri Egiputa. Yaguzwe na Putifari, umwe mu basirikari ba Farawo bari bakomeye cyane. Igikundiro cye n'akamero k'Imana kari muri we, byakururiye umugore wa Potifari mu bishuko. Yifuza kumwongoshyoshya ngo baryamane, undi amubera ibamba. Ikibazo cyarakomeje kugeza ubwo Yosefu yisanze muri gereza (Soma Itangiriro igice cya 39 cyose).

Yosefu yagezeho akurwa mu rwobo:

Yarasanwe, yisanga ahantu yahawe intebe, intebe yari ikomeye mu gihugu. (Itangiriro 41:40-46). Uretse Farawo gusa, ntawundi wari ukomeye nka Yosefu mu gihugu cyose.

Intebe y'imbabazi nyuma y'ibyo byose, Imana yari kumwe na Yosefu kuko yayiboneyemo "imbabazi", mu maso ya Farawo. Buri wese wageze kuri Yesu yahagejejwe n'ubuntu. Agukuraho ubuzima bwa cyera akaguha ubuzima bushya.

Kwinjira mu bumwe na Kristo biguha ikindi cyiciro cy'ubuzima ukaba umwana w'Imana. Yosefu yasize ubuzima bwe bwa cyera anyuze mu bigeragezo bikomeye, yinjira mu buzima bushya. Nk'uko Yosefu yarinzwe ibishuko by'umugore, ubumwe bwacu n'Imana natwe buzaturinda ibishuko. Abunze ubumwe na Kristo bahinduriwe icyiciro, bahinduriwe ubuzima. Babonye ihumure, bahawe ubudahangarwa, barahinduwe.

Mu mibabaro ya Kristo, dufite gukiranuka. Dushobora kuza twemye imbere y'intebe y'ubuntu y'Imana. Nk'uko imbaraga zose n'ubushobozi bwose byahawe Yosefu abihawe na Farawo, Yesu nawe abamukurikiye bose yabahaye imbaraga n'ubushobozi. Farawo yatanze ibyo yarafite byose mu biganza bye, abiha Yosefu.

IBYO KRISTO YARAFITE BYOSE, YABIGUSHYIZE MU KIGANZA. UFITE UBURENGANZIRA BWOSE BW'I BWAMI.

Umunsi wa 57:
Kristo umwigisha mukuru
Ababeburayo 4:14-16

FREE COPY

"Kubera ko dufite umwigisha mukuru waje avuye mu ijuru, Yesu umwana w'Imana, reka twihutire kwihana ibyaha byacu.Kuko tudafite umwigisha mukuru utwangira imbaraga nkeya zacu, ahubwo nawe yarageragejwe cyane nkatwe, gusa we ntiyakoze icyaha. Reka tuze duciye bugufi imbere y'intebe y'imbabazi, kugira ngo tugirirwe imbabazi kandi tubone Ubuntu n'ubufasha igihe dutabaje." (Ababeburayo 4:14)

Yesu Kristo ni umwigisha Mukuru. Azi intege nkeya zawe, n'uko udakwiriye. Akwitayeho, kandi yarakuneshereje,

Niba ubyizera rero ngwino uciye bugufi imbere y'intebe y'imbabazi uyu munsi. Nta wundi mwami wagereranywa n'umwami w'abami. Ufitanye ubumwe, ukagirana ubusabane n'Umwami. Injira mu buruhukiro bwawe, injira mu Wera w'abera uyu munsi hamwe no guca bugufi. Yesu yaguciriye inzira ngo uze uciye bugifi umuramye: UMWIGISHA UKOMEYE KANDI MUKURU.

Ubukire bwo muri Yesu buhoraho iteka ryose.

Sangiza abandi inkuru nziza. Urumva wishimiye Yesu Kristo nonaha, nkaho ari ubwa mbere wizeye? Genda ubwire abandi ibyerekeye uyu munezero wumva ufite. Babwire ko wakijjwe kubw'ubuntu. Babwire iby'urukundo rwe n'imbaraga ze nk'Imana.

Uwizera wese agomba gukara nk'intare. Yesu yarafitiye umukiza we urukundo ruhambaye, n'abandi bizera kandi byari nk'uko. Yajyanywe ahantu ho gusingizwa no gusengwa. Abefeso 1:20-23, Kristo yarumvishwe mu isengesho. Pawulo amusobanura nka" Uri hejuru y'amajuru n'imbaraga zose, ufite imbaraga zihambaye kandi uganje, iryo niryo zina rye iteka ryose" Kristo afifte ubushobozi ku bintu byose, ibintu byose biri munsi y'ibirenge bye. Ni umutwe w'ibintu byose ku itorero, ariryo mubiri we. Atanga ubuzima bw'iteka kuri buri wese ubucyeneye, afite kuganza isi, Atari kubantu gusa n'abamarayika, ahubwo ni kubyaremywe byose.

Genda ugire uwo ubibwira uyu munsi.

Umunsi wa 58: Kuganza, Ubushobozi n'Imbaraga Matayo 28:19

FREE COPY

Yesu Kristo yemeje imbaraga nyinshi n'ubushobozi ubwo yagiraga ati "Imbaraga zose narazihawe mu isi no mu ijuru, kandi imbaraga ze yazihaye no kubigishwa be ubwo yagiraga ati "Nimugende mujye mu mahanga yose, mubabwirize ubutumwa bwiza" mubagire intumwa ku bantu kandi mubabwire bigishe abantu ijambo ryange kandi muyobore abantu imyitwarire no mu kwizera kwa Kristo.

Ese murizera izo mbaraga n'ubushobozi mwahawe?

Intumwa zategetswe kugenda bakabatiza amahanga yose. Mbere y'uko umuntu abatizwa, abanza agahabwa amasomo yo gusobanukirwa impamvu agiye kubatizwa. Bwa mbere na mbere bagomba kubanza bakumva ijambo ry'Imana. Umurimo, ugendeye ku Ibyakozwenintumwa 1:8, 3:26, 13:46, 18:6-7, abagalatiya 2:7, havuga ngo, mubanze mubigishe, mubabatize hanyuma mubatume ku mahanga yose.

GENDA UGIRE UWO UBWIRA

Mu Byakozwenintumwa 10:36, hatwibutsa ko n'ubwo ubutumwa bwiza, mbere bwabwiwe abayahudi, ariko bwanageze no kuba Gereki. Yesu Kristo ni Imana ya bose: Abayahudi n'Abagereki.

Ba umuhamya uyu munsi wo guhamya ibya Yesu Kristo. Yesu yakoze umurimo ukomeye cyane, yaguhaye ubugingo bw'iteka, niyo mpamvu ukwiye gusangiza abandi inkuru nziza uyu munsi.

Umunsi wa 59:
Ese uri mubo Imana yatoranije?
Abakorosayi 3:12

FREE COPY

Bimwe mu byubahiro bikomeye by'ijambo ry'Imana ni ubugwaneza n'uruku ndo byo mumutima.

Umutima wuzuye impuhwe n'urukundo, uba umeze nk'umutima w'umucunguzi wacu Yesu Kristo

Niwe Mugenga wa byose impuhwe, ubugwaneza, guca bugufi, ubwiza no kwihangana.

UMWAMBARO WERA

Ingingo ya mbere irebana n'imyambarire, n'uko dukwiye kwambara umwenda w'ubugwaneza.

Umwana w'ibwami agomba kuba umunyempuhwe ku bantu. Ntuye mu Bwongereza ariko mbona imiryango itagengwa na Leta ifasha abantu bababaye mu buryo butandukanye yaba hano iwacu no ku ku isi muri rusange, imyinshi iba yaratangijwe n'amatorero ya cyera, abasakazabutumwa bakoherezwa gusakaza urukundo rw'Imana binyuze mu bikorwa byo gufasha bitandukanye. Ibikorwa by'aba basakazabutumwa, bikarenga imbibi z'amatorero. Abatwaye ijambo ry'Imana bagomba kurangwa n'impuhwe n'urukundo byo mu mutima kuri bose.

Ikintu cya kabiri cyo kwambarwa kiroroshye ni "Ubugwaneza"

Ubugwaneza ntabwo ari ikintu kiza nijoro. Ni umurimo w'umwuka. Ijambo ry'ikigereki "Ubugwaneza" rishushanya imico myiza nk'iy'umuvinyo watazwe neza ariko watakaje uburyohe bwawo. Yesu yakoresheje iri jambo ashaka gusobanura umutwaro: "Umutwaro wange uroroshye (Matayo 11:30). Ni imwe mu mbuto z'umwuka nk'uko zigaragara mu abagalatiya 5:22. Ubugwaneza bukuruka ku kugaragara kw'Imana kuzuye mu buzima bw'umuntu. Abaroma 2:4, hatubwira ko Imana ari ubugwaneza bw'Imana butuyobora kukwihanza ibyaha. Ubugwaneza ni umwe mu myambaro ukubiyemo myinshi.

Ikintucya gatatu mu myambaro dukwiye kwambara ni "Guca bugufi"

Ikidahura neza hano n'uko nta kimenyetso cyo mu kigereki gisobanura ijambo guca bugufi. Ijambo ryo mu kigereki rigerageza kuba ryasobanura guca bugufi, hari aho ritabivuga neza mu busobanuro bwaryo. Tutabitinzeho, Ijambo ry'Imana rifite iri jambo guca bugufi kandi ryarifase nk'umuyobozi w"UBUNTU". Udaciye bugufi ntiwagira Ubuntu. Muri Kristo, kwicisha bugufi byamugize uwubashwe kugeza n'aho urupfu rumwubaha. (Abafiripi 2:8). Pawulo aravuga ati "nakoreye Imana nicisha bugufi bikomeye n'amarira menshi mu bigeragezo bikomeye (Ibyakozwenintumwa 20:19). Uwizera agomba gukorera Imana mu bihe byose kandi agakorera n'abantu (Abefeso 4:2). Yesu ntabwo atugira inama yo kurambarara, guhekenya amenyo no kwisuzugura nk'ikimenyetso cyo guca bugufi, oya ahubwo

nabwo ntidukwiye kwishyira hejuru no kubwira abantu amagambo y'ibitekerezo byacu bwite.

Bwa Kane, tugomba kwambara umwenda wo " Kuba woroheje". Ibitabo byinshi bisobanura Bibiliya ijambo rijya gusobanura ibitandukanye gato no " kuba woroheje" bagakoresha " Kuba utuje", rimwe narimwe bakariha ubusobanuro nk'ubwo " kuba uri umunyantege nkeya", gusa bikarangiira bigaragaye ko " kuba woroheje" hari imbaraga biba bifite. Umuntu worohereje aba afite imbaraga kuko afata umwanya wo kugenzura byose. Abantu borohereje baba bazi kwigenzura cyane, kandi baba bayobowe n'umwuka wera muri buri kimwe cyose bakora. Umuntu wambere wari woroheje ni Mose (Kubara 12:3). N'ubwo yari yoroheje, yarazi uburyo bwo gufata ibyemezo bicyenewe, no kumenya ni ryari wagaragaza uburakari, mu giye bibaye ngombwa. Abantu boroheje n'abantu batuje n'ubwo ibi byombi utabitandukanya cyane, ni abantu babanyembaraga cyane kuko n'abantu bagenzurwa n'Imana.
Bwa nyuma kandi, tugomba guhora twambaye umwenda wo "kwihangana". Nko mu hibe bidusaba kugaragaza amarangamutima yo kurakara. Mu mubabaro se no mubitagenda neza, tugomba gukora uyu mwitozo wo " Kwihanga". Abagalatiya 5:22 hatubwira ibyo kubabazwa. Bigusaba kuba umunyamahoro mu bandi, ukareka kumva wayoborwa n'amarangamutima. 1 Abatesarinike 5:14 havuga ku bantu bajagaraye, bajunjamye n'abanyantege nkeya. Aba bantu rero baba bacyeneye kwihanganirwa.
Aya makanzu meza ane, uwayashushanije ni Uwiteka Imana ubwe. Ni imyenda yadozwe yagendewe kumyambarire ya Yesu. Niyo myambaro yambaraga natwe rero dukwiye kuyambara. Reka rero tuyambare kandi tuyambarane umunezero n'ibyishimo.

FREE COPY

Umunsi wa 60: Icyubahiro cy'Imana Abaheburayo 1:3

FREE COPY

Urashaka kubona icyubahiro cy'Imana? Reba kuri Kristo. Ni "Umucyo umurika w'icyubahiro cy'Imana n'ishusho ye."
(Abaheburayo 1:3 NKJV). Mu isezerano rya cyera, icyubahiro cya Shekina, cyari ikimenyetso kigaragara cyabaga kiri mu rusengero gishushanya kubaho kw'Imana. N'uyu munsi kirahari, ariko muri Kristo. Yohani 1:14 haraguga ngo "twabonye icyubahiro cye". Yohani kandi akavuga ngo yabonye icyo cyubahiro kandi tikagomba kubonwa n'undi uretse "Umwana w'ikinege w'Imana".
Nkuko izuba ricisha imirasire yaryo mu bicu, kugira ngo ritange umucyo ku isi, Yesu ni "Umucyo w'icyubahiro cy'Imana". Muriwe niho tubonera Imana ikomeye. Kristo ni umucyo ubonesha mu mitima yacu yuzuye icuraburindi (2 abakorinto 4:6). Ni muri we twabashije kubona ubwenge bw'ukuri butumenyesha Imana n'icyubahiro cyayo (1 Yohani 5:20). Umucyo wagaragaye bwa mbere mu iremwa, kandi umucyo wa Kristo ni wo utanga ubugingo bushya.

Ducyeneye amaso y'umwuka, kugira ngo tubone ibintu by'umwuka. Ni kubw'impano y'Imana yo kwizera, dushobora kubona umwuzuro w'icyubahiro cyayo. Kugira ngo ubone ubwiza nyakuri bw'ikintu, ugomba kubanza ukagisobanukirwa. Ubwiza bw'ukuri bwa Kristo, ntabwo ushobora kububonesha amaso y'umubiri. Kugira ngo ubone icyubahiro cy'Imana, ugomba kuba ufite amaso y'umwuka. Nimuri kristo dushobora kubona Imana mu mwuzuro wayo, nta bundi buryo.

Umunsi wa 61:
Ubuntu bw'Imana buhambaye
1 Timoteyo

FREE COPY

Nka Timoteyo, buri uwizera wese yagombye gushishikarira "Kuzamura impano ry'Imana hejuru". Timoteyo, yarafite byinshi byashoboraga kumukangurira gusenga, birimo nka Nyina Enike wasengaga cyane, na Nyirakuru Aroyiziya nawe wakundaga Imana. (2 Timoteyo 1:5).

Uretse na Timoteyo, ushobora gusanga nawe warakuriye mu rusengero cyangwa ufite ababyeyi b'abakristo, uko byagenda kose nabyo umuntu yabishimira.

N'ubwo nyina na nyirakuru bari bamufiteho ububasha bukomeye bwo kuzana Timoteyo kuri Yesu, yagize izindi mbaraga zamubuzaga zaturukaga ku Bagereki mu buzima bwe busanzwe. Ni kimwe n'undi wese waza kuri Kristo imbaraga z'ibyisi zigakomeza kumukurura zimubuza gufata icyemezo gikwiriye, n'ubwo yazagera aho azitsinda, akagera kugukizwa nyako agatandukana n'ibyisi.

Kubw'ubuntu bwe, hari ibisekuruza by'ubwoko byatoranijwe, abahungu n'abakobwa, batoranijwe, bacunguwe, nk'uko Imana yari yarabigennye kandi bababariwe. Umuntu ahamagarwa kubera Ubuntu bw'Imana., Atari ukubera ikindi kintu icyo aricyo cyose baba barakoze. Timoteyo ntabwo yari kwishingirikiza ku kwizera kwa nyina cyangwa ukwa nyirakuru. Pawulo yashakaga ko Timoteyo ahagarara yemye mu kwizera kwe. Yitaye kuri Timoteyo kuko yabonaga ko agicyeneye inkomezi n'uburere. . Yashakaga nawe gukorera Imana mu kagiza ke bwite. (Abafiripi 2:12) Atari ukwishingikiriza ku kwizera kw'ababyeyi be b'umubiri.

Timoteyo yemewe nk'umwana mu muryango wo mu ijuuru. Ni umuntu wahamagawe kubw'umugambi w'Imana gusa. Ni umuntu wacungujwe n'ubuntu atari imirimo ye. Yaracunguwe kubera ko Imana yari imuzi, yaramukunze irangije imucungura ataranaba urusoro munda ya nyina. (Yeremiya 1:5, Abaroma 9:13). Uyu munsi niwizera Yesu Kristo, nta kindi kiraba kiguteye kwizera. Nta mbaraga z'umwana w'umuntu zahindura ubugingo bwawe ngo bwizere, Atari Ubuntu bw'Imana. Guhinduka ni umurimo ukorwa n'umwuka wera. Nabyo biri mu bigize umugambi w'Imana utangaje wo gucungura abantu (Abefeso 2:8)

Umunsi wa 62:
Impano nziza kandi ikwiriye
Yakobo 1:17

FREE COPY

Intego ya buri mwanditsi wese ukora kubyanditswe byera, ni uko abantu babona impano z'umwuka n'ubuntu. Izi mpano nziza birumvikana zifite ibizitandukanya n'impano mbi. Imana yaduhaye umucyo binyuze muri Yesu Kristo, kandi iyi mpano ituruka ku Mana. Abahumishije amaso yabo kubw'ijambo ry'Imana bazaguma mu mwijima, kandi abo ntibakiriye impano nziza.

Imana y'ab'iki gihe yateje ubuhumyi mu bwenge bw'abatizera, kugira go batabona umucyo w'ijambo wo utangaza icyubahiro cya kristo, ariwe shusho y'Imana.

Abagendera mu kutumvira Imana, ntibakurikize amategeko y'igikomangoma cy'imbaraga z'ikirere, ntibigeze bakira impano y'umwuka. Imana ni umugenga w'ubuntu bukiza, abugirira uwo ahisemo. Umurimo w'ibisekuruza bishya: akamero gashya, abavuka bushya, abatangira bushya, umutima mushya (Ezekiyeri 36:26-27), ni umurimo w'ubuntu udaturuka ahandi uretse ku Mana.

Buri mpano ikwiriye:

Nta kuvuka gushya mu buryo bw'umwuka, twaba turi abapfu mu buryo bw'umwuka. Uko umuntu agenda akura mu buryo bw'umwuka ku muntu no kubuzima bw'iteka, nabyo ubwabyo ni impano ituruka ku mana. (Abaroma 6:23). Buri ntambwe yose mu rugendo rw'umukristo, uhereye ku buntu bwa mbere, ku cyubahiro ni kubw'impano n'impuhwe z'Imana itangira Ubuntu.

Uhereye hejuru:

Yakobo 1:17 agira ati, imigisha yacu ituruka hejuru. Iyi nteruro wayisanga no muri Yohani 3:21. Hari impamvu idasanzwe ituma imigisha yacu ituruka hejuru. Imigisha yacu yaremwe, ishushanywa, itekererezwa gusa mu ijuru. Iyi migisha igomba kwishimirwa muburyo byuzuye (Abefeso 1:3). Dufite umugisha duhererwa mu mugisha w'uburyo bw'umwuka uva mu ijuru. Inkomoko y'imigisha yo mu ijuru tubona mu isi, ni iyo mu ijuru ubwaryo.

Umunsi wa 63:
Umutima ndengakamere w'umudomekano
Ezekiyeri 1:18-19

FREE COPY

Ikidashobokera umwana w'umuntu, kirashoboka ku Mana. Uburyo busanzwe bwo dukomeka umutima (gusimbuza umutima), ni igikorwa cyo gusimbuza umutima urwaye, ugasimburwa n'umushya uba watanzwe n'umugiraneza. Kugira ngo umugiraneza atange umutima, bawukuremo, uwutanga agomba kugaragza ko ubwonko bwe bwapfuye, bikemezwa n'abaganga byibuze babiri badakora mu kigo cy'ubuvuzi kimwe. Iyo Imana iguhaye umutima mushya, ntabwo iwukura mu muntu wapfuye, arawurema n'ibiganza bye. Ntabwo ari ugufata umutima ushaje ngo iwusanasane, oya iguha umutima mushya.

Gusenya ibigirwamana muri Isiraheri.
Imana ishobora gukoresha ibintu bisanzwe by'iyi si ikaducura, ikatuboneza tukamera nk'uko ishaka ko tuba. Hariho ibintu byo munzu ya Isiraheri byafashwe bunyago n'abibaburoni. N'ubwo batari bafite urusengero rugaragara basegeragamo. Imana yitanze ubwayo ibabera isenga y'ubwugamo. Mu bihe bya cyera, bashoboraga kubona icyubahiro n'imbaraga z'Imana mu isenga, ubu kubaho kw'Imana kugendana nabo. Ubuntu bwayo buri mu mitima yabo. Ifata umutima wacitsemo ibice, usenga ibigirwamana ikabaha umutima uteranye. Ikabaha umutima uyikunda kandi uyicira bugufi. "Bazaba ubwoko bwange, nange nzababera Imana" Yeremiya 32: 38

Umutima ucitsemo ibice ntabwo unezeza Imana. Nkuko yabikoreye Isiraheri, ishobora gukoresha ibihe bitandukanye kugira ngo imitima yanyu icyebwe. Gusenga ibigirwamana, mu buryo bwose byakorwaga, nicyo gitandukanya umutima w'umuntu n'Imana. Imana yanga urunuka, gusenga ibigirwamana.
Imana ifite ubushobozi bwo kuguha umutima mushya mukimbo cy'umutima ushaje. Yabikoze mu bihe bya cyera kandi n'ubu ashobora kubikora. Imana ishobora kukuzanira ibihe bishyashya kigirango ikuremere ubuzima bushya. Imana ntabwo ikomeretsa ababi bafite imitima ishaje, ahubwo ibaha imitima mishya. Umutima mushya, intangiriro nshya, ubuzima bushya, umwuka mushya.

Umunsi wa 64: Kwizera gutegujwe. Abaheburayo 4:14

FREE COPY

Ntibishoboka kunezeza Imana udafite kwizera. Imirimo myiza no gukiranuka ntabwo byashimisha Imana. Kugira ngo wegere Imana, ugomba kwiringira ko Imana ibaho. Imana ntabwo ari imitekerereze yo mu kirere cyangwa ubundi buvumbuzi, iriho. Yabayeho mbere y'intangiriro y'ibihe. Mu kwizera Yesu Kristo dushobora kwegera Imana dushize amanga.

Impuhwe n'ubuntu bibonerwa ku birenge bya Yesu. Ngwino kandi witeguye kubona ibi. Gucirwaho iteka, bizakugira imbata yo kutamenya icyo ushaka kurusha ibindi (abaheburayo 4:16). Hari Ubuntu bwinshi n'ubuntu hamwe na Yesu kandi bitangirwa Ubuntu. Ababuraniwe (abagizwe abera mu maso y'Imana), binyuze mu kwizera Yesu Kristo, bafite amahoro. Kristo aguha kwinjira ukaza imbere y'intebe y'Imana y'ubuntu hamwe no gushiramanga no gutinyuka.

Umuremyi w'ikirenga, umuyobozi, utanga ubutabera bwa bose ni umwe ugororera abamushaka. Mu Mana nta biganza bibamo ubusa. Muri we hari umwuzuro w'umunezero mwinshi kandi udashira. Ibintu byose ni ibya Kristo, ni iby'umwana w'Imana. Ni abaraganwa, nibimishimire Ubuntu n'amahirwe byo kubarizwa mu muryago w'ibwami. Mushake uwiteka bigishoboka ko abonwa, nimumwambaze akiri bugufi (Yesaya 55:6). Witegereza mbere y'uko ucyererwa.

Umunsi wa 65:
Kuki dutinya?
Matayo 6:25-34

FREE COPY

Kuki tugira ubwoba? Imana izakwitaho, ntacyerecyezo kuba warahungabanijwe n'ibintu by'iyi si. Imana yaguhaye ubuzima, ishoboye rero kwita kubuzima yaguhaye.
Uwita yita kunyoni zo mu kirere, akamenya neza ko indabyo zigomba kwambara? Imana ikoresha kamere muri Matayo 6 mu gusobanura kamere y'Imana ishobora byose. Kamere itanga ibyo inyoni zicyeneye, bakaragira amashyo bishimye umunsi ukira. Ibyo Imana irabitanga. Imana yambika uburabyo bwo mu ishyamba. Buri mwaka zirarabya, zikabera isi umutako zikerekana ubwiza n'icyubahiro cy'Imana.
Ibyiringiro kubabitakaje
Uwizera ntakwiye gutinya, ngo avuze induru nk'udafite ibyiringiro. Hari ibyiringiro, n'ubwo wakumva byagushiranye bitewe n'ibibazo bitandukanye urimo. Abazi Imana yabo barakomera, kuko bazi neza ko ica inzira ahatari inzira. Yihereza ubufasha buturutse Kure. Aho waba uherereye hose Imana yahagusanga mu gihe uyicyeneye. Mugire kwizera kandi mwishime, nicyo kimenyetso cy'uko mwizera Imana.

Shaka ubwami
Umuti ukomeye w'umwuka w'ubwoba ni "Banza ushake" ubwami bw'Imana. Jya mu bintu ubonako bicyeneye Imana. Mu bwami bw'Imana, buri wese ahabwa ibyo acyeneye. Imana yiteguye kuguha ibyo ucyeneye byose, ukurikije ubukire bwe mu cyubahiro (Abafiripi 4: 19). Ibintu byose bihurizwa hamwe kugira ngo bikore umurimo mwiza kuri bamwe bakunda Imana (Abaroma 8:28). Ntacyo ashobora kwima abagendera mu nzira zitunganye (Zaburi 84:11). Ni izuba, ni ingabo kandi itanga icyubahiro (Zaburi 84:11).

Uburuhukiro

Ejo hazaza haziyitaho, kuki nikorera ubwoba bw'ejo hazaza nkabwikorera uyu munsi? Gira icyizere cy'uko azaguha ibyo ucyeneye byose. Igihe ataguha ibyo wifuza byose, izere ko azaguha ibyo ucyeneye byose. Atanga ubugingo, kandi ubwo bugindo atanga buba bwuzuye rwose.
Gira kwizera n'ibyiringiro mu magambo y'umukiza wawe. MWIRERE!

FREE COPY

Umunsi wa 66:
Saba wizere
Yakobo 1:6
Saba uzabahwa

Gusenga bigira umumaro, kuko Imana isubiza amasengesho. Iyo usenga Imana uyisaba icyo yagusezeranije, Imana itegetswe kugusubiza. Isengesho ryose rigomba kuba risenganywe kwizera nta byo gushidikanya. Ibyifuzo byacu, ntabwo ari ibyo kugenzura amasengesho yacu ku Mana. Ugomba kwizerako Imana izabisubiza. Ufite gutinyuka ukigerera ku mana kandi wifitiye icyizere binyuze mu kwizera Kristo. (Abefeso 3:12).Umuntu utiyizeye ko ibyo akora biri mu kuri, ntashoboa gutinyuka ngo aze imbere y'Imana. Iyo utangiye gusenga kandi uzi neza ko ibyo usengera bidafututse, uba usa n'urimo wibeshya akaguru kazima uhagarariraho. Isengesho ryawe rizaba ririmo kuva hantu ho gucirwaho iteka.(Abaroma 14:23). Dukwiye guhamanya n'umutimanama wacu ko turi mu muronko w'ijambo ry'Imana mu gihe dusenga. Nukomeza gushaka Imana ubudasiba, uzageza ubwenge bwawe mu muronko w'ubwenge bw'Imana.

Sengera mu kwizera

Kwizera ni uburyo bwo kwiringira. Amasezerano yose y'Imana akura "Yego "yayo muri we. Uko amasezerano y'Imana yaba menshi gute, Imana yamaze kuyakorera "yego" muri Kristo (2 Abakorinto 1:20). Ese amasengesho yawe ni kubw'icyubahiro cy'Imana? Amasezerano y'Imana yashizweho mbere y'intangiriro y'isi kandi Kristo yariho igihe ayo masezerano yakorwaga. Itegeko ryose ryarujujwe kubw'icyubahiro cya Yesu no kwizera. Niyo mpamvu duhagarara twemye mu byo Imana yadusezeranije, nta kabuza ayo masezerano agomba gusohora.

Kudashidikanya

Gushidikanya ni iki? Bisobanuye kutemeranwa cyangwa gutambagira hagati y'ibintu bibiri byashoboka, ariko utarahitamo na kimwe. Ijambo "ntushidikanye" ryakoreshejwe mubyakozwenintuma 10:20 (ihangane uhasome). Hano Marayika yasabye Petero kudashidikanya mu kujya hanze ngo ajye kubonana n'umuntu wari wamutumweho. Birashoboka guhagarara, ukumva nturi kwemeranwa nawe kumasezerano y'Imana. Ariko hariho bamwe baca ukubiri: Ntibashidikanya, ariko bizera amasezerano y'Imana (ku Abaroma 4:20). "Ntabwo yashidikanyirije mu kutizera". Mu kigereki cy'umwimerere baravuga Ntugashidikanye, ntiyigishije impaka, ntiyagiye impaka n'ikibazo, ariko umutima we yawusobanuye ku mbaraga z'Imana n'amasezerano yayo. Muri Matayo 21:21, Yesu yaravuze ati "twakabaye tugira kwizera, aho gushidikanya"

Iyo ushidikanyije, uba umeze nk'umuraba wo munyanja.

Umuraba mu nyanja ntabwo ujya uhagarara ngo utuze. Hari imbaraga zitegeka amazi guhora anyeganyega ajya imbere cyangwa inyuma. Umuntu ushidikanya ameze nk'iyi Nyanja: Nta na kimwe ahagararaho ahubwo ahora asubira inyuma n'imbere, mbega ari hagati y'ibitekerezo bibiri cyangwa birenga bibiri. Uyu muntu ntashobora gukangura ubwenge bwe ngo yizere cyangwa abyihorere. Amazi ateraganwa ntashobora kuguma hamwe.

Reka dushyire ubwenge bwacu ku gihe uyu munsi, kugirango twizere kandi twiringire amasezerano y'Imana. Icyo Imana yagusezeranije ni "Yego na Amen" Isengesho ryose rigomba gukorwa mu kwizera, hiringirwa y'uko Imana isubiza amasengesho. Iratwumva iyo tuyitabaje. Ifite amatwi yo kumva n'amaso yo kureba. Reka buri gihe twibuke Yesu. Kubera we, dufite uburenganzira bwo kugera kuri Data. Ibi ni ibyiringiro n'ubwishingizi bwacu.

FREE COPY

Umnsi wa 67
Iturize
Zaburi 46:10

FREE COPY

Hakomeye Imana, kandi ukomeye kurenza bose, uwo nasingizwe. Ashyizwe hejuru ya bose no hejuru y'amahanga yose. Afite kuganza, imbaraga no gukomera. Arategeka, kandi arimbura abamwigomekaho bose kubera ubushake n'icyubahiro cye. Nta n'umwe wamurwanya cyangwa ngo ahakane imbaraga ze z'igitangaza.

Amahanga yose azahagarara imbere ye, we Mana ihindura ubusa imbaraga z'umwanzi ikazicagagura. Irabwira abanga izina ryayo, bagashoreza urugamba kuyirwanya, kurwanya itorero no kurwanya uwo yimikishije amavuta. Bararushywa n'ubusa, imirimo yose ihagurukira kurwanya abana b'Imana ntizaramba. Imana isekera mu ijuru: Nta ntwaro yacuriwe kurwanya Siyoni izaramba (Yesaya 54:17). Mu maso y'abagome, Imana ibwira itorero ryayo n'abanatu bayo iti : "NIMWITURIZE".

Ba mu mahoro, ba mu buruhukiro. Ukomeye niwe uri kumwe nawe. Ni Imana kandi nta numwe uhwanye nawe. Ni ingabo kandi ni n'ubuhungiro ku bamwizera.

"Ntabwo uzigera ukora kuwo nimikishije amavuta, kandi ntabwo uzigera ubabaza umuhanuzi wange "Zaburi 105:15, aranesha n'imbaraga zihambaye kandi isi ihindira umushyitsi izina ryayo ry'icyubahiro. Reka twese abizera YAWE, ELOHIMU, TWITURIZE KANDI TUMENYEKO ARI IMANA!

Umunsi wa 68:
Kora ukorane umurava
Tegereza wihanganye
Babazwa gitsinzi
Umwuka w'ubwoba

FREE COPY

Imana ntabwo ishaka ko abizera tuba abanyabwoba, cyangwa abacecekeshwa n'abatinya. Ubwoba bw'umuntu n'iyo mbogamizi ye ikomeye ku ijambo ry'Imana. Iyo ucecekeshejwe n'ibitekerezo by'abandi, ubangamira impano y'Imana iri muri wowe. Iyo ufite imipaka mu bwenge bya muntu, bisobanura kuzagira imipaka mu bwenge bw'Imana.

Umwuka w'imbaraga

Imbaraga n'ubutsinzi bigera ku wizera kubw'Imana ishobora byose. Biha uwizera imbaraga zo gusenga no mu gihe cy'ibigeragezo no guhangana n'imyuka yigomeka ku ivugabutumwa ry'ijambo ry'Imana. Kwishyiriraho imipaka mu bwenge bwa kimuntu bishobora kubangamira umurimo w'ivugabutumwa.

Urukundo rw'Imana

Yesu Kristo yapfuye kugira ngo acungure abanyabyaha. Ni umukunzi w'ubugingo bw'umwana w'umuntu. Urukundo rw'Imana rutera imbaraga uwizera wese kugira ngo abashe gutsindira ubugingo kubwa Yesu, yewe no mu maso y'abamurwanya. Niyo mpamvu ubugingo bw'uwatakaye ari ubw'Imana kubugarura, ntabwo ari iby'umuntu.

Impano yose Imana yashyize muri wowe, yikoreshe kubw'icyubahiro cyayo n'ikuzo ryayo. Ntugacecekeshwe n'ibiri mu bwenge bw'abandi. Umwuka wera ugenda nta kiwukumira, Nta nuw'umukoma mu nkokora kimwe n'uwizera Yesu kristo wese.

Umunsi wa 69
Kwirukana ibicuucu..
Abaroma 8: 38-39

FREE COPY

Abantu bashakisha ibyo hasi n'ibyo hejuru kugira ngo bahaze imitima yabo. Gushakisha kuzuza imitima yabo, kenshi bikorwa no mu nzira zanduye. Amahanga ashyira ibyiringiro byayo ku mikorere y'isi. Iyo Imana yanyeganyeje ya mikorere umwana w'umunyu yari yiringiye, nibwo ajya yabona ko imbaraga zose zikomeye zitayoborwa n'umuntu ahubwo ziyoborwa n'Imana.
Isi ya none irasabwa kugera kumabwiriza akakaye. Bitandukanye no gushaka kw'Imana. Abantu benshi ntibarakabona ko bacyeneye Yesu Kristo mu buzima bwabo. Niwe nzira yonyine itugeza kuri Data. Abantu baremanywe kwifuza kugirana ubusabane n'Imana n'ubwo batabishyiramo imbaraga, bakarenga bagakomeza kwiberaho ubuzima butagira Imana kandi bazi ko bayicyeneye.

Pawulo yari umugabo uzi neza ko acyeneye Imana kugira ngo abeho. Yarazi neza ko ntacyamutandukanya n'urukundo rw'Imana aboneraa muri Yesu Kristo. Abaroma 8:38-39 Pawulo atanga urutonde rw'ibintu bidashobora kumutandukanya, kumunyeganyeza cyangwa kumukura mu busabane na Yesu Kristo: Urupfu, ubuzima, abamarayika, abadayimoni, iby'uyumunsi, iby'ejo, imbaraga, uburemere, urupfu cyangwa ikindi kintu icyo aricyo cyose mu maso y'isi. Nta na kimwe gishobora kunyeganyeza umwana w'Imana. Uwizera wese agomba kumenya neza ko dutekanye mu burinzi bw'amaboko ya Yesu.
"Imisozi izakurwaho, n'udusozi tuzanyeganyezwa, ariko ubugwaneza bwange ntabwo buzava kuri mwe, n'isezerano ryange ry'amahoro ntabwo rizanyeganyezwa" niko uwiteka avuga ubafitiye Ubuntu n'impuhwe" Yesaya 54:10.

Umunsi wa 70:
Umwuzuro w'ibyanditswe byera
1 Abakorinto 15:4

FREE COPY

Ni iki ibyanditswe bivuga?
Ibyanditswe bivuga iby'uwapfuye akishyura ikirego cy'ibyaha byacu. Ubuhanuzi bw'urupfu rwe (Yesaya 53:5-6), guhambwa kwe (Yesaya 53:9) n'umuzuko we (Zaburi 16:9). , kuva mu isezerao rya cyera werekeza mu isezerano rishya.
Isezerano rishya ryari ritarandikwa mu buryo bwaryo, iyo isezerano rya cyera ryavugaga iby'ayo masezerano, ryabaga ritunga agatoki umwe, wagombaga kuzaza agakuraho ibyaha by'isi. Ducyeneye umwuzuro w'amasezerano mu isezerano rishya.
Imana irinda amasezerano yayo. Yuzuza amasezerano ye, yewe no kuri barya badafite kwizera, arakomeza akababera umwizerwa. Ntashobora kwivuguruza (2 Timoteyo 2:14). Ntabwo azigera atera umugongo amasezerano ye. Umwuzuro w'amasezerano y'Imana ntabwo ugenwa n'imbaraga za kiuntu, ahubwo ugenwa no gushobora kw'Imana.
Itorero ry'abikorinto
Hari abakomezaga gutera urujijo n'umwiryane mu bakristo, (abo ni Himenasi na Firetusi muri 2 Timoteyo 2:17-18), bahakana umuzuko. Bagerageje kunyeganyeza ku rufatiro, aho abakorinto bari bubakiye kwizera kwabo.
Urupfu rwa Kristo n'umuzuko we, ni urufatiro runini abakristo bubakiyeho. Ni umwuzuro w'ubuhanuzi bwo mu banditswe. Uru rufatiro ruhuriza hamwe imirimo yo kwizera Kristo.

Umunsi wa 71:
Abaragwa bari kumwe mu bukire bwa Kristo.
Colossians 1:27orosayi

FREE COPY

Yabwirije ubushobozi bw'Imana.
Pawulo yari umukozi w'Imana, utari uw'umuntu, yagombaga gukwirakwiza imirimo ihishwe y'ijambo ry'Imana. Wari umurimo yakoze n'umutima we wose, kandi yawukoze neza mu kwizera. Imana yakoresheje Pawulo mu gusobanura ijambo ry'Imana ku bantu bari bari mu mirimo y'amadini, bari bacyeneye rero n'ivugabutumwa ry'ukuri.
Ijambo ry'Imana, n'ubwo ari umurimo wiyobera ariko si iryo guhishwa, ahubwo ni iryo gushyirwa ahagaragara.
Mu magambo ya Pawulo mu Abakorosayi 2:18, tubona ko hakorwaga ibirori byihariye cyangwa amateraniro yo mu ibanga ryihise yaberaga mu duce tumwe na tumwe. Niyo yari imvano y'ibibazo bikomeye by'itorero.
Ibanga ry'imirimo y'amayobera ryahishuwe
Ijambo ry'Imana rya Yesu Kristo ntabwo ari iryo kugirwa ibanga. Rigomba kumenyekana guturuka mu gisenge cyo hejuru (Matayo 10:27). Buri wese yumvaga ijwi ry'usakuriza ahantu kure. Ntabwo ari amateraniro y'ibanga, ahubwo ni aya buri wese kugira ngo babone ubukungu bw'icyubahiro muri Kristo. Abefeso (igice cya mbere) habisobanura neza.
Imana yashoboraga guhitamo abantu basanzwe, bagafata umurage w'icyubahiro. Byari bitandukanye n'ibyifuzo by'abagereki ndetse n'abayahundi babarizwaga mu muryango umwe.

Muri iyi minsi ya nyuma, abantu batandukanye mu mfuruka enye z'isi bazaza ku bwenge bukiza bwa Yesu Kristo. Abataragize amahirwe yo kwitwa abana b'Imana nk'uko bivugwa muri Hoseya na Pawulo akabigarukaho mu Abaroma 9:26, nabo bazitwa "Abana b'isumba byose". Ibi bizaba ari igitangaza kuri benshi. Kristo ni icyizere cy'ubwiza ku Bayahuudi no ku Bagereki. Iyi mirimo y'amayobera, yahishwe mu binyejana byinshi, muzayihishurirwa, mwebwe abana b'Imana. Kriso, mu bukungu bwe bw'icyubahiro, ari mu mitima y'abana be aho bari hose ku isi.

Umunsi wa 72:
Mugire ubwenge mu gihe musenga, mu-hore muri maso ibihe byose, mushime iteka ryose mutanga ituro Abakorosayi 4:2

FREE COPY

Yesu Kristo ni itangiriro akaba n'iherezo. Niwe soko y'ubugingo, ibuye ryo mu mfuruka rikomereza inyubako (umubiri wa kristo) hamwe. Pawulo yavuze umumaro w'ijambo mu Abakorosayi 3:6. Arangije avuga no ku mumaro wo gusenga mu Abakorosayi 4:2. Ijambo ry'Imana no gusenga ntabwo ari ibintu bigomba gutandukana.

Ibihe by'amasengesho ni ibihe umuntu agomba kwishimira kuko habamo byinshi byi birwanywa na kamere. Umubiri ushobora gucika intege cyangwa ukananizwa, ibyo rero tugomba kubimenya. Bafite kugerageza cyane ibihe byo gusenga. Luka yatanze urugero rw'umupfakazi watitirije muri Luka 18:1. Ntabwo tugomba tunanirwa mu gihe cyo gusenga. Tugomba gutitiriza nka wa mupfakazi. Tugomba kugira kwizera, Imana isubiza amasengesho.

Ubwenge bw'umuntu bufiye imyitwarire idahwitse kubijyane no gusenga. Kimwe mu bintu bishobora kuranga uwavutse bushya k'uwizera, ni ubuzima bwe bwo gusenga. Tugomba gusaba umwuka wera akadufasha gusenga. (Abefeso 6:18), ibihe byose, no gusenga amasengesho y'uburyo bwose ndetse n'ibyifuzo bitandukanye. Ubwenge bwacu bukangutse, tugomba kugira ubwenge mu gihe dusengera abantu b'Imana, ibihugu turimo n'isi yose muri rusange.

Itorero risenga rihora riri maso.

Itorero rigomba guhora riri maso, kandi rigahora rivuza inzogera kugira ngo ribyutse iyi si yasinziriye. Umunsi w'uwiteka uzaza nk'umujura mu gicuku (Abateraroniki 5:2). Abavura binjira mu gihe kitateganijwe. Itorero ritegereje Kristo, rigomba guhora riri maso. Rihora riri maso, rikangutse kandi rigatera umubiri wose wa kristo guhora uri maso. Hatabayeho kuba maso, itorero ryasinzira. Umunaniro ntabwo ujya wubaha abantu. Yesu yasanze abigishwa be basinziriye I Getsemani. Arangije iri niryo jambo yababwiye:

"Ni ibiki? Ntimushobora kubana nange isaha imwe"?

Uko byamera kose tugomba "Kuba maso no gusenga, kuko duhoratugeragezwa. Umutima urakunze, ariko umubiri ucitse intege"(Matayo 26:41).

Gushima amasengesho yasubijwe n'atarasubizwa

Gushima dutanga ituro kubyo tuba twamaze kwakira, byakabaye kimwe mu bice

bigize ubuzima bwacu bwa buri munsi. Ese tujya twibuka gushimira Imana kubyo iba yadukoreye? Ni umukiza. Ni we munyampuhwe ukomeye. Agira ibambe. Ni ubutabera kandi ni'uwo kwizerwa ibihe bidashira. Guhora dushima, ni ugufata umwanya, tugashimira Imana kuko ari Imana.
Ntitugomba kandi kwibagirwa kuyishimira, kubwo kwizera no kubw'ibyo tutarasubizwa. Gushima Imana kubyasubijwe n'ibitarasubizwa, nibyo Pawulo adushishikariza gukora ibihe byose. 1 Abatesaroniki 5:18 havuga ngo: Tugomba gushima Imana mubihe byosee.
Nimushishikarire uyu munsi. Nimugume mu mwanya wo gusenga. Ntimugacibwe intege mu gihe amasengesho yanyu adasubijwe ako kanya. Mwizere ijambo ry'Imana: Kuva uyu munsi musenge ubudasiba.

FREE COPY

Kutigenga cyangwa utigenga.

Nk'umukozi cyangwa umuyobozi, ujya uyobora abantu ukabageza aho batazongera kugucyenera? Niba intego yawe ari ukurenga abantu no kubayobora gusa, ukwiye kwihana, ukareka Yesu akakuyobora. Yesu yazanywe no kugingo yiyegereze abantu. Yaje gucungura ubugingo. Yaje gucungura abanyabyaha. Ni ibintu byoroshye cyane, guhagarara imbere ya Kristo tugahoza abantu ku ruziga rwo kutigenga. Yesu yaje gutanga amazi y'ubugingo kugirango tutazongera kugira inyota ukundi. Tukishingikiriza cg tukareka kwigenga muri we gusa atari ku muntu.
Abarobyi b'abantu: Yesu yaravuze ngo mugendere mu bimbere mube abarobyi b'abantu. Nk'umuyobozi, ujya wifuza ko abantu bagenda bagakoresha neza ubumenyi wabahaye cyangwa ujya utekereza abantu bajya bahora bakugarukaho?
Ubuyobozi bwiza, ni ukureka abantu bakagenda, bagakoresha neza ibyo ubaha, ukabarekura nabo bakagenda bakigisha abandi ibyo wabigishije. Urugero rwiza ni Kristo Yigishije abigishwa be kumukurikira maze bakaba abarobyi b'abantu.
Arangije arababwira "Nimunkurikire, nzabahindura abarobyi b'abantu". Mariko 4:19
Dukwiye guha abandi ibyo twumvanye Kristo.

FREE COPY

Umunsi wa 73: Mugume hafi y'Imana Yakobo 4:8

Ubu nonaha, nicyo gihe cyiza cyo "Kwegera Imana". Imana niyo ikwiriye. Mukubaho kwayo, mu byishimo byuzuye, umugisha n'ubuntu. Nushaka mbere na mbere Imana, uzabona kuzura kwayo. Mugushaka Imana niho tubonera Ubuntu bwayo. Uko yahoze mu bihe bya cyera, n'ubu niko ari.

Yabwiye Marakiya iti "Nimungarukira, nange nzagaruka kuri mwe" Niko Imana nyiringabo ivuga.

Tuzabona icyubahiro cy'Imana, nitugarukira Imana. Nk'uko byagendeke Marakiya na Zakariya, Imana izagaruka kuri twe, yuzuye imbabazi. Aha rero niho tubonera Icyubahiro cy'Imana. Impuhwe zayo zihora ari nshyashya buri gitondo. (Amaganya ya Yeremiya 3:22-23

Kubaha:

Muri we harimo ubwenge, gusobanukirwa n'umudendezo wo guhitamo. Tugomba gukurikiza inzira ze. Ni Imana ivuga, ariko umubiri ufite intege nkeya. Efurayimu yakunze umugisha w'Imana, ariko ntabwo yari yiteguye gukurikiza inzira z'Imana. Hari imigisha myinshi tubonera mu kubaha Imana. Gusengera Ubuntu bwo kumva no kumvira inzira z'Imana, ni ikintu cy'ingenzi cyane.

Hamagara "Ukuri".

Zaburi 145:18, havuga uburyo Imana iri hafi y'abayihamagara "Mu kuri". Kamwe mu tumero tw'Imana ni uko iberahose icyarimwe. Kubera hose icya rimwe, bisobanuye kubera ahantu henshi mu mwanya umwe. Imana izi kandi ibona ibintu byose. Kuyisengera "mu kuri" tugomba kugira umutima uboneye kandi muzima. Imana yuzuye impuhwe, niyo mpamvu tugomba gusaba Imana kutweza no kutubabarira buri kimwe cyose gishobora gutangira umwuka wayo kuri twe (Zaburi 32:5, Yakobo 4:8).

Ubwiza bw'Imana ni uko kubana nayo bizana imigisha. Nta na kimwe Ima izigera yima abayishakisha umwete. Imana ni izuba n'ingabo. Impuhwe n'icyubahiro nibyo igirira abagenda batariho urubanza (Zaburi 84:11).

Nimushishikarire uyu munsi gushaka Uwiteka. Mumare umwanya muri kumwe nayo. Mwumvire inzira ze kandi mwubaye ijwi ry'Uhoraho.

FREE COPY

Umunsi wa 74
Emanweri ari kumwe nawe igihe cyose
Matayo 28:20

Ari kumwe nawe aho ujya hose muri iki gitondo. Ni Imana irinda amasezerano yayo. Iyo yavuze, ntabwo izaguta, ntabwo izagutererana, nicyo isobanuye.

Ushobora kureba ko Imana ari iyo kwizerwa nkuko bigaragara muri Bibiliya mu bihe bya cyera mu buzima bw'abatubanjirije nka Aburahamu, Mose na Yosuwa. Muri Bibiliya, yasezeranije kubana n'intumwa ze "Ibihe byose"uko ni nako ikiri kumwe n'intumwa zayo n'uyu munsi, ibarinda, ibakomeza.

Buri mu Kristo w'ukuri agomba gukomerezwa mu magambo ya Yesu. Yamaze kudukorera isezerano kandi ntabwo azigera yisubiraho. Yesu "ari kumwe natwe ibihe byose". Ari kumwe natwe aho tujya hose, iki ni icyizere n'imbaraga zacu. Yesu ni ingororano yacu ikomeye. Yesu Kristo Emanweri, Imana irikumwe natwe "ibihe byose". Ni umunara ukomeye n'umufasha utabura kuboneka mu gihe cy'amakuba. Ni uwo umuntu yakishingikirizaho, ntabwo yagutererana. Azabana naweu munsi ku munsi, akubabarira, akweza n'imbabazi ze z'ubuntu. Hari Ubuntu muri Yesu, izo nizo nyungu zo kumumenya. Araturengera bikomeye, (Abaroma 8:33-39), umunara ukomeye (Imigani 18:10) umuntu yakirukiraho igihe icyo ari cyo cyose. Ni umurinzi ukomeye (Yohani 17:12), ukurindira imyambi yaka umuriro y'umwanzi, iminsi yose (Zaburi 91:5). Yesu aratweza akatwuzuza, akadukomeza. Arahari kugira ngo aturinde kandi atuyobore. Agumana nawe mu bihe by'umunezero kandi akagufata ikiganza mu bihe by'uburwayi n'ibihe by'agahinda. Yesu azabana nawe kugeza iteka ryose, bivuze ko ushatse wamwishikamizaho wese.

Komeza wiringire Yesu muri kino gitondo. Usohoke hanze n'indirimbo z'amashimwe n'ubuntu. Ntutinye, Yesu ari mu ruhande rwawe, uzatsinda.

FREE COPY

Umunsi wa 75: Ubukire budashakishwa Abefeso 3:8

Ikintu cyose gisonaburwa nk 'Ikidashakishwa" ni ikintu kitakorohera umuntu kugisobanukirwa. Kuko ubushakashatsi ni ikintu kitagira iherezo, niyo mpamvu byagorana kumva ko hari ikintu "kidashakishwa".
Ariko ubukire bwo muri Kristo bumeze kuriya, ntiburangira cyangwa ngo bugire iherezo. Intumwa Pawulo yabugereranije n'icyubahiro cyo kubwiriza abyita "ubukire budashakishwa" bwa Kristo. Yahaye Kristo icyubahiro ariko we ntiyashatse kwihimbaza. We yisobanura nk'umunyabyaha mu bera" (umuntu agenekereje ni nk'uwera gacyeya cyane ugereranije n'abandi) yigereranije n'izindi ntumwa zigishijwe na Yesu, zagendanye nawe kuko Pawulo we atigeze agendana na Yesu cyangwa ngo yigishwe nawe agihari. Ntabwo yigeze ashaka kwiha icyo cyubahiro. 1 Abakorinto 15:8, yongera akisobanura nk "Uwavutse nyuma y'igihe". Yamenye Yesu asa n'ucyererewe, ugereranije n'izindi ntumwa. Ni umwe mu barenganyaga abakurikiraga Yesu ku buryo buteye ubwoba. Pawulo yahamagawe kubw'ubuntu. Nta herezo riri ku bukire buboneka mu ijambo ry'Imana muri Kristo Yesu. Ijambo ni umutungo ukomeye w'ibyanditswe, ni ibuye ry'agaciro ntagereranywa.

Kristo ni umwuzuro w'amategeko. Ni imbuto ya Aburahamu kandi ni muri Kristo amasezerano n'imigisha by'Imana bibonerwa. Abizera mwese baba Abayahudi mu maraso cyangwa Abagereki, muri abana b'Imana bemewe, kubwo kwizera Yesu Kristo (Yohani 1:12)

FREE COPY

Umunsi wa 76
Ntabwo ari abakozi ni abana bakuru
Abagalatiya 4:4-5

Mu buryo bumwe, umwana aba acyeneye gukura akava mubwana akaba umuntu mukuru. Isezerano rya cyera, itorero ryari nk'umwana. Ryahoraga rihabwa amategeko n'amabwiriza byo kugenderaho, ariko ritarasobanukirwa impamvu rihabwa ayo mabwiriza yo kugenderaho. Mu yandi magambo, ntabwo bari bafite ubumenyi cyangwa ibindi bibayobora bibereka icyo gukora n'impamvu yo kugikora. Icyo bakoraga ni ugukurikiza ayo mabwiriza yabaga yateguwe gusa.

Mu Mwuzuro w'igihe (Igihe kigeze)

Uko bimeze kose igihe "umwuzuro w'igihe"wari ugeze, mu gihe cyagenywe abateraga abandi ubuhumyi bakuweho. " Imana yohereje umwana wayo" kugirango abohore itorero ku migenzo yaryo, amabwiriza n'imihango. Mose yari yarakomoje kuri Kristo, umwuzuro w'amategeko. IbicuUcu n'ibimenyetso by'ahahise byari bihindutse ubusa ugereranije n'amahirwe, koroherwa n'ibindi byiza byari biri mu ijambo ry'Imana ariko noneho rinyuze muri Yesu Kristo.

Ubwigenge n'umucyo

Ijambo ry'Imana rya Yesu Kristo rizana imirasire y'izuba. Uyu mucyo niwo ubonesherezа mu mwijima, ugakuraho ubujiji, ugaha ubwenge kumenya no gusobanukirwa, ugakuraho umutima ukakaye, ukazana ubwigenge. Aho umwuka w'Imana uri, haba ahari ubwisanzure (2 Abakorinto 3:17). Ni yo nyungu y'abari muri Kristo. Ntabwo baba bakibayeho munsi y'amategeko, ahubwo babeshwaho n'ubuntu. Babohowe ku bubata n'ubucakara bw'iyi si.

Uwavutse ku mugore, gucungura ababaswe n'amategeko

Mu kwicisha bugufi, Yesu yaje kuri iyi si anyuze mu mugore, hakurikijwe ibyasabwaga n'amategeko y'icyo gihe byose. Yaje ku bushake bwe, asa nk'umwana w'Imana kandi n'umwana w'umuntu uje gukura abanyabyaha mu makuba yatezwaga n'amategeko. Byari imwe mu ntambwe z'umugambi w'Imana wo gucungura umuntu. Yaje aje gusohoza umugambi w'Imana.

Kwemerwa nk'abana

Abari muri Kristo barakuze. Umwana w'Imana ni umukozi w'Imana, ariko ubusabane bafitanye na Data, busobanurwa nk'ubusabane hagati y'umwana na se. hariho uburenganzira bwihuse bwo kugera kuri Data. Nk'umuragwa w'Imana, ibya Kristo byose ni iby'abana b'Imana. Bafite umurage ukomeye n'umwuzuro wawo mu cyubahiro cya Data.

FREE COPY

Umunsi wa 77: Umwuka w'umwana we Abagalatiya 4:6

Umwuka w'umwana we

Intumwa Pawulo yemeje ko Abagereki nabo bari "abana b'Imana". Umwuka w'Imana yoherejwe mu mitima yabo. Abisiraheri bari ubwoko bwa mbere bwahamagariwe kuvuka ubwa kabiri mu Kuva 4:6. Ubwo rero benshi bizeye bakiriye umwuka wera (Ezekiyeri 36:27). Gusesekara no kuza k'umwua wera ntabwo kwahise kubaho, Yesu atarajya mu cyunahiro cye (Yohana 7:39; 16:7).

Nko ku munsi wa Pantekote, umwuka wera aragenda, arahari ntaho yagihe. Umwuka w'Imana wiyerekana ubwawo "Mu mwana w'Imana". Bahabwa impano z'umwuka wera. Aciye bugufi arataka ati ABBA DATA. Abantu bari abanyamahanga ku Mana, bemewe mu muryango none ubu bafite uburenganzira bwo kuba abana b'Imana. Bacunguwe na Kristo kandi bamwita DATA.

FREE COPY

Umunsi wa 78: Kuganza, Ubushobozi n'Imbaraga Matayo 28:19

Yesu yerekanye imbaraga nyinshi n'ubushobozi bwo yavugaga "Imbaraga zose zahawe ngewe mu ijuru no mu isi. Izo mbaraga ni nazo yahaye ku bigishwa be ubwo yagiraga ati "Nimugende mwigishe amahanga yose" muyahindure intumwa kubantu. Bagombaga kubanza bwa mbere kugenda bakabwiriza abantu ijambo ry'Imana, bakabaha amabwiriza mashya ajyanye n'imyitwarire yo kwizera kwa Kristo.

Ese wizera ubwo bushobozi n'izo mbaraga wahawe nawe?

Abagisha bari bafite ibwirizwa ryo kubatiza amahanga yose. Mbere y'uko umuntu abatizwa, bagombaga guhabwa ubumenyi n'amakuru kugira ngo bamenye impamvu bagiye kubatizwa. Bagombaga kubanza bakumva ijambo ry'Imana. Akazi uko kari kari ukurikije Ibyakozwe n'intumwa 1:8, 3:26, 13:46, 18:6-7, Abagalatiya2:7, kwari ukubanza kubwiriza abantu ijambo ry'Imana, kubabatiza no kubatuma ku mahanga yose.

GENDA UBWIRE UMUNTU mu Ibyakozwenintumwa 10:36. Twibukijwe ko n'ubwo ubutumwa twagombaga gutwara mu ijambo ry'Imana bwarebaga Abayahudi, bwoherejwe no ku Bagereki Yesu Kristo ni Imana ya bose: Abayahudi n'Abagiriki.

Ba umugabo wo guhamya Yesu Kristo uyu munsi. Yesu yakoze ikintu gikomeye cyane, yaguhaye ubugingo bw'iteka, sakaza inkuru nziza uyu munsi.

FREE COPY

Umunsi wa 79
Kugaruka ku Mana
Hoseya 6:1

Isi n'ibiyuzuye ni iby'Imana. Ishobora gukoresha imbaraga zose zihari kugira ngo yigarurire abantu kuri yo.
Nimureke tugaruke ku Mana:
Isiraheri yaragiye ava mu nzira z'Imana. Igice kibanza muri Hoseya 6, kirangirana n'itangazo: Isezerano ryo kuzana abana bayo kuri yo. Mu bibazo bagomba kujya kuyishaka bafite ubwenge.
"Nzagaruka n'ubundi mu mwanya wange
Kugeza aho bazamenyera ko bacumuye.
Bagashaka mu maso yange,
Mu mibabaro yabo, bazanshaka"
Hooseya 5:15
Kugaru ku Mana
Ibyaha no kugwa kwa Isiraheri, byaturutse ku kuramya ibigirwamana. Umuhanuzi Hoseya yarabacyashye abahamagara kuza ahantu ngo bihane ibyaha. Ntabwo uracyererwa kugaruka ku Mana. Niba twarayibabaje, yuzuye impuhwe, ubugwaneza kandi yiteguye kukubabarira.
Reka tugarukire Imana mu kwihana, tuyiramya by'ukuri kandi tuyubaha. Garuka ku Mana n'umutima wawe wose. "Aradukomeretsa kugira ngo abone uko adukiza, akadukubita kugira ngo abone uko atwomora "Hoseya 6:1

Umunsi wa 80: Guca bugufi

FREE COPY

Yesu Kriso yatanze urugero rwo guca bugufi. Yayoboye urufatiro ubwo yitangaga ubwe wese ku musaraba. Urukundo rw'Imana nta kosa rugira. Yabaye umugaragu wa bose kugira ngo asobanure neza urukundo.

Icyo twigira kuri Yesu ntikigereranywa, ntikirangira, ntigihagwa. Ni isomo ry'umuronko ukomeza na Yesu. Dushobora kwigira kuri Yesu gusa niba dushobora kumwiha. Inzira yo kwezwa irashoboka gusa mu mbaraga z'umwuka wera. Umubiri ubwawo ntiwabyishoboza.

Yesu yaravuze muri Matayo 11:29 ati "Ugendane umutwaro wange kandi wigire kuri nge, kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima, kandi uzabona uburuhukiro bw'ubugingo bwawe.

Ndasenga kugira ngo buri mwana w'Imana wese azabone agaciro kari mu byo Kristo yigishije muri ariya magambo. Reka amaso yanyu ahumuke n'imitima yanyu yitange ku magambo ya Yesu. Keretse tubaye turi abana bato cyane nibwo tutabasha kumwigiraho. Ahisha byinshi ngo bitabonwa n'ibiyita abanyabwenge, akabihishurira abana bato cyane (Matayo 11:25, Luka 10:21). Abafite amatwi nibumve.

Ijambo ry'Imana ryarahishuwe kuri babandi bashaka kwiga no kumenya. Yaciye bugufi, biyoroheje mu bwenge kandi bafunguye imitima ngo bumve ijambo ry'Imana ry'ukuri. Luka 1:53 havuga ngo "Nzahaza abashonje ibyo kurya byiza, abakire mbasezerere amaramasa. Umwibone mu byo azi, umwibone kubuzima afite, umwibone kumbaraga ze abo bose bafite imbogamizi zo kwakira Imana.

Ubwo Yesu hatangiraga umurimo we ari kumwe na Simoni ku musozi, ntabwo yigeze arya indimi kubijyanye no guca bugufi.

"Hahirwa abacyene mu mitima, kuko ubwami bw'Imana ari ubwabo, hahirwa abanyantege nkeya kuko bazaragwa isi.

Yesu ubwe arahari kugirango ababere umwarimu w'ukuri. Atuyobora mu biboneye kandi akatwigisha inzira ye. Kubaza Yesu ngo ninde uzi byose, watuyobora ku gikwiriye watwigisha inzira ze, ni igikorwa cyo guca bugufi. Gusa abaciye bugufi mu mitima nibo bifuza kwiha ubushake bwe.

Turasengera umutima ufite ubushake kandi witeguye kwiga. Dukwiye gusengera umutima wo guca bugufi. Reka twitegure kandi twifuze igihe cyose kwigishwa n'umwuka wera. Ibintu byose birashoboka muri Kristo wenyine, we uduha imbaraga (Abafiripi 4:13).

Umunsi wa 81:
Indwanyi ikomeye cyane
Abaroma 8:35

FREE COPY

Mu kigereki, ijambo "Kurusha indwanyi" ni igisobanuro cy'ijambo rimwe ry'inyunge (huperkon).

Iyo ugenekereje nko mu ki latini ho indwanyi ikomeye ni indwanyi ikaze cyangwa se umuntu umenyereye urugamba cyane.

Pawulo yaciye umuronko ku bintu byinshi mu gitabo cy'Abaroma 8:35 byakabaye mu byukuri byadutandukanya n'urukundo rwa Kristo " Ni iki cyadutandukanya n'urukundo rwa Kristo? Ese ni uguteraganywa, ni ibibazo, ni ukwicwa no gutotezwa, ni inzara, ni ukwambara ubusa, ni ubugumba, ni inkota? Nta na kimwe gikwiye gukura uwizera kuri Kristo kuko ari "INDWANYI IKOMEYE CYANE"

Abizera Kristo ntabwo barwanya abantu bakoresheje kubahohotera cyangwa kubababaza bigaragarira inyuma. Imbaraga z'uwizera zituruka ku Mana ishobora byose, ari nawe utera abizera kunesha. Ibibazo, imibanire mibi, kurenganywa no kwicwa, inzara, kwambara ubusa, amakuba cyangwa inkota nta bubasha bizatugiraho kuko uwizera: arenze kuba indwanyi ikomeye muri Kristo udukunda"

Nimwishimire mu mwami igihe cyose munishimire imbaraga ze zihambaye.

Umunsi wa 82:
Duhagaze muri Kristo wenyine!!!
2 abakorinto 5:19

FREE COPY

Yesu yitanze ubwe nk'umwana w'intama, nk'ikiguzi n'icyiru. Uwizera muri Yesu Kristo ibyaha bye bibarwa kuri Kristo. Yahindutse icyaha kubw'abantu, yahamagariwe kuba urufatiro rw'iyi si. Muri buri muryango, amoko n'amahanga, haba harimo abantu Imana yahamagaye. Witakaza umwanya utekereza ko buri wese yaremewe kujya mu ijuru. Yesu niwe utugira abere. Ntawakorera ijuru ngo azariragwe. Kubaha kwa Kristo no kubabazwa, byamugize ukomeye mubu Mana. Yabaye kandi aracyari igitambo gikwiriye, aho ntacyo umwana w'umuntu yakongeraho uko umuntu yabigerageza kose.

Ijambo rimwe ry'Imana

Abagalatiya 1:6-10.

Ntangazwa n'uko muzagaruka vuba cyane mumuvaho kandi yarabahamagaye mu buntu bwa Kristo kubwo kubwiriza ijambo ry'imana ahantu hatandukanye. 7 Nyamara si ubundi, ahubwo ni ikindi. Hariho abantu babahagarika imitima, bagashaka kugoreka ubutumwa bwiza bwa Kristo. 8 ariko nihagira ubabwiriza ubutumwa butari ubwo twababwirije, ari we cyangwa ndetse na Marayika uvuye mu ijuru avumwe. 9 Nkuko twabanje kubivuga nanone, nongeye kubivuga "niba umuntu ababwira ubutumwa budahuran n'ubwo mwemeye mbere avumwe". 10 Mbese noneho ni ishimwe ry'abantu nshaka, cyangwa ni iry'Imana? Cyangwa si abantu nshaka kunezeza? Iyaba nkinezeza abantu, simba ndi Imbata ya Kristo. 1 Abakoorinto 9:16 Iyo mbwiriza ubutumwa singira icyo nirata, kuko aribyo mpatirwa gukora, ndetse ntavuze ubutumwa nabona ishyano.

Ntanumwe wakiha gukiranuka kubwe, uko umuntu yagerageza bikomeye gute. Nta muntu n'umwe washimisha abantu bose, gukusanya za I zose no gutaruka T zose ngo ukunde ushimishe Imana. Twakira kubw'ubuntu, gukiranuka kuri muri twebwe kwavuye kuri Kristo. Yatubereye ingwate n'uwadutumweho. Gukiranuka kwe kuraboneye, ntarangwaho ikizinga cyangwa umunkanyari.

Gucungurwa muri Kristo – Abefeso 1:3-12 (Hose hasome) 3 Imana y'Umwami wacu Yesu Kristo, ari yo na Se ishimwe, kuko yaduhereye muri Kristo imigisha yose y'umwuka yo mu ijuru. 4 Nk'uko yadutoranirije muri we isi itararemwa, kugira ngo tube abera tutariho umugayo imbere yayo. 5 Kuko yagambiriye kera ku bw'urukundo rwayo ko duhinduka abana bayo, tubiheshejwe na Yesu Kristo ku bw'ineza y'ubushake bwayo, 6 kugira ngo ubuntu bwayo butagira akagero bushimwe, ubwo yaduhereye mu Mukunzi wayo. 7 Ni we waduhesheje gucungurwa ku bw'amaraso ye, ari ko kubabarirwa ibicumuro byacu nk'uko ubutunzi bw'ubuntu bwayo buri, 8 itumenyesheje ubwiru bw'ibyo ishaka ku bw'ineza y'ubushake bwayo, ari byo

yagambiriye kera. 9 kugira ngo ibihe nibisohora ibone uko iteraniriza ibintu byose muri Kristo, ari ibiri mu ijuru cyangwa ibiri mu isi. 10 kugira ngo ibihe nibisohora ibone uko iteraniriza ibintu byose muri Kristo, ari ibiri mu ijuru cyangwa ibiri mu isi.11 Ku bw'uwo natwe twarazwe umurage tubitoranirijwe kera nk'uko Imana yabigambiriye, ikora byose nk'uko ibishaka mu mutima wayo. 12 ngo tube abo gushimisha ubwiza bwayo, twebwe abiringiye Kristo uhereye kera.
Muri Kristo niho hari gukiranuka kwacu, ntabwo rero yaduhamagaye ngo twishakre gukiranuka kubwacu. Izimbaraga zahawe Kristo gusa. Ni muri Kristo duhagaze. Tugomba kwakira kubwo kwizera gukiranuka kwa Yesu. Ubu nibwo buryo rukumbi bwo gukiranuka gushimisha Imana.

Ubunyangamugabo, guceceka, kwihangana, amahoro yo mu mutima, gutuza, ubwishingizi bivanze n'impuhwe z'Imana biri kubizera Imana ikomeye. Amahoro y'imbere, amahoro y'inyuma, amahoro hamwe n'Imana, amahoro hamwe n'abandi, amahoro n'umutimanama wawe, amahoro ibihe byose, ni umugabane w'abafite kwizera muri Yesu.
Ufite akaga kanini niba ibyiringiro byawe cyangwa kwizera kwawe kuri kumuntu uwo ariwe wese aho ariho hose cyangwa icyo aricyo cyose kitari Kristo.
Mureke ubwenge bwacu bukomerezwe kandi bwubakire kuri Yesu.

FREE COPY

Umunsi wa 83
Igihugu cy'isezerano
Yesaya 43

FREE COPY

Imana ica inzira, no mu butayu cyangwa mu butaka bwumye. Yakuye Abisirayeri mu bibazo bikomeye cyane n'imiraba. Imbaraga ze zikomeye mu bikorwa bihambaye. Yakoze ibitangaza bikomeye mu gihe cya cyera: Kwambuka inyanja itukura bakurikiwe n'ingabo za Egiputa mu gihe kimwe. Imana iracyashoboye kongera kubikora, ndetse irushaho ibyo yakoze mbere.
Kuvanywa muri Egiputa, cyabaye igikorwa cy'icyubahiro cy'imbaraga zihambaye z'Imana. Kurekura Isirayeri iva muri Babiloni ntabwo cyabaye igikorwa nko gucika kwa Isirayeri ava mu maboko y'Abanyegiputa, niyo mpamvu ubuhanuzi muri Yesaya 43 bwavuze ku bintu bikomeye cyane. Impuhwe zitarondoreka zo kohereza Mesiya kuri Isiraheri, zirahambaye cyane kurusha ikindi gikorwa icyo cyose cyo mu bihe bya cyera.

Ikintu gishya:
Nta kintu na kimwe cyagereranwa n'iby' Imana irimo gukora muri iri gurana. Gucungura kwa mbere kwari kugarukiye gusa mu kugereranya gucungurwa na Kristo. Yakoze ibitangaza mu butayu, atembesha inyanja mu kidaturwa arangije atunganya ahagoranye arahagorora. Yesu Kristo yarekuye imigisha itabarika kubana be, abayuda ndetse n'abagereki.

Umunsi wa 84:
Guhabwa umugisha wo kwizera Imana
Yeremiya 17:7-8

FREE COPY

Ufite umugisha bidasubirwaho niba ibyiringiro byawe no kwizera biri mu Mana. Kwizera umuntu, bitandukanye no kwizera Imana (Yeremiya 17:5-6). Ibintu byiza Imana yasezeranije ko izaduha, bishobora kutabaho byoroshye cyane, mu gihe tubyizereye mu muntu. Imigani 3:5 havuga ngo "wizere Imana n'umutima wawe wose" utayizeresheje igice cy'umutima.

Kwizera Imana bisobanuye kugendana nayo. Ni itabaza rimurikira ibirenge byawe ni umucyo umurikira intambwe zawe (Zaburi 105:109). Ni inshuti y'ukuri. Muri kumwe cyane, ku buryo izajya ikubwira ahantu hose ucyeneye kwizera n'ibyiringiro mu buzima bwawe. Zaburi121, hatubwira kureba ku musozi w'Imana igihe cyose ducyeneye ubufasha. Umusozi hano ushushanya ahantu hejuru aho wabonera Imana.

Ubukire n'ubutsinzi, ntabwo byagereranywa n'igiti giteye iruhande rw'umugezi. Iki giti ntabwo kigerwaho n'ingaruka z'izuba ryinshi.

Igihe cy'impeshyi gituma ibibabi by'igiti bitakaza ibara ryabyo ndetse bigahunguka. Ariko igiti giteye hafi n'umugezi, gishora imizi yacyo mu mazi, maze amababi yacyo agahora atoshye. Iki giti kizatanga imbuto n'ubwo kiri mu butaka bwumye bukakaye. Uwiringiye Imana, azahora anywa amazi y'ubugingo.

Gukiranuka kw'Imana kuzaguha guhagarara imbere yayo wemye. Ni kubw'ubuntu bwayo mwarokowe atari kubw'imbaraga zanyu. Mu mpuhwe ze, azagumana nawe, mugihe uyobye inziza, azakuyobora intambwe nziza ukwiye gutera.

Mu guca bugufi, ushobora kwicuza ibyaha mu gihe waba watandukiriye ugashyira ibyiringiro byawe ahandi hatari ku Mana. Ugahindukira ukizera Imana byukuri.

Mugire umunsi w'umugisha!

Umunwi wa 85
Gusohoka kwa Marita ava mu gikoni
Matayo 25:1-13

FREE COPY

Kugirango Marita azasohoke ave mu gikoni. Matayo 25:1-13, arahuze, arahuze, arahuze, "Ubuzima tubufite kugira ngo tubeho" niko bavuga. "Rya ubuzima ubuhenengeze" "Tubaho rimwe gusa" "ubuzima ni icyo ubuhaye" Ibi ni ibyo abantu bakunze kuvuga hano ku isi basobanura uko dukwiye kubaho ubuzima bwacu: TUKABUHENENGEZA cg TUKABURYOSHYA BYUZUYE! Ni iby'ukuri, umutu ashobora gufata icyemezo cyo kubaho ubuzima, akabumara inyuma, kandi agashakisha n'ubushobozi bwabimufashamo. Ariko hari inkuru muri Bibiliya (Luka 10:38-42) ishobora kutwigisha ikanatuyobora.

"Marita, Marita, watinye kandi ufite ubwoba bw'ibintu byinshi …."
Marita yari umukobwa wihuguye cyane mu bijyanye no gutekera Yesu, kugeza ubwo bimutwaye aba aribyo yitaho, yibagirwa gutekereza ku mpamu nyamukuru yazanye Yesu. Mu gihe Yesu yaratangiye ivugabutumwa, Mariya murumuna wa Marita, yahagaritse byose yakoraga, yibera kubirenge bya Yesu. Marita byaramubabaje kugeza ubwo arega mwene nyina kuri Yesu ngo ko amuvunisha ntamufashe imirimo yo mu gikoni. Marita ubanza byaramutunguye cyane, ubwo Yesu yamusubizaga asa n'umucyaha. Kubwa Yesu, Mariya niwe wakoraga ibikwiriye kuruta mwene nyina Marita.
Pe, ntakosa ryarimo kuba Marita yaratindaga mu gikoni atunganyiriza Yesu ibyo kurya. Gusa ikibazo cyaje kuba, ubwo yahitagamo gukomeza kwibera mu gikoni atetse, aho kuza ngo nawe yicare kubirenge bya Yesu. Ibyo kurya byashoboraga gutegurwa mbere, cyangwa bakaba babiretse bikaza no gutegurwa nyuma. Buri munsi, tuba dufite amahitamo atugumisha muby'uyu mubiri cyangwa se adusunikira kuby'umwuka. Mariya yahisemo neza asiga imirimo y'umubiri kugirango yumve kandi yigire kubirenge bya Yesu.

Mu gihe Marita yari ahuze mu bigaragara inyuma (kwiyerekana), Mariya yari yatwawe n'iby'iteka ryose.
"Ibintu bicyeya bicyenewe cyangwa na kimwe gishobora kuba kinahagije"
Bigaragara ko Marita yagerageje gukora ibigaragara kubwe ategurira Yesu amafunguro we n'abigishwa be. Byari busobanure byinshi byiza kuri Yesu kumubona amwicaye kubirenge yumva ijambo rye kurusha kumugaburira ibiryo byinshi cg byiza. Yakabaye Marita yarabyiteguye.
Ese dukunze cyane ubuzima bwa buri munsi, imirimo, ku buryo nta mwanya twabona wo kwiga ijambo, kumva ijambo cyangwa wo kwicara basi ngo dukurikire ijambo riri kubwirizwa? Akazi ukora, urugo, siporo, umuryango, ishuri, ishoramari, reka

mvuge ibyo gusa wenda, ibyo byose ni ibintu byagakwiye kutwitambika mun zira bikatubuza kumarana umwanya na Yesu? Ibyo byose bifite umumaro ku bwabyo, ariko byose bihinduka ubusa imbere y'ubuzima bw'umwuka. Kuko umunsi umwe bizashyirwaho iherezo. Ibyo byose twavuze haruguru ndetse n'ibindi nkabyo, bigira umumaro w'akanya gato.

"Mariya yahisemo icyari ngombwa,.."

Imirimo dukora izarangira, ingo twubatse ntabwo mu ijuru zizakomeza kubaho (Matayo 22:30), ibikorwa bya siporo bizavaho, abo dutunze mu miryango igihe kizagera badusige nabo bajye kubaka iyabo miryango, amashuri tuzayiga dukore nyuma tujye mu kiruhuko cy'izabukuru, ishoramari rizageraho rirangire, ariko ikintu kimwe kizagumaho: Ni ijambo ry'Imana. " Ibyatsi bizaraba, uburabyo buzuma ariko Ijambo ry'Imana yacu rizagumaho iteka ryose (Yesaya 40:8). Mariya yahisemo "Icyiza kurusha ikindi" Yesu yaravuze ngo Ijambo ry'Imana ntirizamukurwaho.

Kugira Kristo Nyambere

Buri uwizera wese yakagise Yesu Nyambere. Ibyo bintu byose bitwibira umwanya bikatubuza kumva ijambo ry'Imana byakabaye bifatwa nk'ibipfuye. Twese dufite amahitamo yo gukora, twahawe imbaraga z'ubushake bw'ubuntu kugira ngo dukore amahitamo y'ubuntu. Ni mu mbaraga zacu dutakaza umwanya turi kumwe n'Imana kandi tumva ijambo ryayo. Dushobora guhitamo ko nta kintu na kimwe kizatubuza guha umwanya ibidufitiye umumaro w'iteka ryose: Ijambo ry'Imana. Dukwiye kugira NYAMBERE ijambo ry'Imana.

Reka dutekereze neza kubifata umwanya wacu kurusha iby'umwuka mu buzima bwacu. Ni ibiki byagutwaye nka kiriya gikoni cya Marita? Urumva ushaka gukomeza ubuzima bwawe buzakugeza ku magambo akakaye ubwo uzaba usubizwa uti "Mva imbere, sinigeze nkumenya" . (Mariko 7:21-23). Ducyeneye kwigira kuri iki gikoni cya Marita, tukicara ku birenge bya Yesu. Iyo ibintu by'inyuma n'ibidafite umumaro by'iyi si bidufatiye umwanya munini, bidukuriraho umwanya twakabaye tumarana n'Imana, icyo gihe dukwiye kumenya ko tuba twabaye nka Marita, muri cya gikoni cya Marita. Mariya yahisemo "kiriya gice cyiza". Reka ijamabo ry'Imana ribe NYAMBERE uyu munsi. Reka ijamabo ry'Imana rihabwe umwanya mu buzima bwawe iteka ryose (Zaburi 138:2).

Yesu ihuriro ryo kwizera kwacu

Yesu yivuzeho adaciye ku ruhande ko ariwe banze ryo kwizera. Niwe nzira yonyine y'agakiza, ni nawe wenyine ushobora kubabarira ibyaha agatanga agakiza. Amagambo ye arumvikana, kandi aroroshye.

"Uwizera wese afite ubugingo buhoraho"

Niwe mugenga w'agakiza k'iteka, umukiza w'ubugingo. Niwe uhagije kurusha bose. Ntawundi watunyura nkawe.

Izere, iga kandi uruhukire muri Yesu Kristo. Yitaye kubugingo bwawe, guma kuri

FREE COPY

we wenyine Yesu wenyine ashobora gukiza, ni ibyiringiro by'icyubahiro.
Twishimire umwami uyu munsi.

FREE COPY

Umunsi wa 86
Abana b'ukuri (bahungu n'abakobwa b'ukuri)
Yohani 1:12

Umuntu wese wakiriye Kristo mu mutima we, ni umwana w'Imana. Niyo mpamvu ijambo "Uwizera" cyangwa "Umwana w'Imana" ari yo magambo bakunze guhitamo gukoresha kurusha "Umukristo". Kuri benshi, ijambo "Umukristo" ni izina bakoresha basa n'abuzuza umuhango, cyangwa bakoresha uburyo busanzwe. Kubandi ni uko ari ryo jambo bakuze bakoresha. Ushobora gusanga barakuriye mu miryango ikoresha iryo jambo cyane cyane mu bihugu aho ubukristo bwiganje. Birashoboka cyane gukurira mu muryango ukoresha izina "umukristo" ariko badafitanye ubusabane n'ubushuti na Yesu Kristo.
Bishobora cyane kubona abantu bizera Kristo bakanizera ko ari umwana w'Imana, ariko ubwabo batihamagara iro zina"abakristo". Guhamagara/rwa cyangwa kwita/twa umukristo ubwabyo ntaho bihuriye no kuba umwana w'Imana. Kuba ufite itorero ubarizwamo, uruhurirane rw'imirimo myiza ukora cyangwa se kuba uri umuntu mwiza muri rusange ntabwo bisobanuye ko wakijijwe.
"Benshi bamwakiriye"-Yohana 1:12
Uwakira Yesu Kristo wese, uwizera izina rye wese: Amuha uburenganzira bwo kuba umwana w'Imana. Yaba umufarisayo, yaba umusadukayi, uwize n'utarize, umugabo cyangwa umugore abo bose yabahaye ububasha bwo kuba abana b'Imana.
Ni bande bemewe nk'abana mu muryango w'Imana?
Umuryango uvukamo mu buryo bw'umubiri, ntabwo ushobora kukugira " Umwana w'Imana"Itorero umuntu asengeramo ntabwo rimuhindura "Umwana w'Imana" Gusa ba bandi babyawe ubwa kabiri (Abamaze kwakira kuvuka bushyashya), nibo bongeye kuvukira mu muryango w'Imana. Abo nibo "bana b'Imana "b'ukuri. Abo yabahaye ubushobozi bwo kuba "abana b'Imana"

Wabaye umwana w'Imana kubera kwizera Yesu Kristo wenyine (Abagalatiya 3:26). Uwizera wese ko Yesu Kristo yavutse ku Mana, uwo ni umwana w'Imana (1 Yohani 5:1). Nta kubyarwa n'Imana utariho mu kwizera Kristo. Abizerera gusa mu mwana w'Imana, nibo bahungu n'abakobwa b'Imana.
Muze mushize amanga imbere y'intebe ye y'ubuntu uyu munsi. Mwakire Yesu Kristo, mumwemere n'umutima ushaka, niba mutaramwakira. Mwakire nk'umwami n'umukiza wawe. Nimwishime, ndongeye ndabivuze, nimwishime.

Umunsi wa 87:
Ibintu byose: Uko umugambi w'Imana uhagaze
Matayo 25:1-13

FREE COPY

Isi n'ibiyiriho byose ni iby'Imana (Zaburi 24:1). Yesu Kristo yaje ku bwoko bwe, abantu ariko ntibamwakiriye. Umurimo we mu Bayahudi ntabwo wakiriwe cyangwa ngo wemerwe. Baramwanze, baramurwanya, ibi bibongerera kurushaho kuba abanyabyaha. Isiraheri yari umurage we "Kubwo kwita no konsa abana b'intama, yamuhaye kuyobora Yakobo n'abantu be na Isiraheri n'umurage we.

Yego, hariho abamwakiriye!
N'ubwo Kristo yanzwe n'abantu be, ntabwo byabujije umugambi w'Imana gukomeza. Umugambi w'Imana uracyariho. Nkuko benshi bizeye Kristo bakanamumenya nka Mesiya, bahawe ububasha bwo kuba abana b'Imana. Abizere izina rye n'undi wese umwakira (yaba umufarisayo, umusadukayo, uwize n'utarize, umugabo cyangwa umugore, umuyuda cyangwa umugiriki bahawe ububahsa bwo kuba abana b'Imana.
Kubwo kwizera, benshi bemwe mumuryango w'Imana (Abagalatiya 3:26). Abizeye umwana w'Imana bose, ni abana b'Imana. Udafite kkwizera mu mwana wayo, ntabwo ushobora kuba umwana wayo. Abana b'Imana bahawe ububasha bwo kuba abana b'Imana. Bafite ise, ni abana b'Imana. Gahunda n'umugambi by'Imana kuri iyi si ntibishobora gutsindwa (Imigani 19:21, Yesaya 46:9-11, Yohana 6:37-39). Kubw'amaraso ya Yesu Kristo, dufite umurage uhambaye. Ni impano y'Imana n'urukundo rw'ubuntu n'ubuntu bw'ubuntu.

Umunsi wa 88:
Nta kiguzi/Nta giciro
Yohana 3:16

FREE COPY

Impano idafite ikiguzi y'urukundo yatanzwe n'Imana ku isi. Iyi mpano, yaje iturutse mu ijuru yahawe "Umuntu wese wizera" (Yohana 3:16). Iki "umuntu wese wizera "ashobora kuba umwana w'mana, yaba umuyuda cyangwa umugereki, ni agakiza katanzwe k'ubuntu. Biratangaje cyane kuba Imana yakunda isi gutya, urukundo rungana rutya. Uru rukundo ni impano itangaje y'ubuntu byakabaye ari ikintu kishimirwa.

Uru rukundo ruhebuje rwasobanuwe n'urupfu rwa Yesu ku musaraba. Ipuhwe z'Imana zerekaniwe mu zuba ryarashe, ritajya ritsindwa buri gitondo. Impuhwe ze ni nshyashya, buri uko umunsi ucyeye, kandi izi mpuhwe zituruka mu busugire bw'ubuntu bushimisha Imana. Mundiba y'ubwiza bwe, yatoranije abaragwa, kandi abaragwa bazaraganwa na Kristo.

Igikorwa cyo gutoranya benshi gifite ubuntu butangaje, ariko impuhwe z'Imana ntizahagaritswe n'icyo gikorwa. Ifite urukundo ruhambaye rwo gutoranya kubana bayo, kandi aracyerekana impuhwe, ubugwaneza mu buryo butandukanye bw'ibikorwa byiza ku isi.

Impuhwe n'ubugwaneza by'Imana kuri iyi si, bigera kuri bose. Bigaragara muri Matayo 5:45 " Itegeka izuba kuvira ababi n'abeza kandi ikagwisha imvura kubakiranuka n'abadakiranuka". Urukundo rwayo ni rwa rundi aho nta n'umwe wayishinja guca urwa kibera mu rubanza. Inama ni ubutareba bw'ukuri (Ezekiyeri3:1, Yohana 1:10, Yohana 4:10, Yohana 6:32, Yohana 6:51, 2 Petero 3:9, 1 Timoteyo 2:4). Ubugiraneza n'impuhwe z'Imana bikwiriye kuri iyi si (Yohani 3:16). Yakunze iyi si cyane, ni nayo mpamvu yohereje ubwana wayo ikunda w'ikinege ngo aze ayicungure.

Abamwizera, ntabwo bazashiraho, ahubwo bafite ubuzima bw'iteka. Ubu buzima bw'iteka bwahawe babandi baje kuri we babitewe no kwizera. Abaza kuri we bihana ibyaha byabo mu kwizera Yesu Kristo, bazagira ubuzima bw'iteka. Yesu Kristo yaje kuri iyi si nk'ingaruka cyangwa umusaruro w'urukundo rwe ku bantu. Yesu ni impano idasanzwe ku isi yuzeye ibyaha.

Nta numwe uzagira urwitwazo ku munsi wanyuma. Ni umunsi aho buri wese azahagarara imbere y'ubutabera bw'ukuri (2 Petero 3:9). Ni umukiza, umucunguzi kandi inshuti y'abanyabyaha (Matayo 11:16-19, Yonaha 8:1-11), kandi iyi ncungu ifite aho ituruka, ni mu buntu no mu busugire by'urukundo rw'Imana.

Inyishyu ihagije yamaze gutangwa kuri bose (Abaroma 4:25; 8:32). Yesu yaranzwe, arasuzugurwa, arasekwa, arabambwa ndetse acirwa n'urubanza nk'uwahamwe n'icyaha kubw'ibyaha bya bose. Uru rukundo nti rusanzwe. "Ariko Imana yerekanye urukundo rwayo rukomeye kuri twe, yohereza Kristo ngo adupfire ubwo

twari mu byaha." Abaroma 5:8. Ubwo itimanye ubwana wayo, ahubwo ikamutanga kubwa bose ngo dukizwe, ese hari ikindi yatwima? –Abaroma: 8:32.
Nibyo koko Imana ni urukundo! Urukundo rw'Imana ni ruzima. Uyu munsi, reba uwo ubwira kuby'urukundo rw'Imana.

FREE COPY

Umunsi wa 89: Izere umwana Yohani 3:36

FREE COPY

Mungengabitekerezo y'amabwiriza y'isi nshya, bigisha ko inzira zose zigera mu ijuru. Bavuga ko kwizera koze cyangwa imyemerere yose ishobora kuguha ububasha bwo kugera ku Mana. Bibiliya ibitwigisha mu buryo busobanautse ko nta n'ubwo wagera ku Mana ikomeye kubera icyaha. Inyoko muntu ibayeho mu buzima bw'icyaha, kandi nta buryo bw'umuhati wa muntu, gukurikiza amategeko abantu bishyiriyeho, gukora imirimo myiza no kubarizwa mu idini runaka bishobora kugira umuntu umukiranutsi imbere y'Imana. Imana irera. Inyoko muntu icyeneye umuhuza uzana ubwiyunge agahagarara muri icyo cyuho, hagati y'umuntu n'Imana. Kuba umunyangeso nziza, kugira umuhate mu byo ukora, gukora cyane, n'ubundi buryo bwose bwo kwiha gukiranuka, ntibwashobora ntanubwo buzigera bushimisha Imana.

Imana ikomeye yagiriye ibambe ikiremwamuntu mu buzima bwacyo bw'icyaha. Yakunze isi cyane ku buryo yatanze umwana wayo, umwe rukumbi nk'igitambo kizima kubw'icyaha. Kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo bw'iteka (Yohana 3:16). Umwuka w'Imana waje ku isi gucungura ikiremwamuntu binyuze mu mwami wacu Yesu Kristo. Ni umwe hamwe n'Imana, ni umwana w'Imana ihoraho. Atari we, ntidushobora kubona Imana. Niwe gukiranuka kw'Imana, ni muri we gusa umuntu ahinduka uwera imbere y'Imana.

Hari ikintu mwene muntu avukana, kizi neza ko gicyeneye kuba cyera imbere y'Imana. Ibi byigaragariza ubwabyo mu buryo bwinshi bwa muntu nko gukora cyane, gushyira umuhate mu bintu runaka, kugira amabwiriza n'amategeko umuntu agenderaho. Ariko ibyo byose nta na kimwe gishobora gushimisha Imana, uko twagerageza gute nk'abantu. Niyo mpamvu ducyeneye umukiza, umwe wamaze kwishyura igiciro gikomeye kubw'ibyaha byacu yishyuye ubuzima bwe.

Yesu Kristo ni we nzira, ukuri ndetse n'ubugingo kandi ni muriwe tubonera agakiza. Nta yindi nzira iriho.

YOBU

Satani yinjiye mu buzima bwa Yobu nk'umuriro udafite gikumira. Gusa n'ubwo byari bimeze guto byari iby'igihe gito gusa. Imana guhindura ikiriyo kwa Yobu mo kubyina, byari nk'inzozi. Imana ishobora kuguha ibyo wishimira. Ishobora kuzuza umutima wawe umunezero hahandi utabasha kuwugenzura ngo ubibashe. Umutima wawe uzaturistwa n'ibyishimo no kuririmba, n'akaruru k'umunezero n'indirimbo z'amashimwe. Abafata Imana nk'ubuturo bwabo, bazabona ubuhingiro muri Kristo (Zaburi 90:1). Ni Imana igaragara ako kanya mu gihe uyiyambaje uri mu

makuba. (Zaburi 46:1), niyo mpamvu ukwiye kwishima uyu munsi, witegereza ejo. Nimwishime ndongeye ndabivuze nti, nimwishime!

Umunsi wa 90: Yiyise "umutsima w'ubugingo" Yohani 6:35

Yiyise "Umutsima w'ubugingo"

Yesu niwe byo kurya byonyine bitunga ubugingo. Nta wundi mutsima uhagije. Yesu niwe muganga w'imitima: Niwe utuzanira ibyo ducyenera byose mu buryo bw'umwuka. Ni umuhuza wacu, ni umucunguzi akaba n'umwigisha. Yuzuza imitima irimo ubusa, kandi aho avoma ntihajya hakama. Ubwe ni ubuzima: Umutsima bw'ubugingo.

Hari ubwiza mu izina "Umutsima w'ubugingo". Umutsima cyangwa umugati, ni ikiribwa kiribwa hafi na bose ku isi, ni rurangiranywa kandi nta meza y'ibyo kurya bya mu gitondo utasangayo umugati / umutsima.

Abantu basabwa kureka inyama, abandi imboga ariko umugati wo uribwa na bose. Yesu ni umugati ubonwa na buri wese.

Umugati ni ikintu ushobora kurya buri munsi, mu gihe ibyo kurya bindi byo biribwa rimwe na rimwe. Nta munsi n'umwe hano ku isi, wasanga tudacyeneye amaraso ya Yesu. Ntidushobora kubaho tudafite gukiranuka kwe. Atugirira impuhwe buri munsi kandi akadutwikiriza Ubuntu bwe.

Ni Yesu wenyine ushobora guhaza uwizera inzara yo mu mwuka. Nta rindi zina ryahaza umuntu. Uzashakisha ku isi hose ngo urebe ko hari aho wabona umugati, ntuzawubona. Yesu wenyine niwe wakuzuza umutimanama urimo ubusa, ahagaza umutima ushonje. Ibi ni akazi ka Kristo.

Urashonje cyangwa ufiye inyota uyu munsi? Ngwino kuri Yesu urye ibyo wumva ucyeneye. Nywera ku isoko nziza idakama. Yesu arakubwira iyi nkuru uyu munsi: "Ndi umugati/ umutsima w'ubugingo". Uza kuri nge wese, ntazigera asonza, kandi unyizera ntazigera agira inyota.

"Niwuzuzwe uyu munsi, hanzwa uyu munsi n'"Umugati w'ubugingo". Agusukiye ku buntu bwe. Ishimire ubugwaneza no gukomera kw'Imana uyu munsi. Nimwishime, ndongeye ngize nti, nimwishime!

FREE COPY

Umunsi wa 91:
Va aho ngaho
Yohani 8:1

FREE COPY

Va muri icyo kibaya cy'ubwoba, kwicuza no gutsindwa. Krisito yaciye inzira yabakuyeho umutwaro wo kucirwaho iteka n'umutwaro w'ibyaha uremereye w'ibyaha no guciriraho iteka aduha umwana we Yesu Kristo.

Mbere y'urufatiro rw'isi, umugambi w'Imana wo gucungura abantu wari uriho. Byari byarateguwe kandi byaranzuwe. Abo yahamagaye yarabatsindishirije (Bemewe n'Imana). Gutsindishirizwa ni ikinyuranyo cyo gucirirwaho iteka. Buri muntu wese yaciriweho iteka muri Adamu. Abari muri Kristo bamaze gukurwaho icyaha cya Adamu kandi bamaze kwemerwa n'Imana. Imana irera kandi irakiranuka.

Umwuka w'Imana utera imbaraga buri uwizera wese zo kwifuza iby'umwuka ucyenera, mu mubiri wa kimuntu (uyu mubiri wokamwe na kamere). Tugomba kuba maso no gusengera no kubera maso intege zacu z'umubiri. Kugendana n'umwuka wera bivuze kuyoborwa nawo, no gutwarwa n'umukuru w'ingabo. Ni ukuyoborwa n'inama z'Imana ibihe byosese (Matayo 26:41, Yohana 3:6, Abagalatiya 5:17).

Iyi si yuzuye byinshi byo kukurangaza, ugomba rero gufuhira igihe cyawe hano. Fuhira ubugingo bwawe. Amina

Umunsi wa 92: Umucyo w'isi Yohani 8:12

FREE COPY

Iyi si yari kuzagera he idafite UMUCYO? Mu mwijima mubi w'icuraburindi. Iki nicyo gisubizo.

Umwijima utwikira isi, ariko ahantu hose hari agashirira gato k'urumuri, gatanga ibyiringiro.

Yesu kristo niwe mucyo w'iyi si. Niwe gisubizo cy'umwuka w'umwijima ugaragara mu bantu ba none. Yesu niwe gisubizo cyonyine cy'iyi si. Niwe gahunda yo gucungurwa, umurimo w'ubumana no gufata umwanya w'abanyabyaha.

Abantu benshi bashakira umucyo ahantu hatari ho. Mu gihe Yesu ari we hantu honyine habonerwa umucyo. "Mu mucyo wawe, tubonamo umucyo" zaburi 36:9. Kristo ni nk'izuba, isi ntishobora kubaho idafite izuba. Yesu niwe mutanzi w'ubugingo, abamukurikira bose, ntabwo bazagendera mu mwijima, ahubwo bafite umucyo w'ubuzima (Yohani 8:12).

Uyu munsi uhitemo umucyo aho guhitamo umwijima

Umunsi wa 93: Yarazamuwe akurwa mu isi Yohana 12:32

FREE COPY

Kubambwa kwa Yesu ku musaraba ntabwo byabujije abantu gukomeza kumurikira. Ahubwo byakoze ikinyuranyo, byegereje ahantu kuri we. Yatewe imisumari ku musaraba aramanikwa. Ibi byatumye abantu benshi, gusa si bose ariko byibuze abantu muri buri shyanga cyangwa igihugu, buri bwoko, buri rurimi, barushaho kumwegera. Ni, kandi azahora ari uwifuzwa n'amahanga yose. Gupfira ku musaraba bwari uburyo bukomeye bwo kwicisha bugufi. Babaye nk'abamukoreyeho ibyo kwishimisha, ariko yicishije bugufi, mu cyubahiro. Yewe yaranabishakaga gupfa urupfu rwo kumusaraba (Abafiripi 2:8). Yapfuye nk'undi munyabyaha wese cyangwa umugizi wa nabi, yamanitswe ku musaraba mu kirere. Gusa yababababajwe yambuwe icyubahiro, bamwambika isoni. Ubu arubashywe, arasingizwa kandi izina rye niryo zina riri hejuru y'andi mazina mu isi no mu ijuru. (Abafiripi 2:9).

Ni isezerano ridatsindwa

Uyu munsi, umubare munini w'abantu guturuka amahanga yose y'isi ni abakurikira Yesu Kristo. Barakijijwe, kubw'ubuntu no kwizerera muri Yesu Kristo. Kugeza uyu munsi, kumenyekana kwe n'izina rye biracyegeranya imbaga y'abantu. Niwe zingiro ry'igikundiro ku isi yose. Abantu baracyamwumva kandi bakamwizera buri munsi. Amasezerano ye yarerekanywe kugeza iteka ryose (Ibahishuwe 11:15).

Umunsi wa 94:
Iminsi yose, mwuzure imyishimo
Yohana 16:33

FREE COPY

Iminsi yose mwuzure ibyishimo.
Intego ya Yesu ku isi, yagezweho. Yaje kuri twe mu kwicisha bugufi aturutse mu ijuru. Yabaye kandi agenda muri iyi si, nk'umuntu usanzwe. Yarazamutse asubira mu cyubahiro cye nk'uko yakundaga kubivuga. Abafiye kwizera muri Yesu, bafite amahoro, atari amahoro y'umutima nama wabo cyangwa amahoro yo mumutima, ahubwo amahoro mu bigeragezo, amahoro mu ngorane no mu makuba. Yesu yasohoje ibyo yari yaraje gukora hano ku isi.
Twaratsinze
Uwizera wese yatinze isi atsinda ibigeragezo n'amakuba. Mwaratsinze kuko na Yesu yatsinze. Yesu niwe kapiteni (Umuyobozi) w'agakiza kacu kandi twatsinze kubw'ubuyozi bwe bwiza. Itsinzi ya Yesu ni intsinzi yacu. Yatsinze Satani atsinda n'iyi si (Yohani 16:33). Yatsinze isi wo mwanzi w'Imana n'ijambo ry'ubuntu (2 Timoteyo 3:12).
Fata umutima!
Dufite impamvu yo kwishimira mu munezero duhabwa n'ubuntu bw'Imana. Muri abatsinzi kurushaho mu ruhande Kristo (Abaroma 8:37). Yewe n'ibigeragezo bikomewe bishobora guterwa n'Imana kubw'inyungu zacu no ku mugambi wayo. Uwizera ntabwo atsida ibigeragezo bikomeye gusa, ariko cyane atsinda abanzi be na bya bindi byose biba bihagurukiye kumurwanya. Nimwishime, ndongeye ndabivuze ngo ni mwishime. (Abafiripi 4:4) iminsi yose mwuzure ibyishimo mu Mana.

Amasezerano ye ni ukuri.
"Hanezerewe abafite kwifuza gukomeye ko gukora ibyo basabwa n'Imana: Imana izabahaza by'ukuri.
Matayo 5:6

Umunsi wa 95:
Bifata kwizera kugira ngo wiringire Imana
Yosuwa 1:9

FREE COPY

Ni hehe Yosuwa yakuye imbaraga n'ishyaka byo kuyobora abana ba Isiraheri? Nutinyuka kwe n'umuhati we, byaje biturutse ku Mana. Nabisubiramo, nkongera nkabisubiramo, Imana yakomeje Yosuwa "Komera kandi ube umunyembaraga" Yosuwa yinshingikirizaga ku Mana muri byose. Yacyeneraha inkomezi z'Imana buri uko umunsi ucyeye. Yakoze ibintu byinshi bikomeye, birimo no guhirika Yeriko kugira ngo babone igihugu cy'isezerano, Kanani.

Izere Imana

Birasa n'ibitumvikana ukuntu ibikuta bya Yeriko byagushijwe hasi no kugenda n'amaguru bazenguruka incuro nyinshi gusa. Ariko ariya yari amabwiriza Imana yari yatanze. Yosuwa we yagombaga kugenzura neza ko amabwiriza yatanzwe n'Imana yubahirizwa neza. Imana yifuza "Kwizera "kwa Kwizera kw'imbere"(Zaburi 51:6)

Tugomba gukurikiza amabwiriza y'Imana kugira ngo tugere ku ntsinzi mu rugamba urwo ari rwo rwose, utiriwe ureba ku mabwiriza uko yaba ameze kose, yubahirize.

Intambara nziza yo kwizera

Ugomba kurwanira icyo wizera ubaho ubuzima bwo kubaha amagambo y'Imana. Yesu yaduhaye imbaraga n'ubuntu kugira ngo tubashe kwinjira mu shobozi bw'ijambo rye.

Ingorane n'ibyago

Kuki Imana ivuga iti "Ntimugire ubwoba cyangwa ngo mucike intege"? Ni kuberako Imana izi neza ko n'ubusanzwe atari twe guhangana n'urugamba kubwacu. Imana iri muri "Rwana kugeza ku iherezo". Intambara ni iy'uwiteka. Umuntu wese wizera kristo, azahura n'intambara nyinshi n'ibigeragezo bitandukanye mu bihe by'ubuzima bwe. Ni ikarita iranga uwizera wese agomba kuba yambaye. Ubwishingizi buhari gusa ni uko Kristo azaba ahari muri ibyo byose. Iga kwizerera muri Yesu. Ntazigera agutsindisha cyangwa agutererana. (Ingoma 31:6).

Ariko nubwo bimeze gutyo, mukomerere mu Mwami Imana no mu mbaraga z'ubushobozi bwe (Abefeso 6:10). Mukomere kugeza ku iherezo. (Matayo 24: 18). Murwane intamabara nziza yo kwizera (1 Timoteyo 6:12).

Umunsi wa 96:
Ese sinigeze mbategeka?
Yosuwa 1:9

FREE COPY

Ntabwo byari ibintu byoroheye Yosuwa kubwira abasirikare bakomeye ko yakiriye ubutumwa buturutse ku mana. (Yosuwa 1:10-11). Yakoreye kumabwiriza yari yahawe nta kuzuyaza.Ni kangahe abizera Kristo batangira gutekereza no gutinda, ibyumweru, amezi ndetse n'imyaka ntibasoje cyangwa ngo bashyire mu ngiro amabwiriza baba bahawe n'Imana?

Kubaha amambwiriza y'Imana, nibyo Bizana ubutsinzi no kunesha (Yosuwa 1:8). Dawidi yamenye neza umumaro wo kubaha Imana ubwo yavugaga ati "narabyihutishije, sinigeze ntinda gukora ibyo wantegetse" Zaburi 119:60). Kubura kwizera nibyo bikunze gutera abantu kutubaha Imana.

Wigeze ubona umuntu uhagurutse ngo akore ikintu, ariko mu mutima we acyicaye hasi?

"Icyo wakora cyose, gikorane umutima kubw'Imana atari kubw'abantu", Abakorosayi 3:23. Kubaha wihuse no gukora ako kanya biracyenewe kugira ngo ugere kuntsinzi ya buri kimwe cyose Imana isaba abana bayo gukora.

Ese ujya wihutira kugendera mu ntambwe z'amategeko ye? Zaburi 119:32 habivuga neza "Nzagenda niruka munzira y'ibyo wategetse, ubwo uzagura umutima wange cyangwa uzongera ubwenge bwange"

KWIZERA no KUBAHA

Uko wakira amabwiriza aturutse ku Mana , ni ikimenyesto cyo kwizera kwawe. Uwizera agomba kwizerera mu mbaraga z'Imana. Imana irashoboye. Imana ishoboye kukubonera mucyo yagusabye gukora. Yosuwa bigaragara ko umurimo udashoboka, ariko Imana ntiyamuretse wenyine ngo abe ariwe uwukora. Yamuhaye imbaraga. Yamushyizemo akanyabugabo muri aya magambo: "Sinzatuma unstindwa cyangwa ngo ngutererane. Komera kandi ugire imbaraga nziza"(Yosuwa 1:5-6).

Uwizera agomba kugira kwizera ko amagambo y'Imana ari ukuri. Hamwe no kwizera ko amagambo y'Imana yari ukuri, Yosuwa n'abana be ba Isiraheri binjira mu murage. Kwizera no kubaha biragendana agatoki mu kandi. Izere Imana n'umutima wawe wose uyu munsi! (Imigani 3:5).

Umunwi wa 97:
"Genda ujye mu gihugu icyo Imana igu-haye ngo kibe icyawe" Yosuwa 1:11

FREE COPY

Ijambo ryavuzwe n'Imana riba rifite ububasha. Ubu ni ububasha Yosuwa yakoresheje ubwo yagezaga amabwiriza kuba sirikare bakuru (Kubw'imabaraga z'Imana). Ntagishobora gukumira ububasha bw'Imana. Iyo Imana ivuze, ni byiza kandi bihita bikoreka. Toto 2:5 havuga ngo "Vuga ibi bintu ubyumvikanishe kandi ucyahe n'ububasha bwose. Ntihakagire ugusuzugura"(Tito 2:3)

"Itegurire impamba wowe ubwawe" – Yosuwa 1:1

Nk'uko umusirikare yiboneza mu bikoresho mbere y'uko ajya ku rugamba, buri musirikare wa Kristo wese nawe agomba kuba aboneye kubw'Ijambo ry'Imana. Mbere yo kwinjira mu mibereyo y'umwuka, wagombye kwiyuzuza ijambo ry'Imana 1 Timoteyo 4:6 haravuga "Tugaburirwe ibyo kurya by'ukuri ko kwizera" Ijambo ry'Imana niryo ritanga ubufasha bw'umwuka, imbaraga n'ishyaka. Ni ijambo ry'Imana ritanga kutajegajega mu rugendo. Yosuwa n'abana ba Isiraaheri bafashe urugendo, n'ubwishingizi bw'ijambo ry'Imana. Yosuwa yari yamaze guhabwa amabwirizaa y'urugendo ko agomba kugendera ku ijambo, atari iby'akanya gato, ahubwo " Ijoro n'amanywa" (Yosuwa 1:8). Kugira ngo uragwe igihugu, umusirikare wa Yesu agomba gukora nka Yosuwa.

"Kuragwa igihugu Imana irimo kuguha" Amasezerano y'Imana ni YEGO na AMENA. Utitaye ku mubare munini w'amasezerano Imana yatanze, yose ni "YEGO" muri Kristo (2 Abakorinto 1:20). Uwizera agomba gusubiriza mu kwizera amasezerano y'Imana. Mukomere kandi mugire umwete, ushobora gukora ibyo Imana yagutegetse gukora. Nta wizera ukwiye gukumirwa kubyo Imana yasezeranije. Ugomba ndetse ni itegeko gutunga ibiri ibyawe. Amena.

Umunsi wa 98:
Ibyishimo by'abakiranutsi;
Ibyago kubanzi babo
Zaburi 18:15

FREE COPY

Musakuze kubw'umunezero w'urukundo rw'Umwami Yesu. Agakiza ni akanyu! Gusa inama z'Imana zizababeho. Niba Imana iri mu ruhande rwawe, ninde wazakurwanya? (Abaroma 8:31). Dawidi yarafite abamurwanya benshi, ariko baratsinzwe bose mu migambi yabo. Nka Yesu, Dawidi yarafite abanzi bamuhora ubusa. Ariko Imana yagiriye Dawidi ifuye n'ishyaka ryinshi.

Urusaku rw'ibyishimo ruturutse ku majwi y'ibyishimo. Hashimwe uwo, wahaye abana be kunesha. Niwe utanga ubutsinzi. (1 Abakorinto 15:57). Aha imbaraga abananiwe, (Yesaya 40:29). Reka umunyantege nkeya avuge ko akomeye (Yoweri 3:10). Arwanya abibone, ariko agirira ubuntu abicisha bugufi (Yakobo 4:6).

Ukuboko kw'iburyo kw'Imana ni ikimenyetso cy'imbaraga no gukomera kwayo. Ikiganza cyayo ikizamura mu mwanya wagenwe, kubw'icyubahiro n'ikuzo ry'izina ryay. Abafite ibyiringiro byabo muri YEHOVA ntibazakorwa n'isoni.

Tera umuntu imbaraga uyu munsi, ubabwire ibyo Imana yagukoreye mu buzima bwawe. Agakiza ni ak'Imana kandi yasoje umurimo wayo kuri ko. Mwishime, nongeye ngize nti, nimwishime.

Aho waba uri hose ku isi, iki gitondo, uwo waba uriwe wese (Umuyuda n'Umugereki) kanguka usingize Uwiteka. Ntihagire ikiguhugabanya cyangwa ngo kigutere ubwoba, gwino imbere y'intebe yayo y'ubuntu wemye.

Amajyaruguru, amajyepfo iburasira n'iburengerazuba hagarara mu gitinyiro cye. Arakomeye. Isi yose igaragaza gukomera kwayo n'icyubahiro cyayo. Ni Imana ivuga kandi bikaba. "Nk'uko yavuze kandi bikaba". Kuraho ibigirwamana byawe, rekeraho uburyo ubwo aribwo bwose bufite aho buhuriye no kuramya abakomeye n'ibigirwamana, himbaza Imana yonyine. Yaremye ibintu byose, isi yose ni iye, ni igitutsi kunama ugapfukamira icyo aricyo cyose cyangwa uwo ari we wese utari Umuremyi.

Ramya Imana n'umutima wawe wose iki gitondo. Uyunamire, uyihimbaze YO YONYINE.

Umunsi wa 99:

Kuburanirwa
Abaroma 8:4

FREE COPY

Umuntu wese ushakisha kuburanirwa n'imirimo y'amategeko, aba ahinyuye gukiranuka kwa Kristo. Kuri uyu muntu, urupfu rwa Yesu ntacyo rusobanuye. Niba umuntu agizwe umwere n'amategeko, ubwo urupfu rwa Kristo ku musaraba rwaba ntacyo rwakoze.

"Icyo amategeko atashoboraga gukora muri byo, cyari cyoroshye kubw'umubiri, Yesu yaragikoze yohereza umwana wayo mu isura y'umubiri ukora icyaha, imwohereza kubera icyaha: Yaciriyeho urubanza umubiri ukora icyaha, kugirango ibyo gukiranuka kw'amategeko byuzurizwe muri twe, abatagendera muby'umubiri ahubwo bagendera muby'umwuka.(Abaroma 8:4)

Intego yokuza kwa Yesu no gupfira ku musaraba kwari ukutuzanira gukiranuka, tubiheshejwe no kwizera. Uku gukiranuka kuduhesha guhagarara imbere y'Imana. Hariho uburyo bumwe bwo gutsindishirizwa n'uburyo bumwe bw'agakiza kuri bose yaba Abayuda cyangwa Abagereki: Ibyiringiro muri Kristo. Uku kwizera gukoreshwa n'urukundo atari urwo gukunda Imana gusa, ahubwo no gukunda abantu.

Umuns wi 100:

“Reka abantu bangende, kugirango bankorere Kuva 9:16

FREE COPY

Abakonikoni n’abanyabufindo ntibari bagishoboye guhagarara imbere ya Mose, kuko bari batwikiriwe n’ibishega (Kuva 9:11). Iyo byabaga nta gicu cyo gushidikanya, abatasi n’abanzi ba Isiraheri bamenyaga ko Imana yagaragaye, ariko bararenga imitima yabo ntiyahinduka. Gucika intege ni ibiri mu kamero k’umutima w’umuntu, kandi bishobora gukurwaho gusa n’ukuboko kw’Imana. (Ezekiyeri 36:26).

Mose yakomeje kuba muzima ntiyakorwaho n’imbaraga z’Imana. Yazamuwe kuva mu busa, kubw’icyubahiro cy’Imana. Imbaraga z’Imana n’imirimo yayo ikomeye yahuye no kwigomeka, gukomera kw’imitima n’ibikorwa by’ubugomye byaturukaga kwa Farawo. No mu gihe abarozi ba Farawo batangaraga bati “Uru ni ututoki rw’Imana” umutima wa Farawo wari ukinangiye, ntiyashoboraga kumva. Farawo yarakomeje yanga “Kurekura ubwoko bwange ngo bugende bunkorere”

Nta n’umwe wagereranywa n’Imana

Imana itanga ubutabera kubarenganye bose (Zaburi 103:6, Zaburi 146:7). Farawo yishyize hejuru arwanya abana b’Imana (Kuva 5-10), ariko Imana yakomeje kumwemerera kwinangira umutima cyane kugira ngo bizerekane gukomera cyane kw’imbaraga n’icyubahiro cy’Imana.

Ni iki gishaka kwizamura ngo kirwanye imbaraga z’Imana mu buzima bwawe? Buri Farawo wese azashyirwa hasi. Imana izashwanyaguza Farawo ikoresheje imirimo ikomeye y’ukuboko kwayo. Imana izakoresha ibihe bimeze nka Farawo (agasuzuguro, kwigomeka, intambara, kubangamira Imana kose) kugira ngo yerekane ko ari Imana. Ninde wahangana n’imbaraga z’Imana akaba muzima ntapfe?

Umunsi wa 101:

Itara ryawe rigume ryaka!!!
Matayo 25

FREE COPY

Nta muntu n'umwe uzi umunsi cyangwa isaha Umukiza, umuneshi azagarukiraho. Ikifuzo cya Satani ni uko abizera bakomeza bakigendera bazenguruka ariko mu matara yabo nta mavuta arimo. Umwanzi yishima iyo abasha kuyobya abizera mu gukomeza gukorera Imana: ariko bagahorana imirimo itarangira. Iyo mirimo ugasanga ntibasigiye n'akanya na gato ko kugirana ubusabane bwihariye n'Imana.

Matayo yabisobanuye neza mu ijambo ry'Imana: Iki nicyo gisubizo Imana izasubiza bamwe: "Sinigeze nkumenya". –Matayo 25:1
Ayo ni magambo umuntu wizera wese atifuza kuzumva, aya ni amagambo, aho nta muntu by'umwihariko wifuza kuyatekerezaho, ariko tugomba kuyatekerezaho. Ni gute amagambo nkaya umuntu adakwiye kuyaha agaciro?
Amatara atarimo amavuta? Ese ubundi ibi bishushanya iki?
Niba itara ridafite amavuta muri ryo, birumvikana ni nk'ikibindi kirimo ubusa. Rifite ibintu byose biranga itara rizima rigaragara nk'itara, ariko ntirishobora gutanga urumuri. Itara rishobora no kuba rikoze mugikoresho gihenze. Iyo ricunzwe neza rishobora no guterekwa ahantu nk'umutako, uteretse ahantu abantu baribona ariko mu by'ukuri ridakora umurimo ryakorewe. Mu bisanzwe, umukwe atekereza ko umugeni we agomba kuba yiteguye ndetse yambaye n'umwenda w'ubukwe ku munsi nyirizina w'ubukwe. Tekereza umukwe ahageze ngo atware umugeni, agasanga arasinziriye? Yagira ubwoba ndetse yatangara cyane, ndetse siwe gusa ahubwo n'abatumirwa bagwa mu kantu.

Mu muco wacyera w'Abayahudi, abagombaga kwambarira umugeni basohokaga mu nzu bacanye amatara mu gihe basohotse bagiye gusanganira umukwe. Abagombaga gufasha umugeni nabo bagombaga kuba biteguye kandi bategere umekwe. Uburyo bwo gukoresha abakobwa icumi b'ingaragu muri Matayo 25 bwaturutse muri uyu muco. Uwizera wese akwiye kuba yiteguye kandi ategereje kugaruka kwa Kristo. Umukwe utiteguye ashushanya umukristo w'umwirasi. Akora ibigaragara inyuma gusa atitaye kubiri mu mutima we. Umuntu nkuyu agendana amakarita aba yambaye ngo abonwe n'abantu, ariko atizeye mu mutima ko Kristo azagaruka. Ntibategereza ntibabyitayeho, ntabwo biteguye. Imitima yabo ntabwo yiteguye bikarangira bari mugice cy'abategereje gusa gugihe cyo gutegereza.
Itara rifite amavuta
Itara ryuzuye amavuta riraka rigatanga urumuri. Uwizera wuzuye ijambo ry'Imana, azaka abengerane nka diyama. Ijambo ry'Imana niryo riha abana umucyo w'Imana. Ijambo ry'Imana ni umucyo urasira mu mwijima w'iyi si (Abafiripi 2:15). Umucyo ushushanya imbaraga. Imbaraga z'umwuka wera zibyara ishyaka

n'umuhate mu mutima w'uwizera. Umucyo w'Imana utanga ubuzima bwiza bwo mu mwuka k'uwizera. Uzabakomeza ubayobore mu gihe cy'umwijima, ibihe byo gucika intege, ibihe by'urujijo no kudasobanukirwa. Ijambo ry'Imana ni urutare uwizera ahagararaho mu gihe ibindi byose bigaragara nk'ibinyeganyega cyangwa bihirima. Uyu mwana w'Imana azahagarara yemye mu KWIZERA.
Itorero ni umujyi wuhatse ku mpinga y'umusozi. Intera yose yaba iri hagati y'umuntu n'iyi mpinga y'umusozi, ntibuza ko abona urumuri ruwuriho. Itorero ni umugeni, Kristo ni umukwe. Azaza nk'umukwe witeguye kandi uriho (Ibyahishuwe 19:7-9). Kristo ntabwo aje kureba itorero ryapfuye. Ese uramutegereje, uramukunda, uramuramya? Ese uri ku birenge bye buri munsi, umusenga, umwereka intege nkeya zawe, umwinginga kandi umusaba? Reka twibuke ko abakobwa bose icumi muri Matayo 25 bari bananiwe. Ntabwo ari batanu gusa bari bananiwe, oya ni bose bananiwe barasinzira nkuko inkuru ikomeza ivuga. Birasanzwe no kuwizera gukura cg kunanirwa. Hazaba umwijima aho uwizera azavuga ati "Singishoboye gukomeza". Ikibazo ni "ujya urambirwa ngo usubire mu mubiri….., ugakomeza ukora ibigaragarira amaso y'abavandimwe? Cyangwa urakomeza ugatumbira Imana, wigishwa n'umwuka wera, ugasenga, ukizera, ukiringira kubw'ubuntu Imana izakureberamo?"

Ndasenga ngo umere nk'uriya mugeni witeguye, n'itara ryawe ribe ryuzuye amavuta, witeguye kandi utegereje umukwe ko ashyika. Umukwe natinda, uzaguma ukomere, ushyiremo amavuta yawe witeganirije, itara ryawe rikomeze ryake kugeza Kristo agarutse. Amen

Uhishira igicumuro cye aba ashaka imbabazi, Ariko uhozaho urutoto atandukanya incuti z'amagara.

FREE COPY

Umunsi wa 102: Izere ikiruta ibindi 1 abakorinto 3:7

FREE COPY

Nibyiza kwizera uruta abandi mu bavandimwe bawe kurusha kwizera ikibi no kwangiza ubushuti wahawe n'Imana. Ni byiza guha umuvandimwe inguzanyo, akaguhemukira mbere y'uko umucira urubanza yewe na mbere y'uko umumenya. 1 abakorinto 4:5 havuga ngo ntugace urubanza mbere y'igihe cyarwo. Ni ubuhumyi kwemera ikintu utarumva. Satani yanga ubumwe n'ubushuti, iyo abizera bahuye bakishyira hamwe bakarwanya ubwami bwa Satani, bikubita ubwami bwa Satani hasi. Ubwami bwacitsemo ibice, bucika intege imbere y'ingamba z umwanzi.
Urukundo rurizera mu bintu byose:
Urukundo ntirujya rucika integer. Rurakomeza no mugihe cy'imiraba. Urukundo rurizera cyane. Ntirushobora kwemera gutsindwa nk'umusaruro wa nyuma, ahubwo rushakisha ubundi buryo bushoboka mu kindi gihe.

Urukundo rwihanganira ibintu byose
Urukundo rwihanganira ibigeragezo, umubabaro, uburwayi, guhemukirwa, ibyiyumviro by'umutima n'igihemu. Rubabarira abaguhemukiye n'abakuvuze nabi nk'uko Yesu yabigenje. "Ubwo bamutukaga, ntabwo yabasubije ngo abatuke, baramubabaje, ariko ntawe yahindukiyengo nawe amubabaze, ahubwo yarakomeje ariyizera ubwe we, uca imanza uko bikwiriye" 1 Petero 2:23)
Muri Kristo, ugomba kuza ahantu ho gukura no kuba umunyembabazi ku bandi. Kugirirwa nabi ni kimwe cyangwa agace gato mu gihugu uwizera egenderamo. Gusigwa amavuta bikurura udusimba (isazi). Uwizera agomba gusengera abanzi ubudasiba. Kubabarira, no kwereka ubugwaneza abanzi bawe, bituma ibyo guca imanza ubiharira Imana. Abaroma 12:20

"Niba umwanzi wawe ashonje, mugaburire; niba afite inyota muhe icyo kunywa. Nukora ibi uzaba umurundumuriye amakara yaka ku mutwe"
"Kwihanganira" ikintu, bisobanuye kukigendana, cyangwa kubana n'ikintu kitagushimishije. Ndabashishikariza bene data muri Kristo, kwirukanka amasiganwa yanyu hamwe no kwihangana. Izerere mu cyiza kurusha ikindi, izere uwo kwizerwa, mwihangane kubwo gushaka Kristo.
Mutekerezo kuri ibi byanditswe
Imigani 13:12
Imigani 11:13
Imigani 17:9
Imigani 17:9

FREE COPY

Urukundo rushima

Urukundo ntirunezezwa no kugwa cyangwa gutsindwa kw'abandi. Rwishimira mu kuri.

Urukundo ntabwo rukora ibirori mu gihe abandi bari mukaga. Urukundo ruzamura abandi, ntabwo rubatsindamiza hasi. Urukundo rushimishwa no kubona abandi batsinda. Urukundo rushimishwa n'ibyiza by'abandi.

Urukundo rutwikira abandi iyo bambaye ubusa.

Umunsi wa 103:
Urukundo rw'umukirisitu n'ibikorwa by'urukudo
Luka 6:36

FREE COPY

Gukunda umwanzi wawe, ubanza kiri mu bintu bikomeye umuntu asabwa gukora. Nk'umwana w'Imana ni bumwe mu buryo bwiza uba ubonye bwo kwerekana urukundo rw'Imana mu isi ihumye kandi itizera. Bibiliya idushishikariza gukunda abanzi bacu. Imana yasezeranye kuzaduha Ubuntu buzadushoboza gukunda abanzi bacu.

Ibikorwa by'urukundo ku mukristo ni ukutikunda cyangwa ukutihugiraho. Yerekanye impuhwe kubamweretse ubugome. Iyo umukiza aza kugenzereza isi nkuko yamugenje, ubu tuba turi aharindimuka. Yesu Kristo byose yarabyirengagije ahinduka inshuti y'abanyabyaha.

Gutanga by'ukuri ni igihe umuntu ahaye, adategereje ko hari ikizamugarukira. Uwiteka Imana yerekana impuhwe ku bantu bose batuye isi. Abazirikana, abatazirikana n'ababi, bose bagerwaho n'impuhwe z'Imana ziturutse mu mutima wayo ukunda. Urugero: Izuba ntirirareka kuva umwaka ku wundi, igihe cyo kubiba iteka gikurikirana n'igihe cy'isarura. Ibihe byisi biguma uko byahoze bisimburana: Impeshyi, urugaryi, itumba n'umuhindo.

N'ubwo isi itazirikana cyangwa ngo ishimire Imana kubw'impuhwe zayo, yasezeranije ko impuhwe zayo zizagumaho kugeza iteka ryose (Zaburi 136:1). Buri gitondo haba hariho ibishya (Amaganya ya Yeremiya 3:22-23). Gukiranuka kwe kurahambaye. Ntabwo icika intege cyangwa ngo inanirwe gukora neza (Yesaya 40:28, Zaburi 121:3) uki ni nako uwizera Kristo agomba kumera. Indashima, abatazirikana n'ababi ntibakwiye kutubuza kugumya kuba beza no gukora ibyiza.

Umunsi wa 104: Iby'ubugoryi n'iby'ubupfu ku isi Mariko 8:36

FREE COPY

Ariko ibitunga ubugingo, ni ibidafite umumaro ku myumvire y'isi. Ibitanga umugisha ku bugingo bikazamura icyubahiro cy'Imana, bihabanye cyane n'ibitanga icyubahiro ku bantu bo muri iyi si. Gusenga ibigirwamana by'iyi si bigomba kurwanywa, bikamaganwa mu buryo bwose bushoboka, kandi bigakorwa n'umwana w'Imana.

Abashaka kwambara ikamba ryo gukiranuka, nabwo bagomba gusuzugura umusaraba "nakora byose kubwa Kristo umpa imbaraga"Abafiripi 4:13. Ibyo ni ibyo Kristo ashyigikiye yewe na byabindi bikungahaza ubugingo.
Kuba umukristo yari icyo bigusaba?
Nagiye nigira kubunararibonye bw'abantu, ko kwiyemeza kujya mu bintu bikungahaza ubugingo, ugomba kubanza gucyenera umwuka wera w'Imana. Hari ibintu bimwe kuby'uyumubiri bidashobora kuguherekeza mu gihe urimo wurira umusozi. Kimwe gusa, uzitura hasi. Hari abantu bamwe badashobora kurira ahakomeye urimo wurira kubera uburemere bw'ibyo batwaye. Kugira ngo ugere ahantu hakomeye ngo ubone umwuzuro w'icyubahiro cy'Imana, ugomba gufata icyemezo. Yosuwa 24:14-15 habishyira kur uhande, "Uyu munsi muhitemo uwo muzakorera "

Gukungahaza ubugingo bwawe
Ushobora kuba warumvise ijambo "Ubugingo buziritse"Ese ubugingo bwawe buziritse kuri Kristo cyangwa buziritse ku bintu 1.000.001 cyangwa kubantu 1.000.001? Gukungahaza ubugingo bwawe ntahandi hantu bishobora guturuka uretse kugushaka no kumenya Kristo.

Ucyeneye kugira imibanire myiza n'umugaba w'ubukungu. Esawu yaguranye umugabane we ibyo kurya. Umuntu ashobora kugurisha ku Mana ubukungu bubi bw'iyisi. Ibishashagirana by'iyi si ntacyo byakumarira, uramutse wisanze ahantu habi Kristo agarutse.
Ducyeneye gutekereza ibyo Kristo ashaka. Byitwa kutikunda. Ni ugutekereza gacyeya kuri wowe ubwawe, ugatekereza cyane kuri Kristo. Hamwe n'iyi myumvire, reka twigire ku mwuka wera buri munsi. Reka rero duhange amaso kuri Yesu buri saha yose y'umunsi. Reka atyaze ibitekerezo byacu, n'ibindi byose dushaka gukora. Reka twime umwanya ibyo byose bidushyira Kure y'ibyo kurya by'ubugingo.
"Byamarira iki umuntu, aramutse afite iby'isi byose ariko akabura ubugingo?" (Matayo 16:26)

Umunsi wa 105: Genda ubabwire Matayo 28:19

FREE COPY

Yesu yahaye abigishwa be inshingano muri Matayo 28:19 agira ati
"Mugende mwigishe amahanga yose"
Bahawe ikintu utamenya uko ukibara mu gaciro, kandi ntibagombaga kubigumana bonyine. Buri uwizera wese muri Kristo Yesu yahawe inshingano itoroshye yo kugenda mu mahanga yose akabwira abantu iby'umunezero yabonye. Ugomba kubwirwa isi yose.
Umurimo w'umwuka
Umwuka w'Imana ugufasha kwizera Imana, ariko ugomba gukora intambwe ya mbere yo kumva ijambo ryayo. Ni gute abantu bazumva kandi ntacyo barabwirwa?
Amahirwe ya buri munsi
Buri uwizera Kristo wese, afite amahirwe ya buri munsi yo kugenda akabwira abantu. Ukwizera kwawe kuri he niba udashobora kubwira abandi ubukungu wabonye ahantu?
Ababembe bane
Hari inkuru y'ababembe bane mu 2 Abami igice cya kane. Hariho amapfa mu gihugu abantu bagakunda gusohoka igihugu bagiye gushaka ibyo kurya. Muri uko kujya gushaka ibyo kurya, hari abaguye ku butunzi bukomeye bwa Zahabu hejuru hatwikirije imaragarita n'ibyo kurya. Bari babonye ibintu by'agaciro byagombaga kubabeshaho ubuzima bwabo bwose. Ariko aho guceceka ngo ubu butunzi babugumane bonyine, bahisemo kugenda babwira abandi.
Niko natwe dukwiriye kubigenza tukabwira abandi ubu butunzi bukomeye twabonye muri Kristo. Inyishyu yamaze gutangwa. Icyo wahawe ku buntu, rwose nawe ukwiye kugihera abandi Ubuntu.

Ruhuka
Rekeraho kwigora kuby'uyumubiri. Imana irashaka kuguha kuruhuka. Ese urayemereye? Azagukuraho imitwaro iremereye ku ntugu.

Umunsi wa 106:
Ba nka Yesu ube umucyo kuri iyi si
Matayo 5:14-16

FREE COPY

Yesu krsito yavukiye kuzacungura ubugingo. Yahaye akazi kubantu bose bazamwizera ko kubwiriza ubutumwa bwiza, ko kuba umucyo umurika mu mwijima. Yesu Kristo ni umugisha kuri iyi si kandi abamwizera nabo ni umugisha kuri iyi si.

Niba wizera Kristo, wavukiye KWAKA. Ntabwo wavukiye kwikunda no kwiyitaho, ahubwo wavukiye gutwara isi, ukayiha UMWE rukumbi waguhaye icyizere, umukiza w'ubugingo bwawe. Ni UMUCYO w'isi (Yohana 8:12). Uwizerera muri Kristo ni igitereko cy'urumuri kuri iyi si y'ikibi. Ikintu cyose yakabaye avuga icyubahiro cya Kristo. Ikuzo rye no gusingizwa birasira mu mirimo y'amaboko ye, ku cyubahiro cye no gusingizwa by'IZINA RYE RYERA. Ubwiza n'umucyo bigaragara k'umwana w'Imana, bituruka k'umwiza umwe.

Ni iby'icyubahiro gikomeye gukorera Imana. Isesekaza Ubuntu, gukomera n'ubwiza kubana bayo, kugeza abantu babonye umurimo wayo mwiza, bagasingiza Data wo mu ijuru. Ubutunzi buhambaye buri muri Kristo. Urihariye kandi utandukanye n'isi, niba uri uwa Yesu. Ba igishashi cy'urumuri kidashobora gusuzugurwa.

Umunsi wa 107: Ibikunzwe by'ubugingo Matayo 9:37

FREE COPY

Mu gihe Yesu yari ku isi, yarafitiye impuhwe abantu batandukanye batatanye nk'intama zazimiye.
"Ariko amaze kubona benshi, yatwawe n'impuhwe yabagiriye kuko bari bananiwe kandi batatanye, bameze nk'intama zidafite umwungeri." (Matayo 9"37).
Mugutwarwa n'impuhwe, yabonye kutita ku bintu kw'abantu. Bari injiji, nta byiringiro bafite, nta bufasha bafite kandi babayeho nabi mu buryo bw'umwuka. Yesu atwarwa n'impuhwe zikomeye cyane. Umutima we wuzura umubabaro kubera imibereyo ubugingo bw'abo bantu bwari bubayemo.
Wumva umerewe ute iyo ubonye ababayeho nabi mu buryo bw'umwuka impande zawe? Hari ubwo wumva ubagiriye impuhwe? Hari ubwo wumva ugiriye urukundo abantu nkabo babayeho mu bujiji? Hari ubwo ujya wumva ufite ubushake n'ibyiyumviro byimbitse by'umutima byo guhindura ubugingo? 1 Abakorinto 2:16, "Dufite ubwenge bwa Kristo". Niba dufite "Ubwenge bwa Kristo", twagombye kwifuza ko abafite ubwenge bwasabwe n'umwijima, baza bakinjira mu mucyo. Yesu yaje kubw'ubugingo. Niwo wari umurimo we wambere ku isi.
Agakiza k'umugore cyangwa umugabo. Katanzwe kubw'ubuntu, ntabwo ari kubw'imirimo iyo ariyo yose. Ubuntu bushobora gukurura umuntu bukamuvana mu byo yaba arimo byose. Reka dusenge kugirango Imana y'ubushake bwo gusarura izamure imitima y'impuhwe, yohereze abakozi bayo baze gusarura. Amena

Akazi ka Kristo ku ntumwa aho zihererereye hose: KWIGISHA UBUTUMWA BWIZA
Yesu Kristo, usengwa, ushyirwa hejuru, yahawe izina riri hejuru y'andi mazina yose. (Abafiripi 2:9). "Ubushobozi bwose mu ijuru no mu isi bwahawe we" (Matayo 28:19). Umukiza w'ubugingo, wuzuye impuhwe n'urugundo. Ufite urufunguzo rw'urupfu n'ikuzimu.
Acira imanza amahanga yose yo ku isi, yaremye isi n'isanzure. Kuri we hatemba amazi y'ubugingo, kandi iyatangira ubuntu ku muntu wese ufite inyota. Niwe mutsima w'ubuzima kandi uwo mutsima utangirwa ubuntu kubashonje. Niwe mwuzuro w'Ubumana. Ni irembo w'ubuzima bw'iteka.
Bwira umuntu umwe uyu munsi, iby'umwe ubabarira ibyaha kandi utanga ubuzima bw'iteka. Ni umucunguzi w'ubugingo bwacu.

Umunsi wa 108:
Uyu munsi urera: Nimwishime!
Nehemiya 8:11

FREE COPY

Ni umunsi wo kwishimira ubugwaneza bw'Imana. Mu gihe cy'ibirori by'ubutsinzi, buri wese yishimiye imbere y'Imana. Ibyo kurya n'impamno byahawe abatari bishoboye kurusha abandi, nko mu Kubara 16:1, Esiteri 9:19, Abalewi 23:23. Ntabwo byari ibihe byo kurira kuri buri wese, mu gihe abandi babaga bishimye. Imana irahamagara buri wese, utarebye ku bibazo urimo, kugira ngo tunezererwe Imana.

Buri munsi, buri kwezi, buri mwaka, tubaho muri iyi si, uba ari umunsi wo kwishsimira Kristo. Turebeye mu byo Yesu yakoze, tuba dukwiye kwishima buri munsi. Umunezero w'Imana ugomba guhoraho ukaba imbaraga zacu, kandi ibi bigomba no kugaragara mu buzima bwacu bwa buri munsi kuri buri kimwe cyose tuba dukora.

Sohokera uyu munsi mu byishimo by'Imana nk'uko ijambo ry'Imana ryabigennye. Reka umutima wawe wuzure amashimwe. Reka umubiri wawe n'ubugingo bisubizwemo imbaraga n'ibyishimo by'Imana. Hamwe n'ibyishimo tanga igishoboka cyose ugihe Imana. Hamwe n'umunezero, zamura ijwi ryawe utanga ituro. Reka ibyishimo by'Imana bibe imbaraga zawe uyu munsi n'iteka ryose. Agahinda gaca intege umubiri, ariko umunezero urawukomeza. Ese ntabwo Umwami Mana yababereye mwiza? Nimwishime, ndongeye ngize nti NIMWISHIME !!!

Umunsi wa 109:
Urukundo rushya, ibitekerezo bishya, kuremwa bushya
2 Abakorinto 5:1-7

FREE COPY

Niba uri muri Kristo, uri icyaremwe gishya, ibyacyera biba bikuweho ibintu byose bihinduka bishya. Imbaraaga zimwe zishobora kuzana kuvuka gushya ni umwuka wera w'Imana. Niba wizera Kristo, wavutse bushyashya. Ntabwo ari ukuvuka bisanzwe, nk'uko wavutse. Bifatira ku kuvuka bituruka ku Mana (Yohana 1:12-13). Ni umugambi w'ubuntu bwo gucungura kw'Imana mu mu gambi wayo w'agakiza.
Isura y'Imana yasubijwe agaciro
Ubushobozi bwo kwizera Kristo, ni igice kimwe cy'ubuntu bw'Imana. Ni umwuka w'Imana ukora kuri twe ukadusubiza agaciro muri we. Nta mbaraga dufite muri twe zo kwisubiza agaciro ku Mana. Ni umurimo w'ubuntu. Umugambi w'Imana ni ugusubiza abantu agaciro cyangwa gusana isura yayo muri twe. Twese twaraguye kubw'icyubahiro cye (Abaroma 3:23), nta n'umwe wakwije ibyo dusabwa gukora. Ni Umwuka w'Imana gusa utugenza k'ubuntu no ku kwihana by'ukuri.
Impuhwe za cyera, kwifuza, gusobanukirwa, ko uhagaze, ibitekerezo, n'umutima udutera gukora ibyiza, bigenda bihinduka buhoro buhoro, ni umurimo ukomeza w'Imana.

Umunsi wa 110:
Umucyo uhoraho mu isi yijimye
Matayo 25:1-13

FREE COPY

Umwuka w'Imana ukora akazi kadasanzwe ko gutanga icyizere cy'umucyo uhoraho w'itorero. Nk'umujyi wubatse ahantu hirengeye, uba ugaragarira hose, umujyi wubatse ahantu hirengeye ni uw'ingenzi. Kuko uba ushobora kuwubona uri ahantu hejuru kumusozi cyangwa ukawurebera ahantu hasi mu kibaya.

Itorero ryahuye n'ibibazo

Nk'umuyobozi ukomeye, Zerubaberi yahawe inshingano zo kongera kubaka urusengero. Byari akazi katoroshye. "Keretse ko Imana yakubaka inzu, naho ubundi abubatsi bo baba barushywa n'ubusa ". (Zaburi 127:1). Zerubaberi yari burangize kubaka urusengero, byongeye bikozwe n'ibiganza by'umwana w'umuntu. Barongeye bubaka ibikuta kubw'Imabaraga z'Imana.

Ibi ni igishushanyo cyiza cy'itorero uyu munsi

Itorero niryo muhamya ku isi. N'ubwo rihura n'ibibazo bitandukanye n'ubuyobe bwinshi, rizakomeza rirebe imbere kandi ntabwo umwanzi azaritsinda. Rizatsinda atari ukubera imbaraga zaryo, ahubwo kubw'umwuka w'Imana.

Amazuta yuzura itorero ni Umwuka Wera. Ni itara ribonesha, rimurika cyane buri munsi, n'ubwo rimurikira mu bicu byijimye. Kuki utakifatanya na za miriyoni z'abizera ziherere ahantu hatandukanye ku isi yose mu gusengera itorero uyu munsi? Imana yamaze kuboneza inzira zari zigoramye (Yesaya 45:2)

Ntabwo byari ibintu bisanzwe ku bafarisayo, ariko byari byamaze kwemezwa n'Imana. Yari umwungeri wagombaga gutanga ubugingo bwe akazongera akabusubirana. , yagombaga gupfa akongera akazuka. Urupfu rwa Kristo ku musaraba rwari igice kimwe cya gahunda ye n'umugambi we. Yabikoze ku bushake, nta muntu n'umwe wigeze amuhatira kubikora. Byari igice n'umugabane wa gahunda y'Imana.
Yohana 10:17-18

Umunsi wa III: Kwizera kunesha isi 1 Yohana 5:5

FREE COPY

Imikorere y'isi na sisiteme zayo bikoze mu buryo bwo kugufata ukaba kure y'Imana kandi bigafatisha bugwate ibitekerezo byawe bigahugira kuby'isi bibora. Isi igumana inzirakarengane, ikazigaburira ibigezweho, ikazigerageza ikoresheje uburyo bwose butuma bava muby'umwuka bakigumira mu buzima bwo kwinezeza. Uko byamera kose, isi nta mbaraga ifite k'umuntu wizera wamaze kwinjira neza muri Kristo. Iyo umwanzi ashatse kurangaza cyangwa guhuza uwizera, uwo azatsinda kuko yizerera muri Kristo Yesu. Uwavutse ku Mana wese azatsindisha isi kwizera. N'abanyantege nkeya bizera, batsindisha kwizera.

Yesu yuzuzaga ubugingo ibintu bikomeye nk'ibyo kubwe, kugeza kurwego nta mwanya n'umwe yabonera ikindi kintu. Ibintu by'akanya gato biboneshwa amaso ntacyo biri cyo ubigereranije n'ibintu bitaboneshwa amaso, ibintu by'iteka ryose.

Isura ya Yesu yagaragazaga umucyo w'icyubahiro cy'Imana. Nimwishime, munezererwe Yesu uyu munsi, yego mwebwe mwatsinze isi.

Umunsi wa 112:
Ni iki cyageranywa n'amahoro muri Kristo
Yohana 14:27

FREE COPY

Amahoro y'iyi si ashingiye ku bintu by'inyuma, ibintu byako kanya by'urucantege (Yeremiya 6:13-14). Amahoro y'isi, aturuka kubikoresho ufite, aracirirtse imbere y'ubugingo.

Nta gaciro afite mu buryo bw'umwuka. Mu kundi kuboko, amahoro y'imbere y'umutimanama, amahoro y'ubwenge niyo dukwiye gucyenera. Ni amahoro mu kumenya ko ibyaha byacu byababariwe kandi ko twiyunze na Kristo. Ni amahoro aboneye kandi ahoraho, yubakiye ku masezerano mu ijambo ry'Imana. Ni amahoro aboneshwa amaraso y'igiciro y'umwana w'intama. Amaraso ntashobora gutakaza imbaraga zayo. Ashikamisha, agakomeza ubwenge, umubiri n'ubugingo mu kigeragezo icyo ari cyo cyose.

Ntimuterwe ubwoba mbere

Yesu mbere y'uko agenda, yabanje gukomeza abigishwa be. Ko bazaca mu bigoranye, ko bazahagarara imbere y'ubuyobozi bagahura n'ingorane, ariko ngo ntibazagire ubwoba. Gusa ntibyababujije kugira ubwoba. Muri ubwo bwoba, bagize amahoro. Uzagira amahoro nureba ibibazo bitandukanye uri gucamo, ukabirebesha amaso ya Kristo. Yiteguye kukubabarira. Ni umuti w'umutima utewe ubwoba.

Kristo niwe utanga amahoro n'ubwo isi iyigizayo. Icyo Kristo atanga cyashyizweho kugeza iteka ryose, ni icy'ubuziraherezo. Yiteguye gutanga kandi agatanga byinshi, hejuru y'ibyo kandi dushobora gusaba no gutekereza. Zaburi 81:10 havuga ngo "Bumbura akanwa kawe cyane, ndakuzuza".

Bumbura akanwa kawe cyane muri kino gitondo, kugira ngo Imana ikuzurishe ubugwaneza bwayo Reka amahoro y'Imana arenze ubwenge bwacu, arinde imitima yanyu n'ubwenge (Abafiripi 4:7) Amena

Nimumere nk'inyenyeri yaka cyane, imurika mu isi yijimye. Nimwake nk'inyeneyeri uyu munsi, mureke isi yose imenye iby'umunezero mwabonye. Nk'uko inyenyeri zakira hejuru mu kirere kijimye, nimuzane umucyo w'ijambo ry'Imana ku mitima no ku buzima bw'abantu. Ijamboo ry'ubugingo ni umucyo, risangize abandi. Gira uwo ubwira ibya Yesu uyu munsi.

Umunsi wa 113:
Imbaraga, urukundo no kwirinda
2 Timoteyo 1:7

FREE COPY

Akajagari, ubwoba, kugwa mu mutima n'ubugoryi ntabwo ari byo Imana yifuriza abana bayo.

"Kuko Imana itaduhaye umwuka w'ubwoba, ahubwo yaduhaye umwuka w'imbaraga uw'urukundo n'uwo kwirinda" (2 Timoteyo 1:7)

Muri iyi minsi ya nyuma, abizera aho bari hose bazacyenera guhanga amaso kuri Yesu. Mu maso h'iyi si irwanya ijambo ry'Imana, abana b'Imana bazacyenera imbaraga n'umuhate. Ni imbaragaa z'Imana zizashoboza abizera kuguma ku Kwizera n'ubwo haba hari impamvu nyinshi zihari zo kunanirwa kwizera. Umwuka w'Imana atanga inkomezi muri iki gihe kigoye.

Urukundo rw'Imana rwakomeje kuzanwa mu mitima yacu n'Umwuka wera (Abaroma 5:5). Uru rukundo ruduha ubushobozi bwo gukorera Imana n'umutima wose. Kandi uru rukundo rudushoboza gukunda bene data muri Kristo. Uru rukundo na none rugera kuri iyi si irimbuka, yihebye icyeneye Kristo. Ntabwo uru rukundo rutinya umuntu (Zabuuri 18:6, Abaroma 8:31). Urukundo rw'Imana rudutegeka guhanahana inkuru nziza n'umuhate ku bantu bazimiye.

Amahoro ni impano ituruka ku Mana. Yesu Kristo yishyuye igiciro kinini kugira ngo tubone umudendezo. Kubera we, dufite ubwenge. Urukundo rw'Imana rurayoboye, rutitaye kubiriho, ibihe n'imibereho n'ibyo abantu bacamo.

Amahoro y'Imana, arenze ubwenge bwacu, arinde imititima n'ubwenge ku bwa Yesu Kristo (Abafiripi 4:7).

Kwigirira icyizere mu isengesho

Dusengere Ubuntu kugirango budushoboze gukora no kuba uko Imana ishaka ko tuba. Nk'uko imibiri yanyu ibibemerera: Musenge mukurikije gushaka kwayo. Gushaka kw'Imana kwarerekanwe mu ijambo ryayo. Ugomba kwiga ijambo ryayo kugira ngo uyimenye by'ukuri, kandi usobanukirwe inzira zayo. Azakuyoboza umwuka wayo kandi aguhe gusobanukirwa ijambo rye. Imbaraga ze zizagushoboza gukora ubushake bwayo.

Umunsi wa 114:
Igifite agaciro kurusha izahabu
Yohani 3:16

FREE COPY

Ubuntu ntabwo bwazanwa n'izahabu cyangwa ifeza. Ijambory'Imana rituyobora aho ibyiyumviro bya muntu bitatutuyobora. Ijambo ridukura mu makosa, riduha ibyo nta wundi muntu yaduha: Umunezero w'iteka." Ibirango by'Imana biraboneye" Amabwiriza yose umuntu acyeneye abumbiye mu ijambo ry'Imana. Ni ngengamikorere y'ubuzima bwa muntu. Iyo umutima uboneye, bitanga umudendezo. Kongera kwishima k'umutima bifitwe n'abashakisha inama ziturutse ku Mana. Amavuta y'ibyishimo ni Ubuntu, kandi iyatanga mu mudendezo kubana bayo nta kigero cyangwa itayabaze.

Ibyanditswe bitanga "iyerekwa "risobanutse ryerekana ibiri bugufi n'ibiri kure. Icyiza cy'ijambo ni uko rikosora iyerekwa rikosamye, rigakuraho ibihu mu maso, rikazana gusobanukirwa. Amaso y'umuntu abona neza ntabwo aremera. Kubona neza bisobanuye kwerekana ko usobanukiwe, ufite ubwenge udakurikiza imyemerere ishaje cyangwa ifutamye. Mu myumvire y'umwuka, bisobanuye guhora witeguye mu mwuka, guhora ukurikira amakuru y'umwuka kubw'umwuka w'Imana.

Nta bwenge bw'umuntu bwatekereza ibintu Imana yateguriye abayikunda. Umwuka w'Imana ushakisha ibintu byose kandi ukamenya ibintu byose, yewe na bimwe byo mu ndiba by'Imana. (1 abakorinto 2:9-0). Ubwenge bw'ukuri, kumenya guca imanza n'ubumenyi bishobora kubonerwa muma mabwiriza y'Imana. (Zaburi 19:8).

Umunsi wa 115
Abatinya bakanizera Imana:
Abana b'Imana
Kuva 9:16

FREE COPY

Reba kuri Zaburi 3:19, dushobora kubaza ikibazo, "Ni bande BATINYA ni bande BIZERA Imana?"

Hari abantu batinya kandi bakizera Imana. Kwizera k'uwizera Kristo kugaragaza gukiranuka kw'Imana. Ni ugukiranuka kw'Imana gutera abantu kuyizera.

Ukuntu ari byiza ubugwaneza bw'Imana

Ubugwaneza bw'Imana "bushyizwe hejuru" burahishwe, burarinzwe, burihariye kuri babandi bakunda Imana. Ubugwaneza bwayo buhabwa abizera, budapimwe cyangwa ngo bubarwe. 1 Petero 1:4 haravuga ngo "bafite umugabane udakorwaho kandi udafite inenge bateguriwe mu ijuru". Umwana w'Imana afite ibyiza byose by'ibwami. Umwuzuro w'isi ni uw'Imana nabo bakagabirwa k'ubugwaneza bwayo, n'uyu mwanya mu gihe bakiri ku isi.

Bizahamirizwa bose:

Abanzi b'Imana bazareba babone kugaragara kw'icyubahiro cy'Imana, kiza ku mwana w'Imana. Ntibazabasha kubihagarika cyangwa kubibuza, habe no kwibuza kubirebesha amaso. Zaburi 10:15 haravuga ngo" Avunagura akaboko k'umugome, akamutwara aho agomba kumenya iby'ubugome bwe. Zaburi 61:3 havuga ngo "bafite umugabane udakorwaho kandi udafite inenge bateguriwe mu ijuru". Ni ubuhungiro, ni umutamenwa, ahantu yatekanye aho umwanzi atagusanga.

Kizaba ari igihamya ku isi yose ya nonaha, isi y'ahazaza no kubana b'Imana nyakuri (Abaroma 8:9)

Umunsi wa 116:
Urugamba ni urw'Imana
Zaburi 37:39

FREE COPY

Urugamba ni urw'Imana

Agakiza ko gukiranuka ni ak'Imana. Bacunguwe kubw'ubuntu bakurwa mu mbaraga z'icyaha kandi bazimana na Kristo mu cyubahiro cye ubwo azagaruka. Kugeza icyo gihe, urugamba rurakomeje kandi ni urw'Imana kururwana.

Agakiza mu ntambara

Gucungurwa ko gukiranuka kuri mu biganza by'Imana isumba byose. Danyeri yacunguwe arokoka umunwa w'intare abifashijwemo n'ikiganza kitagaragaara cy'Imana isumba byose. Umwanditsi wa Zaburi niwe wavuze kubijyanye no gucungurwa ukuwe mu mbaraga zikomeye z'umwanzi muri Zaburi 18:17

"Yandokoye imbaraga zikomeye z'umwanzi, mu banzi, bari bankomereye cyane."

Abafite kwizera kwabo mu Mana, bazaba bameze nk'abasaruzi b'imbuto, mu gihe urubuto rumwe ruguye hasi, mu maso y'umwanzi ushonje. N'ubwo bimeze gutyo, ukomeye ni umwe, ni nawe ubarwanira intambara, kandi akababuranira. Ntazemerera umwanzi wabo kubatsinda. Azabarokora mu gihe gikwiye maze abahe intsinzi.

Hagarara ushikamye

Abana b'Imana bagomba guhagarara bashikamye mu birindiro byabo kandi bakibuka ko urugamba atari urwabo ahubwo ari urw'Imana. Imbere y'amaso y'umwanzi ukomeye, abizera izina ry'Uwiteka bazaba abatsinzi. (Zaburi 20:7)

Mu kwizera no gutuza, tegereza Imana maze urebe ukuntu gutontoma k'umwanzi kuzamera nk'urusaku rworoheje.

Umunsi wa 117: Gusubiramo kw'Imana Zaburi 62:11

FREE COPY

Umwuka w'Imana azasubiramo ibintu yongere abisubiremo kenshi: Azi imbaraga n'intege nkeya zacu

Ibyanditswe byera byuzuyemo amagambo menshi n'interuro nyinshi biba byisubiramo buri mwanya. Iyo Imana ifite ubutumwa, iba ishaka kubona umusaraba, isubiramo kenshi ubwo butumwa. Niyo mpamvu mu byanditswe tubona abanditsi bahumekewemo n'umwuka w'Imana, basubiramo kenshi amwe mu magambo, nk'uko nabo baba baragiye bayasubirirwamo incuro nyinshi n'umwuka w'Imana. Muri iki gihe cy'iterambere, amagambo amwe mu myandikire turayabyibushya, ayandi tugahindura ubwoko bw'inyuguti, andi tukayacaho imironko, interuro zimwe n'ibika bimwe tukabyandika bisa n'aho bigaragara kurenza ibindi, ibyo byose ni nacyo tuba turimo kugerageza kugira ikindi tuvuga. Ni nkabwo buryo muzajya musanga muri Bibiliya ubutumwa bumwe buba bwaragiwe busubirwamo kenshi n'Imana, nkaho babyibushya inyuguti n'ibindi mu buryo bwo gutandukanya ubwo butumwa n'ubundi ngo bitere umusomyi kubyitaho by'umwihariko. Urugero mu Kuva 41:32 Farawo yahawe ubwoko bubiri bw'inzozi, ibyanditswe bivuga ngo:

"Impamvu inzozi zahawe Farawo mu buryo bubiri, ni uko ikibazo cyari cyamaze kwemezwa n'Imana, kandi Imana izabikora vuba cyane."

Umwuka w'Imana azakoresha rimwe na rimwe inkuru zitandukanye mu nzozi, ariko zisobanura ikintu kimwe. Ibi ni ibiba byemeza neza ko inzozi ari ukuri, kandi ko ibisobanuro byazo nabyo ari ukuri. Ibi ni ibyacu nk'abasomyi kwitegereza neza ubutumwa ubwo aribwo bwoswe kandi tukabufatana imbaraga n'ubwenge.

Muri Matayo 16:5-12, Yesu yakoreshaga gusubiramo amagambo, kugira ngo asobanure neza ingingo yabaga ari kuvugaho, akubita umusumari mu mutwe, mu bwenge bw'abigishwa be. Mu gace kamwe k'ibyanditswe, yashoboraga gusubiramo amagambo, ashaka gutanga ubutumwa bukomeye cyane. Yabihanangirizaga kurwana n'imyemerere y'abasadukayi n'abafarisayo, nk'uko atwihanangiriza uyu munsi, binyuze mu ijambo rye.

Kureba kuri Yesu nk'uburyo bwo kubwiriza, birasobanutse, Yesu ashaka ko dutekereza neza ibintu byose yigeze avuga. Mu yandi magambo, ashaka ko dukoresha ubwonko bwacu. Tugomba gutekereza no kongera gufata umwanya wo gutekereza ku magambo ye, noneho tugasobanukirwa by'ukuri.

Aho umwuka wera asubiramo ubutumwa ntitubashe gusobanukirwa icyo yageragezaga kuvuga, ubwo butumwa ntitukabutere umugongo. Ahubwo tuzasenge dusabe Imana kudusobanurira, itwereke ibikubiye mu ijambo ryayo. Kugeza dusobanukiwe neza: Ubu butumwa tutumvise neza umwuka w'Imana yageragezaga kohereza, tugomba gukomeza tugasenga. Amena

Umunsi wa 118: Gutekereza byimbitse ku ijambo ry'Imana
Zaburi 104:34; 119:97

FREE COPY

Isaka, Yosuwa na Dawidi reka tuvuge amazina macyeya, babonye ihumure n'ibyishimo mu gutekereza byimbitse ku ijambo ry'Imana.
Isaka yarasohotse ijya mu mirima wenyinye, hari mu gicuku nta rusaku, atekereza byimbitse ku ijambo ry'Imana aranasenga (Itangiriro 24:63).
Yosuwa yizeraga imbaraga ziva mu gusenga no gutekereza byimbitse ku ijamabo ry'Imana, "Iki gitabo cy'amategeko ntikizave mu kanwa kawe, ariko uzatekereze byimbitse ku magambo akirimo umunsi n'ijoro kugira ngo ubashe kwitegereza maze ukore nk'uko ibiri muricyo bisaba. Kuko uzagwiza mu nzira zawe, kandi uzagera kuri byinshi byiza "Yosuwa 1:8
Dawidi yatangiye gusenga byimbitse ku Mana kuva ku myaka ye akiri muto. Uko yagendanaga n'intama za se baca mu butayu, yatekereje cyane ndetse agakunda kuvuga ku kamero k'Imana. Yasengaga Imana umunsi wose. Zaburi 119:97 haravuga ngo "Oh, uburyo nkunda amategeko yawe! Nyatekerezaho byimbitse umunsi ukira"

Intumwa Pawulo yaravuze iti "Reka ijambo rya Kristo rituri muri wowe rikungahare mu bwenge bwawe, rikwigishe byungurane inama hamwe muri Zaburi, mu ndirimbo no mu bihimbano by'umwuka, muririmbe hamwe n'ubuntu mu mitima yanyu muririmbira Imana
Ubwenge butekereza byimbitse ku ijambo ry'Imana burishima. Komerera kuri ryo nka Dawidi, bikore n'umutima wawe wose. Iyemeze guhisha ijambo ry'Imana mu mutima wawe uyu munsi. (Zaburi 119:11)

"O Mutange amashimwe"
Mureke amahanga yose, amoko yose yo ku isi, dutange amashimwe kubw'impuhwe, ibyo duhabwa bitabarika, n'ubuntu bw'Imana. Reka isi inyeganyege kandi ihindishwe umushyitsi no kumenya ubutabera bwayo. Imana itanga imigisha itabarika kubantu bose. Buri wese abona ibiturutse ku rukundo rwe rwihuse kandi ruhoraho no kumbabazi ze. (Amaganya ya Yeremiya 3:22-23), kandi bihora ari bishyashya buri gitondo. Buri wese afite impamvu zo gutanga amashimwe k'Uwiteka Imana. Niwe mugaba w'ubugingo n'umwuka duhumeka. Atanga imvura ngo agaburire isi, n'izuba ryo kumisha umusaruro ngo abantu babone ibyo kurya.
Tereza amaso yawe ku Mana uyu munsi ubone ubugwaneza bwayo. Musingize Imana kuko ariko kamero kayo, ni umunyempuhwe. Mwuname hasi kubw'icyubahi-

ro cy'Imana ishobora byose. Muyihe amashimwe kuko ari nziza. Urukundo rwe rw'ubugwaneza ni IBY'ITEKA RYOSE

FREE COPY

Umunsi wa 119: Kongera kwishimira mu ijambo ry'Imana Mariko 8:36

Mbega ibyishimo byo kongera kwishimira mu ijambo ry'Imana muri kino gitondo! Ijambo ry'Imana rirayoboye kurwego rwo hejuru kurusha ubundi bwoko bwose by'inyandiko, ibihangano bibajwe n'ibyubwenge bw'umuntu. Ijambo ry'Imana rigaburira ubugingo. Dawidi yagendeye mu gutinya Imana. Ni ubwoba bwo gutinya Imana bwamuteye guhagarara mu cyubahiro cyayo. Yahuye n'ijambo ry'Imana mu BYISHIMO bikomeye.

Dawidi yagereranije ibyishimo by'Imana n'IJAMBO RY'IMANA n'umuntu uba amaze igihe kinini ku rugamba yarakubitiwe yo ariko agatsindira intsinzi. Yabigereranije kandi n'umuntu waba yishimira iby'agaciro gakomeye k'intsinzi. Intambara za buri munsi zishobora gutuma ijambo ry'Imana rirushaho kugira agaciro kanini kuri twe. Ijambo ry'Imana rirakomeye kurenza ubutunzi bukomeye umuntu ashobora kuba yageraho.

Ni nde cyangwa ni iki gishobora guhangana n'izina ry'Imana cyangwa n'ijambo ryayo? Kristo yinjiye mu rugamba kubwacu. Yaduhaye igifite agaciro kanini kurusha diyama, izahabu cyangwa ifeza …. Dukwiye kwishimira Ijambo ry'Imana kuko urugamba kuri twe rwamaze kuneshwa kubwacu. Intambara ufite nk'uwizera ni ukwishimira UKURI, kandi ukagusobanukirwa by'ukuri. Zaburi 119:162 havuga ngo:

"Washyizwe hejuru y'ibintu byose, izina ryawe n'ijambo ryawe"(ESV)

Reka ntihagire ikintu na kimwe gihagarara hagati yawe n'ijambo ry'Imana uyu munsi. Umwanzi ashaka gushukashuka ubugingo bwawe, ariko rero ukwiye guhora wishima mu bwenge bwuzuye no gusobanukirwa ko urugamba rwamaze gutsindwa. Nimwishime ndongeye ngize nti nimwishime!

Umunsi 120:
Turazengutswe, duhawe imbaraga turatwikiriwe
Zaburi 125:2

FREE COPY

Nta na kimwe gishobora guhungabanya uwizera cyeretse byategetswe n'ubushake bw'Imana. Hari ishusho yo mu buryo bw'umwuka wera yerekana uko Imana irinda abana bayo, nk'uko imisozi igose Yerusaremu. Iyi misozi ni ibimenyetso byo gukomera n'imbaraga z'Imana. Ni igishushanyo cyerekana uko Imana irinze abana bayo ikunda. Umwanditsi wa Zaburi yari azi neza umumaro wa buri jambo ryose yandikaga: "Nk'uko imisozi igose Yerusaremu, niko Uwiteka agose ubwoko bwe kuva uyu munsi kugeza iteka ryose (Zaburi 125:2).

Imisozi iba ihamye hamwe kandi ntishobora gukurwaho. Abiringira Imana ihoraho, bashyizwemo imbaraga n'amaboko y'ukomeye, nyine nk'uko imisozi igose Yerusaremu. Arabarengera akabarinda imiraba yose n'igitutsi cy'umwanzi. Nta munsi n'umwe Imana itaba iri maso irinze abana bayo ibarindishije amaboko yayo. Nta munsi w'ikiruhuko "igira". Iri ni isezerano kandi ni "Iry'iteka ryose". (Zabauri 125:2)

Munezererwe ubugwaneza no gukomera by'Imana uyu munsi. Nimwishime ndongeye ngize nti, nimwishime.

Umunsi wa 121: Imbaraga n'ubushobozi by'umugome ukaze zizarangira Zaburi 125:3

FREE COPY

Hariho ibihe, n'ibihe byo guterwa ubwoba n'umwanzi bishyirwaho iherezo n'Imana ihoraho.

Uko uwizera abayeho hano muri iyi si, ni nako ahora ageragezwa. Ishimayeri yageraageje Isaka aranamuseka, imbuto yatoranijwe. Nubwo Siriya yashyize inkoni yayo kuri Siyoni, n'inkoni iremereye ya Egiputa igashyirwa kuri Isiraheri, hari harateganijwe igihe gikwiriye cy'Imana cy'ubutabera bugusha hasi Siriya n'inkoni ya Egiputa byagombaga kuvunagurwa.

Abana b'Imana bagomba gusenga kubw'amasezerano y'ubucamanza bw'Imana kubanyantege nkeya: "Kugirango abakiranutsi be kuramburira amaboko yabo gukora ibyo gukiranirwa …." (Zaburi 125:3).

N'ubwo ubutabera bwatinze, uwizera agomba kugumya agasenga kugeza abonye ubutabera bw'Imana bwujujwe. Ni isezerano ry'Imana. Hari igihe cyagenwe cy' "Ikoni y'umwanzi" Nta ntwaro n'imwe yakorewe kurwanya uwizera, izigera iramba. (Yesaya 54:17). Ntabwo Imana izigera yemerera ikiganza cy'umwanzi gishyira abana abayo mu byaha cyangwa kibafata mu biganza. Ishyiraho imipaka ku ndwanyi y'umugome. Ijanjagura ukuboko k'umwanzi (Zaburi 10:15). Ntazigera atererana umukiranutsi. Inkoni y'umwanzi izagwa, kandi "ntizaruhuka"k'ubwo gukiranuka. Ubuntu bw'Imana burahagije kubw'abakiranutsi ngo bahagarare, banezerwe n'ubwo baba bari mu bibagerageza.

Nimwishimire ubugwaneza no gukomera kw'Imana uyu munsi. Nimwishime, nongeye ngize nti, nimwishime!

Ndabashimiye

Nshuti basomyi, mugeze ku musozo w'igice cya mbere cy ' "Amavuta y'urugendo". Ndasenga ngo buri munsi wose muri iyi minsi ijana na makumyabiri n'umwe y'Amasomo ya Bibiliya, ibe yarabaye iy'inkomezi ikomeye kuri wowe. Ni urugendo rwa buri munsi.

Ukwiye kwibuka ko Imana yavuze ko urugendo rutazaba rworoshye, n'ubwo yasezeranije kubana nawe iminsi yose, kugeza ku iherezo (Matayo 28:20). Imana irashaka ko wihangana kandi ukarwana intambara nziza yo kwizera (1 Timoteyo 6:12). Ikintu cyiza ntabwo wasizwe ngo uhangane wenyine n'ibigeragezo iyi si izakuzanira, ngo uhangane nabyo kubwawe. Ndagutera imbaraga ngo ukomere kandi ugire umwete, Imana ntabwo izaguta ntabwo izagutererana (Kubara 31:6).

Urugendo ntabwo rurangiriye hano. Igice cya kabiri n'icya gatatu by"Amavuta y'urugendo" bikomereza aho iki gice cya mbere kirangiriye. Niba udafite kopi y'igice cya mbere n'icya kabiri, wabibona byombi wohereza ubusabe bwawe kuri email: info@gihonpublishing.com ugasobanura igice cyangwa ibice ucyeneye.

Ushobora kuba kandi uzi umuntu ucyeneye inkomezi z'ijambo ry'Imana za buri munsi, ni kuki utamubera umugisha ukakimusangiza cyangwa ukamuha iki gice nawe akagisoma?

Ndagusengera kugira ngo umuvuduko wo kwaka k'umuriro wawe wiyongere umunsi ku munsi,

Nkwifuriza umugisha w'uburyo bwose.

Ruth Dickson.

FREE COPY

FREE COPY